

مترجم الى اللغة  
كينيارواندا

Ikinyarwanda

IBISOBANURO BY'INYANDIKO  
Y'AMASOMO YA NGOMBWA KURI BURI  
MUYISLAMU

شرح متن  
الدروس المهمة  
لعامة الأمة

Abashyamba mu Isengero  
ABDUL AZIZ MWENE ABDULLAH  
MWENE BAZI

Abashyamba mu Isengero  
HAYITHAM MWENE MUHAMADI  
JAMILU SARHANI

NTIBYEMEWE KUKIGURISHA

**شرح متن**

**الدروس المهمة لعامة الأمة**

**IBISOBANURO BY'INYANDIKO Y'AMASOMO YA  
NGOMBWA KURI BURI MUYISLAMU**

**CYANDITSWE**

**NA**

**SHEIKH IMAMU: ABDUL AZIZ MWENE ABDALLAH  
MWENE BAZI**

**IMANA IMUGIRIRE IMPUHWE KANDI IMUSHYIRE AHAGUTSE  
MU IJURU RYAYO**

Cyitaweho cyane

na

Nyakubahwa Sheikh

Hayitham mwene Muhamadi Jamilu Sarhani

UWAHOZE ARI UMWARIMU MU ISHURI RYISUMBUYE RY'UMUSIGITI W'INTUMWA,  
AKABA N'UMUYOBOZI W'URUBUGA RWA ATASASWIL AL ILMIY

<http://attaseel-alelmi.com>

Imana imuhanagureho ibyaha we n'ababyeyi be ndetse n'uwo ariwe wese wamuteye inkunga  
mugusohoha iki Gitabo

**Cyasobanuwe mu Kinyarwanda**

**Na**

**Sheikh TWAGIRAMUNGU Mudathir**

## IBISOBANURO BY'ITANGIRIRO RY'UMWANDITSI

Sheikh Imamu ABDUL AZIZ mwene ABDALLAH mwene BAZI (Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati:

### KU IZINA RY'IMANA NYIRIMPUHWE NYIRIMBABAZI

Ishimwe n'ikuzo bikwiriye Allah we murezi w'ibiremwa byose, kandi iherezo ryiza rizagira abatinya Imana, amahoro n'imigisha nibisakare ku mugaragu wayo akaba n'intumwa yayo, intumwa yacu Muhamadi, n'abiwe n'abasangirangedo be bose. Nyuma y'ibyo:

Aya magambo ni incamake isobanura bimwe mubyo abayislamu bagomba kumenya mu idini ya Islamu, nkaba nabyise "AMASOMO YA NGOMBWA KURI BURI MUYISLAMU" nkaba nsaba Imana ko yagirira abayislamu akamaro, kandi icyi gikorwa Imana ikacyinyakirira, muby'ukuri yo igira Ubuntu cyane. ABDUL AZIZ MWENE ABDALLAH MWENE BAZI.


### KUKI ARI NGOMBWA KWIGA AMASOMO YA NGOMBWA

Ni ngombwa kwiga amasomo ya ngombwa kuko ari aya ngombwa nkuko umwanditsi w'igitabo yacyise ndetse akanagira inama abamenyi kugira agaciro. Umuntu aramutse avuze ati "Nibyi koko aya masomo ni aya ngombwa, ariko areba abayislamu basanzwe, naho nyewe ndi umunyeshuri ndiga, urwego rwanjye ruri hejuru y'urw'abantu basanzwe. **Igisubizo:** Uyu muntu dushobara kumubaza ibikubiye mo atabisubiza, ubwo abantu basanzwe ahubwo baba bamurusha, ni ngombwa ko umunyeshuri yicisha bugufi ntiyishyire hejuru ku bumenyi ndetse no ku bamenyi, akagendera ku murongo w'abamenyi. Mu gitabo cya "Swahihul Bukhariy" Mujahidi yaravuze ati "Ntabwo umuntu yakwiga ngo agire ubumenyi mu gihe ari umuntu ugira isoni cyangwa wiyemera"

### AMASOMO YA NGOMBWA AKUBIYEMO IBIKI?

1. Uko abatubanjirije beza babanaga na Qor'an, mu kuyisoma no kuyifata mu mutwe no kuyitekerezaho ndetse no kuyigenderaho.
2. Ibisobanuriro bya Islamu na Imani (ukwemera) na Ihsani, na Tawuhidi (iyobokamana) ndetse n'ibice bigize ibangikanya.
3. Ibisobanuro by'Iswala.
4. Ibisobanuro byo Gutawaza.
5. Kurangwa n'imyitwarire y'idini ndetse n'imico ya Kislamu.
6. Kuburira abantu kwirinda ibangikanya n'ibindi byaha by'ubwoko bwose.
7. Gutegura umurambo, kuwusengera no kuwushyingura.

## NI KUKI ABAMENYI BANGIZA IZINA RY'IMANA MU BITABO BYOBO



### ISOMO RYA MBERE

#### SURAT AL FATIHAT NANDI MASURA MAGUFI

Surat Al Fatihat ndetse n'andi masura magufi ashoboka, guhera kuri Surat Azalzat kugeza kuri Surat A Naasi, kuyasoma no gutunganya igisomo no kuyafata mu mutwe ndetse no gusobanura ibikenewe kumvikana muri yo.

#### IBISOBANURO

Ni ngombwa kuzifata mu mutwe – nkuko abatubanjirije babikoraga – Buri muni ugafata mu mutwe ayat icumi bikajyana no gusoma ibisobanuro byazo, mu gitabo cya Tafsir y'incamake nka Tafsir ya Ibun Saadi (Imana ibagirire impuhwe), no kwishingikiriza ku Mana ngo igufashe kuzishyira mu bikorwa.



## NI IYIHE TAFSIR UMUNYESHURI AGOMBA GUHERAHO?

Umunyeshuri, agirwa inama yo guhera kuri Tafsir yitwa “Tafsirul Karim Arahman fiy Tafsir kalamil Manani) ya Sheikh Abdu Rahman mwene Naswir A Saadi (Imana imugirire impuhwe) kandi imubabarire.

## NI UKUBERA IKI?

Ni ukubera ko abamenyi babigiriyeho inama abantu, kandi nabo bakaba barabyitayeho cyane.

Nino kubera ko iyo Tafsir iri mu ncamake, bityo ikaba ikwiranye nuko umutangizi ayosoma.

Ni no kuba interuro zayo zoroshye kandi zisobanutse nta mayobera arimo

Nino kuba iyo Tafsir ifasha mu kugendera kuri Qor'an ku bushobozi bw'Imana.

Nino kubera ko umwanditsi w'igitabo (Imana imugirire impuhwe), yibanda ku Iyobokama (Tawuhid)

## ABANTU KUBYEREKEYE QORAN BARIMO IBICE BINGAHE?

Abantu ku byerekeye Qor'an barimo ibice bibiri biteganye ndetse n'icyo hagati:

### ABAPFOBYA

Icyo ni igice cyataye Qor'an, guta Qor'an ni:

### ABAYISOMA MU BURYO BUTUZUYE

Icyo ni igice gisoma Qor'an cyangwa kiyifata mu mutwe, ariko kutayitekerezaho kitanayikoresha

### IGICE CYO HAGATI

Ni igice gihozaho gusoma Qor'an no kuyifata mu mutwe kandi banayitekerezaho, banishingikiriza Imana ngo ibafashe kuyigenderaho, uko niko abatubanjirije ndetse n'ababakurikiye bari bameze.

Ni ukureka kuyisoma

Kureka kuyifata mu mutwe

Kureka kuyitekerezaho

Kureka kuyigenderaho

Kureka kuyivurisha

Imana yaravuze iti “Kandi intumwa yaravuze iti Nyagasani, mu by’ukuri abantu banjye bamazi gutera umugongo Qor’an”. N’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha yaravuze ati “Mu by’ukuri mu mugongo w’uyu no mugisekure cye hazavamo abazajya basoma Qor’an ntirenge imihogo yabo, bazica abayislamu basige abasenga ibigirwamana, bazava mubuyislamu bihuta nkuko umwambi wihuta usohoka mu muheto, ndamutse ngejeje icyo gihe cyabo nabarwanya nk’abantu ba Adi”.

## **UDUCE TW’IBISOBANURO BYAVUYE MURI “TAFSIRUL KARIM RAHMAN FIY TAFSIR KALAMIL MANAI”**

**YA ALAMAT ABDU RAHMAN A SAADI (IMANA IMUGIRIRE IMPUHWE, N’IBIBAZO KURI YO**

**IBOSOBANURO BYA SURAT AL FATIHAT IKABA ARI SURA YAMANUKIYE MAKKA**

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ ①

الْحَمْدُ لِلَّهِ رَبِّ الْعَالَمِينَ ② الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ ③ مَلِكِ يَوْمِ الدِّينِ ④ إِيَّاكَ نَعْبُدُ وَإِيَّاكَ نَسْتَعِينُ ⑤  
أَهْدِنَا الصِّرَاطَ الْمُسْتَقِيمَ ⑥ صِرَاطَ الَّذِينَ أَنْعَمْتَ عَلَيْهِمْ غَيْرِ الْمَغْضُوبِ عَلَيْهِمْ وَلَا الضَّالِّينَ ⑦ ﴿الفاتحة: ١ -

1. Ntangije buri zina ry’Imana Nyagasani, kubera ko ijambo “اسم” ni ijambo riri mubuke ryegetse ku rindi, ibyo mu rurimi rw’icyarabu bikaba bisobanura amazina yose meza. Ijambo “الله” ni ijambo risobanuye usengwa ukwiriye guharirwa ibikorwa byose by’amasengesho, kubera ibisingizo by’ubumana yihariye, bikaba ari ibisingizo byuzuye “الرحمن الرحيم”, ni amazina abiri agaragaza ko we Nyagasani ari umunyempuhwe zagutse kandi zihambaye zisagutse buri kintu, kandi zikaba zisendereye kuri buri kiremwa, Imana yazigeneye abayitinya banakurikira intumwa n’abahanuzi, abo ngabo Imana yabageneye impuhwe zitaziguye, abataribo naho bazifiteho uruhare ruto.

Menya ko mu misingi migari yemeranyijweho n’abatubanjirije: Ni ukwemera amazina y’Imana n’ibisingizo byayo ndetse n’amategeko y’ibisingizo, bakaba bagomba kwemera urugero: Imana ari Nyirimpuhwe Nyirimbabazi akaba ari ibisingizo byayo bishingiye kuri nyirugutanga izo mpuhwe, bityo inema zose zigera ku bantu ziba zikomotse kuri izo mpuhwe zayo, ibyo umuntu agomba kubyemera atyo no ku yandi mazina.

Bavuga ku izina ry’Imana “العليم”: Ko Imana ari umumenyi, ufite ubumenyi uzi buri kintu, naho izina ry’Imana “قدير”: Ni ufite ubushobozi, ushoboye byose.

2. “الحمد لله” : Ni ugusingiza Imana ibisingizo byuzuye, n’ibikorwa byayo bizenguruka mu kugira Ubuntu no kugira uburinganire, Imana rero ifite ishimwe ryuzuye mu buryo bwose.

“رب العالمين”: Ijambo Rabu: risobanuye umurezi w’ibiremwa byose, ibyo biremwa bikaba ari ibiremwa byose bitari Imana. Kubera ko ariwe wabiremye akabitunganyiriza buri kintu, akabiha inema zihambaye, ibyo biremwa biramutse bizibuze bitabaho, nta nema ibiremwa bifite itaraturutse kuri Nyagasani.

Imana Nyagasani kurera ibiremwa biri mu buryo bubiri: Kurera mu buryo bwa rusange no kurera mu buryo bw’umwihariko.

- Kurera mu buryo bwa rusange: Ni ukuba yararemye ibiremwa, akaba abiha amafunguro, akanabiyobora ku bibafitiye akamaro, bituma bakomeza kubaho ku isi.
- Naho kurera mu buryo bw’umwihariko: Ni ukurera abakunzi bayo, ikabarerera mu kwemera, ikanabafasha gushikama kuri uko kwemera, ikabarinda buri kintu cyose cyaba imboganizi kikabatandukanya n’uko kwemera.

Ubu bwoko bwo kurera rero: Bukaba ari ugufasha abantu kugera kugera kuri buri cyiza no kubarinda buri kibi. Birashoboka ko ibi bisobanuro byaba ariryo banga ryatumye buri busabe bwose bw’intumwa bwajemo ijambo “Rabi”. Kuko ubusabe bwose bwabo buri munsu ya Nyagasani by’umwihariko. Bityo ijambo “رب العالمين” rikaba ryumvisha ko Imana yihariye ukurema no kugenga ibintu byose no gutanga inema zose, no kuba Imana ikungahaye mu buryo bwuzuye naho ibiremwa byose byo bitindahaye kuri yo mu buryo bwose.

3. “مالك يوم الدين” Ijamo “المالك” risobanuye ufite ibisingizo byose by’ubwami, aribyo bitanga kuba yategeka bigakurikizwa akanabuza bikaba, akaba yatanga ibihembo by’ibikorwa byiza akanahana ku bikorwa bibi, akaba abasha gukora icyo ashatse mu bwami bwe.

Iri jambo rifatanye nirindi rigira riti “يوم الدين” bisobanuye umunsi w’imperuka, umunsi abantu bazabazwa ibikorwa byabo ibyiza ndetse n’ibibi, kuko kuri uwo munsi nibwo ubwami bw’Imana bwuzuye n’uburinganize bwayo ndetse n’ubugenge bwayo, bizagaragarira ibiremwa mu buryo bwuzuye, icyo gihe ubwami bw’ibiremwa buzaba bwarangiye, kuburyo kuri uwo munsi abami bazaba bareshya n’abo bayoboraga, abari abagaragu bareshya n’abari abigenge, bose icyo gihe bazaba bahungabanye kubera ubuhambare bw’Imana, baciye bugufi kubera icyubahiro cyayo, biteguye ibihembo byayo kandi babyiringiye, banatinye ibihano byayo, ni nayo mpamvu Imana yashimangiye ubwami bwayo kuri uyu munsi, hamwe nuko bizwi ko Imana ari umwami w’umunsi w’imperuka ndetse nindi minsi.

4. Ijambo ry’Imana rigira riti “إياك نعبد وإياك نستعين” bisobanuye ni wowe wenyine dukorera amasengesho ni nawe wenyine dusaba inkunga, kuko mu rurimi ry’icyarabu iyo uwakoreweho igikorwa abanjirije inshinga biba bisobanuye ko icyo kintu ari umwihariko kuri we gusa, icyo gihe biba bisobanuye kwemeza ko icyo kintu kigenewe uwo gusa nta wundi gikwiye. Bikaba bisobanuye ngo “Dusenga wowe wenyine gusa nta wundi dusenga, kandi inkunga tuzisaba wowe gusa nta wundi dusaba inkunga”, kuba muri ririya jambo gusenga byaje mbere yo gusaba inkunga, ni mu rwego rwo kubanza ibiri rusange kuby’umwihariko, bikaba ari no mu rwego rwo kubanza no kwita k’ukuri kw’Imana Nyagasani ku kuri k’umugaragu we.

**Ijambo “العبادة” :** Ni izina rikubiyemo ibyo Imana ikunda ikanabyishimira, haba mu bikorwa ndetse n’amagambo, ibigaragara n’ibitagaragara. Naho ijambo “الإستعانة”: ryo ni ugusaba Imana Nyagasani inkunga, mu bigufitiye akamaro no kugukiza ibibi, ibyo ukabikorana icyizere cyo kubibona.

Gusenga Imana rero no kuyisaba inkunga, ni inzira igeza umuntu mu buzima bwiza buhoraho ndetse no kurokoka ibyago byose, nta bundi buryo wazarokoka udakoze ibyo bintu byombi, mu by’ukuri, rero amasengesho aba amasengesho, igihe uyakomoye ku intumwa y’Imana, ukayakora ugamije kwishimirwa n’Imana. Ibyo bintu bibiri nibyo bigize amasengesho. Kuba havuzwe gusaba inkunga nyuma y’amasesengesho, kandi gusaba inkunga nubusanzwe biri mu masengesho, ni uko umugaragu w’Imana mu masengesho ye yose akeneye inkunga y’Imana Nyagasani, kuko Imana iramutse itamuteye inkunga ntashobora kugera kubyo ashaka mu gukora ibyo yategetswe no kwirinda ibyo yabujijwe 5. Imana yaravuze iti “اهدنا الصراط المستقيم” : bisobanuye ngo: Twereke kandi utuyobore unadufashe kugendera mu nzira itunganye, ariyo nzira isobanutse igeza umuntu ku Mana ndetse no mu ijuru ryayo, ibi bikaba bisobanuye kumenya ukuri no kugukurikiza. Ijambo ngo “اهدنا إلى الصراط” risobanuye ngo: Tuyobore utuganisha ku nzira igororotse: Ni ugushikama ku idini ya Islamu no kureka andi madini yose atari yo. Naho ijambo ngo “اهدنا” : Ni ijambo rikubiyemo ibisobanuro byose byo kuyoboka by’idini haba mu bumenyi cyangwa mu bikorwa, ubu bukaba ari ubusabe bwinshi kandi bufitiye akamaro umugaragu w’Imana.

No kubera iyo mpamvu ni ngombwa ko buri Muyisumu yajya asaba Imana akoresheje ubu busabe muri buri Rakaa ya buri sengesho rye, kubera ko ubu busabe abukeneye cyane. Iyo nzira igororotse:

6. “صراط الذين أنعمت عليهم” bisobanuye ngo: Inzira y’abo wahaye inema, mu bahanuzi, abanyakuri, abaguye mu nzira y’Imana ndetse n’abakiranutsi. Ijambo “غير” risobanuye ngo itari inzira “المغضوب عليهم” y’abamenye ukuri hanyuma bakanga kukuyoboka nk’Abayahudi n’abandi nkabo, ntibe kandi inzira ya “الضالين” aribo abaretse gukurikira ukuri kubera ubujiji n’ubuyobe nk’Abakirisitu n’abandi nkabo. Iyi Surat hamwe nuko ari incamake, ikubiyemo ibidakubiye mu isura yindi iyo ariyo yose ya Qor’an, kuko ikubiyemo amoko y’iyobokamana (Tawuhid) uko ari atatu: TAWUHID RUBUBIYAT: igaragarira mu ijambo rigira riti: “رب العالمين” bisobanuye “Umurezi w’ibiremwa byose”. Naho TAWUHID ULUHIYAT, aribyo: Guharira Imana ibikorwa byose by’amasengesho, igaragarira mu ijambo rigira riti “الله” riboneka mu ijambo ry’Imana rigira riti “إياك نعبد وإياك نستعين”. Naho TAWUHIDUL ASIMAI WA SWIFATI, bisobanuye: Guhamya ibisingizo byuzuye ku Mana Nyagasani, ugahamya ibyo Imana yihamijeho ubwayo n’ibyo intumwa yayo yayihamijeho, ibyo ukabikora nta gupfobya cyangwa kubigereranya n’ibyibiremwa cyangwa kubisanisha niby’ibindi bintu, ibyo bigaragarira mu ijambo rigira riti “الحمد لله”, nkuko byatambutse.

Iyi Surat kandi ikubiyemo guhamya ubutumwa, bigaragarira mu ijambo rigira riti: “اهدنا الصراط المستقيم”, bisobanuye ngo: Tuyobore inzira igororotse. Ibyo ntibyashoboka rero nta butumwa buriho.

Ikubiyemo na none: Ibihembo ku bikorwa, bigaragarira mu ijambo rigira riti “مالك يوم الدين” bisobanuye ngo: Umwami w’umunsi w’imperuka, by’umvikana ko ibihembo bizatangwa m’ubutabera, kuko ijambo “الدين” risobanuye ibihembo mu butabera.

Na none iyi Surat ikubiyemo: Guhamya igeno ko umuntu ariwe wikorera ibikorwa mu kuri, bitandukanye n’ibivugwa n’abo bita Al Qadariyat ndetse naba Jabriyat.

Iyi Surat na none ikubiyemo: Gusubiza abantu bose bagendera ku bihimbano ndetse n’abayobye, ibyo bigaragarira mu ijambo ry’Imana rigira riti “اهدنا الصراط المستقيم” tuyobore inzira igororotse, kuko byumvikanamo kumenya ukuri no kukugenderaho, buri wese ugendera ku bihimbano ndetse n’uwayobye, uwo anyuranyije n’ibyo twavuze.

Iyi Surat na none ikubiyemo: Kwereza Imana Nyagasani idini, haba mu masengesho ndetse no mugusaba inkunga, ibyo bigaragarira mu ijambo ry’Imana rigira riti “إياك نعبد وإياك نستعين”. Ishimwe n’ikuzo bikwiriye Imana murezi w’ibiremwa.

## IBISOBANURO BYA AYATUL KURUSIY

اللَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ الْحَيُّ الْقَيُّومُ لَا تَأْخُذُهُ سِنَّةٌ وَلَا نَوْمٌ لَهُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ مَنْ ذَا الَّذِي يَشْفَعُ عِنْدَهُ إِلَّا بِإِذْنِهِ يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ وَلَا يُحِيطُونَ بِشَيْءٍ مِّنْ عِلْمِهِ إِلَّا بِمَا شَاءَ وَسِعَ كُرْسِيُّهُ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضَ وَلَا يَئُودُهُ حِفْظُهُمَا وَهُوَ الْعَلِيُّ الْعَظِيمُ ﴿٢٥٥﴾ البقرة: ٢٥٥

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze ko iyi Ayat ihambaye kurusha izindi Ayat zose Qor'an, kubera ibisobanuro by'iyobokamana biyikubiyemo ndetse n'ibisingizo byagutse by'Imana Nyagasani, yavuze ko yo Mana ifite ibisobanuro byose by'ubumana, ko nta wundi ukwiriye ubumana ndetse no kugaragirwa usibye yo gusa. Ubumana bw'utariyo no kugaragirwa k'utariyo ni ibinyoma. Imana ikomeza igira iti "الحي" bisobanuye ufite ibisobanuro byose byuzuye by'ubuzima, haba mu kumva, kubona, ubushobozi, gushaka nibindi bisingizo byo kubaho. Nkuko ijambo "القيوم" hinjiramo ibisingizo byose bijyanye n'ibikorwa, kuko Ijambo "القيوم" ryinjiramo ibisingizo byose by'ibikorwa, kuko rijyanye no kuba Imana yihagije idakeneye ikiremwa icyo aricyo cyose, kuko ariyo yabihanze ikaba inabibeshejeho niyo ibiha ibyo bikeneye byose kugira ngo bibashe kubaho no kuramba, mu bigaragaza ukubaho kwayo kandi kuzuye no kuba yihagije nuko "لَا تَأْخُذُهُ سِنَّةٌ" itajya ifatwa no guhondobera "وَلَا نَوْمٌ" ndetse ntabwo Imana ifatwa n'ibitotsi, kuko guhondobera no gusinzira biba ku biremwa binanirwa bikagwa agacuho, ntabwo rero ibyo byaba kuri Nyagasani Uhambaye, Imana kandi itubwira ko ariyo mutware w'ibiri mu birere no mu Isi, byose bigaragira Imana nta kiremwa na kimwe kitari muri iyo gahunda. Imana yaravuze iti "Mu by'ukuri, ibiri mu birere no mu Isi, byose bigaragira Nyagasani" niwe ugenga ibiremwa byose kandi niwe wenyine ufite ibisingizo byuzuye by'ubwami, ni murigaragaza ko ubwami bwe bwuzuye nuko nta numwe "يَشْفَعُ عِنْدَهُ" wakorera undi ubuvugizi "إِلَّا بِإِذْنِهِ" buri muvugizi wese na buri muyobozi wese ni abagaragu nta bushobozi bafite bwo gukora ubuvugizi badahawe uburenganzira n'Imana. Imana iti "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Imana niyo ifite ubuvugizi bwose ifite ubwami bw'ibirere n'isi". Imana kandi ntawe iha uburenganzira bwo gukora ubuvugizi usibye k'ubwo ishaka kandi ntabyo Imana ishaka bitari Tawuhidi no gukurikira intumwa yayo, utarangwa nibyo, nta ruhare na ruto agira mu buvugizi. Hanyuma Imana noneho iravuga kubyerekeye ubumenyi bwayo bwagutse, ko azi ibikorwa byose by'ibiremwa ndetse nibyo mu gihe kizaza bidafite iherezo "وَمَا خَلْفَهُمْ" akaba azi n'ibikorwa by'ibiremwa byarangiye nabyo bidafite urugero, Imana ikanavuga ko nta nakimwe kiyisoba izi "amaso yuzuye ubuhemu ndetse n'ibihishe mu bituza" nyamara ibiremwa nta nakimwe bizi mu bumenyi bw'Imana "إِلَّا بِمَا شَاءَ" usibye gusa ibyo Imana ishaka ko ibiremwa bimenya. Hari ibyo Imana yeretse abantu mu bijyanye n'amategeko y'idini n'igeno, ariko ni akantu gatoya cyane, kayengera mu bumenyi bw'Imana, nkuko Imana yabivuze, ko abazi Imana cyane ni intumwa n'abamalayika, Imana iti "Ubutagatifu ni ubwawe, twe nta bumenyi dufite usibye ubwo watwigishije gusa". Hanyuma Imana nanone ivuga k'ubuhambare bwayo ko intebe yayo iruta ibirere n'isi, kandi ko Imana yabirinze byo n'ibibirimo, byaba ibiremwa ndetse naza gahunda Imana yashyiriyeho ibiremwa, hamwe nibyo ntabwo ibyo byose biremerera Imana kubera ubuhambare bwayo n'ubushobozi bwayo ndetse n'ubugenge mu mategeko yayo. "وَهُوَ الْعَلِيُّ" Yo (Imana) iri hejuru y'ibiremwa byayo ubwayo.

Imana iri hejuru y'ibiremwa byayo kubera ubuhambare bw'ibisingizo byayo, ikaba iri hejuru kukunesha ibiremwa byayo no guca bugufi kw'ibiriho byose ku Imana, no koroha kw'ibikomeye kuri yo, ndetse no guca bugufi kwabyo ku Imana. “العظيم” bisobanuye ukusanyije ibisingizo byose bihambaye, ukundwa n'imitima kandi ikamukuza, abazi bazi neza ko ubuhambare bw'ikintu icyo aricyo cyose uko bwaba bumeze kose, imbere y'ubuhambare bw'Imana buba ubusa. Iyi ayat rero ikubiyemo ibi bisobanuro bihambaye, birakwiye ko iyi ayat yaba ariyo isumba izindi muri Qor'an, kandi birakwiye ko uyisomye ayitekerazaho kandi azi n'icyo isobanuye, umutima we wuzura icyizere n'ubumenyi ndetse n'ukwemera, kubera gusoma iyo ayat bikaba byamurinda ibibi bya Shitani.

## IBISOBANURO BYA SURAT ZALZALAT YAHISHURIWE I MADINA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿إِذَا زُلْزِلَتِ الْأَرْضُ زِلْزَالَهَا ۝١ وَأُخْرِجَتِ الْأَرْضُ أَثْقَالَهَا ۝٢ وَقَالَ الْإِنْسَانُ مَا لَهَا ۝٣ يَوْمَئِذٍ تُخْبِرُهَا أَنَّ رَبَّكَ ۝٤ أَوْحَىٰ لَهَا ۝٥ يَوْمَئِذٍ يَصْدُرُ النَّاسُ أَشْتَاتًا لِّيُرَوْا أَعْمَالَهُمْ ۝٦ فَمَنْ يَعْمَلْ مِثْقَالَ ذَرَّةٍ خَيْرًا يَرَهُ ۝٧ وَمَنْ يَعْمَلْ مِثْقَالَ ذَرَّةٍ شَرًّا يَرَهُ ۝٨﴾ الزلزلة: ١ - ٨

(1-2): Imana Nyagasani iratubwira ibizaba ku muni w'imperuka, ko Isi izagira umutingito ukomeye, kugeza ubwo ibiyiriho byose bizagwa hasi, zaba inyubako ndetse n'ibindi byose, muri icyo gihe imisozi izaritagarwa kuburyo ihinduka itaka ikaringanira n'ubutaka busanzwe maze isi ikaringanira nta hari ikona cyangwa hazamuka “وأخرجت الأرض أثقاله” Icyo gihe isi izasohora ibiri munda yayo yaba imirambo ndetse n'imitungo iyirimo.

(3): “وقال الإنسان” abantu nibabona ibintu bihambaye bibaye ku isi, bavuge batangara bati: “ما لها” iyi Si biyigendekeye bite ibaye iki?

(4-5): “يومئذٍ تحدث” Kuri uwo muni Isi izavuga “أخبارها” izavuga ibyayo byose, ishinja abantu ibyo bayikoreye ho, byaba ibyiza cyangwa ibibi, mubuhumya isi izatanga icyo gihe mu bikorwa abantu bakoze “بأن ربك أوحى لها” ibyo bizaba ari ibyo Imana yayitegetse ngo ivuge ibyayikorewe hejuru, kandi ntishobora gusuzugura amategeko y'Imana.

(6): “يومئذٍ يصدر الناس” Mu bizaba ku muni w'imperuka (ubwo Imana izaba irimo gucira imanza abantu) bazaba ari amatsinda atandukanye kandi anyiranye. “ليروا أعمالهم” kugira ngo Imana ibereke ibikorwa byabo bakoze ibibi ndetse n'ibyiza kandi Imana inabereke ibihembo byabo bikwiranye nabyo.

(7-8): “ومن يعمل مثقال ذرة خيرا يره” Uzaba yarakoze icyiza kingana n'impeke y'ururo azakibona, n'uzaba yarakoze ikibi kingana n'impeke y'ururo nawe azakibona, ibi bikaba ari rusange bikubiyemo ibyiza byose umuntu yakoze ndetse n'ibibi umuntu yakoze byose, kuko niba umuntu azerekwa igikorwa yakoze kingana n'impeke y'ururo, birumvikana ko ikiyiruta cyo ari ngombwa kucyerekwa, nkuko Imana yabivuze igira iti “Umunsi buri muntu azabona ibyo yakoze byaba ibyiza bazanywe, ndetse n'ibibi yakoze byazanywe, izifuza ati: iyaba byagizwaga kure cyane yanjye simpure nabyo). (Muri icyo gihe abantu bazasanga ibyo bakoze byazanywe byashyizwe ahagaragara). Aya magambo arashyishikariza gukora ibyiza nubwo byaba bikeye, aranatinyisha gukora ikibi n'ubwo cyaba gitoya gisuzuguritse.



بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿وَالْعَادِيَاتِ ضَبْحًا﴾ ١ ﴿فَالْمُورِيَاتِ قَدْحًا﴾ ٢ ﴿فَالْمُغِيرَاتِ صُبْحًا﴾ ٣ ﴿فَأَثَرُنَ بِهِ نَقْعًا﴾ ٤ ﴿فَوْسَطْنَ بِهِ﴾ ٥  
 جَمْعًا ٦ ﴿إِنَّ الْإِنْسَانَ لِرَبِّهِ لَكَنُودٌ﴾ ٧ ﴿وَإِنَّهُ عَلَىٰ ذَٰلِكَ لَشَهِيدٌ﴾ ٨ ﴿وَإِنَّهُ لِحُبِّ الْخَيْرِ لَشَدِيدٌ﴾ ٩ ﴿أَفَلَا يَعْلَمُ إِذَا بُعْثِرَ  
 مَا فِي الْقُبُورِ ١٠ وَحُصِّلَ مَا فِي الصُّدُورِ ١١ إِنَّ رَبَّهُم بِهِمْ يَوْمَ ذَٰلِكَ لَخَبِيرٌ﴾ ١٢  
 العاديات: ١ - ١١

(1): Imana Nyagasani irarahira ifarasi, kubera ibitangaza byoye bizirimo, ndetse n'inema zayo zigaragara kandi ibiremwa byose bizi, Na none Imana Nyagasani irarahira izo Farasi mu bihe byazo byihariye zidafatanyamo n'izindi nyamaswa zose, Imana iti “والعاديَات ضبحًا” Ndahiye ifarasi zifite ingufu zitera umwanzi, zihumagira cyane kubera kwiruka cyane.

(2): “فالموريات” Imana irarahira ibinono byazo bikubita n'amabuye “قدحًا” bigatanga ibishashi by'umuriro, kubera gukomera kw'inzara z'ibinono byazo mu gihe zirukanka.

(3): “فالمغيرات” Imana irarahira k'uburyo izo Farasi zigwa gitumo abanzi “صبحًا” mu gitondo, ibi bikaba bigaragara ko gutera abanzi ubatunguye akenshi biba mu gitondo.

(4-5): “فأثرن به” muri uko gutera zitunguranye mu gitondo zigatumura ivumbi “فوسطن به” zikagera mu banzi rwagati.

(6): icyo Imana yarahiriyeho kigaragara muri iri jambo “إن الإنسان لربه لكنود” mu by'ukuri, ikiremwa muntu ahakana cyane Nyagasani we yimana ibyiza by'Imana yamuhaye, muri kamere y'umuntu aremetse nuko umutima we ntumwemerera gutanga ibyo agomba uko byakabaye, kamere ye nuko ari umunywemwe kandi utanatanga ibyo agomba gutanga by'aba ibijyanye n'umutungo cyangwa ibijyanye n'umubiri. Usibye gusa uwo Imana yayoboye akava mu bantu b'ubwoko nkubu, akaba umuntu utanga ibyo agomba gutanga.

(7): “وَإِنَّهُ عَلَىٰ ذَٰلِكَ لَشَهِيدٌ” Imana iti : Mu by'ukuri, umuntu nawe ubwe azi neza ko ari uko ateye, mu kudatanga no kugundira ntiyabihakana na gato, kuko ibyo ari ibintu bigaragara cyane, binashoboka ko iriya nsimbura zina ya (به) ishobora no kugaruka ku Mana Nyagasani, igisobanuro cy'ariya magambo kikagira kiti : Mu by'ukuri, umuntu ahakana Nyagasani cyane, ndetse n'Imana irabihamya. Muri uyu murongo harimo imvugo itera ubwoba yizeza ibihano ku muntu wese uhakana Nyagasani we, ko agomba kumenya ko Imana ibizi kandi ari umuhamya wabyo.

(8): “وَإِنَّهُ” mu by'ukuri, umuntu “لحب الخير” mu gukunda ibyiza (umutungo) “لشديد” arakaze cyane, kandi kuwukunda kwe nibyo nibyo bimutera kureka ibyo ategatswe gukora, bityo ibyo akunda akabirutisha kwishimirwa na Nyagasani we, kandi ibi byose abiterwa no kureba bugufi ubuzima bw'iyi Si, no kwirengagiza ubuzima bwa nyuma.

(9-10): No kubera iyo mpamvu, Imana yavuze inashishikariza gutinya uwo munsu w'ibihano iti “أفلا يعلم” ese uyu muntu uzindaye ntashobora kumenya ko “إِذَا بَعَثَ مَا فِي الْقُبُورِ” ko hari igihe Imana izavana abapfuye mu mva zabo, kugira ngo abakusanyirize hamwe “وحصل ما في الصدور” maze amabanga ari mu bituza byabo akagaragazwa, byaba ibyiza cyangwa ibibi, ibyari ibanga bikajya ku mugaragaro imbere y'ibiremwa ibyo bikaba ari ingaruka y'ibikorwa byabo.

(11): “إِنْ رَبِّهِمْ بِهِمْ يَوْمَئِذٍ لَّخَبِيرٌ” Mu by'ukuri, Nyagasani wabo, azi kandi areba ibikorwa byabo ibigaragara n'ibitaragara, kandi azanabibahera ibihembo, Imana yashimangiye ko izi ibikorwa byabo kuri uwo munsu, kandi tuzi neza ko Imana izi ibikorwa byabo igihe cyose, ikigamijwe hano ni ibihembo by'ibikorwa byabo bishingiye ku bumenyi bw'Imana no kuba Imana yarabikurikiranye.

## IBISOBANURO BYA SURAT AL QARIAT YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿ الْقَارِعَةُ ١ مَا الْقَارِعَةُ ٢ وَمَا أَدْرَاكَ مَا الْقَارِعَةُ ٣ يَوْمَ يَكُونُ النَّاسُ كَالْفَرَاشِ الْمَبْثُوثِ ٤ وَتَكُونُ الْجِبَالُ كَالْعِهْنِ الْمَنْفُوشِ ٥ فَأَمَّا مَنْ ثَقُلَتْ مَوَازِينُهُ ٦ فَهُوَ فِي عِيشَةٍ رَاضِيَةٍ ٧ وَأَمَّا مَنْ خَفَّتْ مَوَازِينُهُ ٨ فَأُمُّهُ هَاوِيَةٌ ٩ وَمَا أَدْرَاكَ مَا هِيَ ١٠ نَارُ حَامِيَةٍ ١١ ﴾ القارعة: ١ - ١١

(1-3): “القارعة” Iri ni rimwe mu mazi y'umunsu w'imperuka, yiswe iryo zina, kuko izahabura abantu ikanababuzza amahoro kubera ibintu bihambaye bizabaho kuri uwo munsu, niyo mpamvu Imana yawugize umunsu uhambaye kandi ukase, mu ijamba ryayo rigira riti “القارعة ما القارعة وما أدراك ما القارعة” Ndahiye ku kizahonda, ese ikizahonda niki? N'iki cyamumenyesha ikizahonda?

(4): “يوم يكون الناس” Umunsu abantu kubera ubukana bw'uwo munsu bazamera “كالفرش المبعوث” nk'ibinyugunyugu binyanyagiye, binyuranyurana mo, bitazi aho byerekera, maze hakanwa itara bikarwirundaho, kubera ko bitabona, uko niko abantu bafite ubwenge ku munsu w'imperuka bazaba bameze.

(5): Naho imisozi ikomeye kandi iremereye kuri uwo munsu, izaba imeze “كالعهن المنفوش” nk'ipamba ryoroshye cyane ritumurwa n'akayaga gake cyane. Imana yaravuze iti “Uzanabona imisozi wibwire ko iri hamwe, nyamara izaba igenda yihuta nk'ibicu” hanyuma nyuma yahoo imisozi izahinduka ivumbi ritumuka irangire ntiyongere kugaragara, muri icyo gihe nibwo hazazanwa iminzani yo gupima ibikorwa by'abantu, kandi abantu icyo gihe bazaba barimo ibice bibiri: Igice cy'abakoze ibyiza n'igice cy'abakoze ibikorwa bibi.

(6-7): Imana iti “فأما من ثقلت موازينه” uwo iminzani ye (y'ibyiza) izaremera, ibyiza bikaganza ibibi, Imana iti: “فهو في عيشة راضية” uwo azaba mu buzima bushimishije mu majuru yuje inema.

(8-11): Imana iti “وأما من خفت موازينه” naho uwo iminzani ye (y'ibyiza) izoroha nko kuba adafite ibyiza bishobora kuganza ibibi, Imana iti “فأمة هالوية” uwo intaho ye izaba ari mu muriro witwa Hawiyat, uwo muriro akazabana nawo nkuko umwana abana na nyina, nkuko Imana ibivuga igira iti “Mu by'ukuri, ibihano byawo bizahoraho” banavuga ko igisobanuro cv'ivo avat ari: Na nvina w'ubwonko bwe ni mu muriro, azaiugunvamo abanie umutwe.

Imana iti “وما أدراك ما هية” niki cyakumenyesha umuriro witwa Hawiyat? Imvugo nk'iyi iba igaragaza ubuhambare bw'uwo muriro, hanyuma Imana irawusobanura igira iti “نار حامية” ni umuriro ufite ubukana bukaze cyane, ubushyuye bwawo burengeje ubw'umuriro wa hano ku isi, inshuro mirongo irindwi (70). Twikinze ku Mana ngo iwuturinde.

## IBISOBANURO BYA SURAT AL HAKUM TAKATHUR YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿الْهٰكُمُ التَّكٰثُرُ ﴿١﴾ حَتّٰى زُرْتُمُ الْمَقَابِرَ ﴿٢﴾ كَلَّا سَوْفَ تَعْلَمُوْنَ ﴿٣﴾ ثُمَّ كَلَّا سَوْفَ تَعْلَمُوْنَ ﴿٤﴾ كَلَّا لَوْ تَعْلَمُوْنَ عِلْمَ الْيَقِيْنِ ﴿٥﴾ لَتَرُوْنَ الْجَحِيْمَ ﴿٦﴾ ثُمَّ لَتَرُوْنَهَا عَيْنَ الْيَقِيْنِ ﴿٧﴾ ثُمَّ لَتَسْئَلَنَّ يَوْمَئِذٍ عَنِ النَّعِيْمِ ﴿٨﴾﴾ التَّكَاثُرُ: ١ - ٨

(1): Imana Nyagasani mu gucyaha abagaragu bayo, birengagiza ibyo baremewe, mu kuyisenga yo yonyine batayibangikanyije n'icyo aricyo cyose no kuyimenya ndetse no kuyicuzaho ndetse no kuyikunda kurusha ibindi byose, yaravuze iti “الهاكم” ingwize zabatesheje ibyo byose byavuzwe, Imana ntiyavuze izo ngwize izo arizo, kugira ngo hinjiremo icyo aricyo cyose abantu baba bashakamo ingwize ndetse n'ibyo abantu biratana byose bijyemo, byaba imitungo, urubyaro, abayoboke, ingabo, abakozi, icyubahiro n'ibindi byose umuntu aba ashaka kurushanwamo n'undi, bitari ugishaka kwishimirwa n'Imana.

(2): Kwibagirwa kwanyu kugakomeza ndetse no guteshuka kwanyu, Imana iti “حتى زرتم المقابر” kugeza ubwo musuye amarimba (mwafuye), ubuzima bwo muri Barizahki, ni ubuzima uwafuye anyuramo ajya mu buzima bwa nyuma, kuko, kuko Imana yise abapfuye ko basuye amarimbi, ntabwo yabise abatuye mu marimba, ibyo bikaba bisobanura ko hazabaho kuzuka no guhemberwa ibikorwa mu buzima buzahoraho butazarangira.

(3-6): “كلا” “ثم كلا سوف تعلمون” “كلا سوف تعلمون” igira iti “لو تعلمون علم اليقين” iyo muza kumenya ibiri imbere yanyu ubumenyi bugera ku mutima, ntimwari kurindagizwa no gushaka indonke, ahubwo mwari kwihutira gukora ibikorwa byiza, ariko kuba nta bumenyi bwa nyabwo mufite nibyo bitumye muba nk'uku mureba mwabaye. Imana iti “لترون الجحيم” nta kabuza muzabona imperuka kandi muzabona umuriro wa Jahanamu, Imana yasezeranyije abahakanyi.

(7): Imana iti “ثم لترونها عين اليقين” hanyuma uwo muriro muzawubona imbona nkubone, nk'uko Imana ibivuga iti “Inkozi z'ibibi zizanabona umuriro zimenye neza ko zigiye kuwugwamo, kandi ntizizabona aho ziwuhungira”.

(8): Imana iti “ثم لتسئلن يومئذ عن النعيم” Hanyuma kuri uwo munsu muzabazwa inema mwahawe hano ku isi, niba mwarabashije gushimira cyangwa mwaratanzemo ukuri kw'Imana muri izo nema, munabazwe ko mutazifashishije mu kwigomeka ku Mana, kugira ngo Imana ibahembe inema zizisubye kandi nziza kuzo mwari mwarahawe ku isi? Cyangwa zarabashutse ntimwibuka gushimira Imana kuri izo nema, ahubwo wenda mwazifashishije mu kwigomeka ku Mana, bityo Imana ibibahanire? Imana yaravuze iti “Uzirikane n'umunsi babandi bahakanye bazagezwa imbere y'umuriro, maze (babwirwe) bati “Mwafushije ubusa ibyiza byanyu mu buzima bw'isi mubyinezezamo. Uyu munsi murahanishwa ibihano bisuzuguritse”.

## IBISOBANURO BYA SURAT AL ASWIR YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿وَالْعَصْرِ ١﴾ إِنَّ الْإِنْسَانَ لَفِي خُسْرٍ ۚ ۞ إِلَّا الَّذِينَ ءَامَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ وَتَوَّصَوْا بِالْحَقِّ وَتَوَّصَوْا

بِالصَّبْرِ ۚ ﴿٢﴾ **العصر: ١ - ٣**

(1-3): Imana Nyagasani irarahira igihe, aricyo ijoro n'amanya, aricyo gihe abagaragu b'Imana bakoramo ibikorwa byabo, Imana inavuga ko buri muntu wese ari mu gihombo, ibihombo ni byinshi kandi biratandukanye: Hari igihombo cya rusange, nk'umuntu wahombye hano ku Isi ndetse no ku mperuka, uwo gupfa kuri we ni inema kandi akwiye kujya mu muriro wa Jahanamu. Hari n'igihombo mu buryo bumwe gusa, no kubera iyo mpamvu Imana yavuze ko igihombo kizaba kuri buri muntu usibye gusa uzaba arangwa n'ibintu bine:

- Kwemera ibyo Imana yategetse kwemera, kandi ukwemera ntikwabaho umuntu adafite ubumenyi, kuko ubumenyi n'igice mu bice bigize ukwemera ntigushobora kubaho hatabayeho ubumenyi.
- Gukora ibikorwa byiza, ibi bikaba bikubiyemo ibikorwa byose byiza ibigaragara n'ibitaragara, byaba ibijyanye n'ukuri kw'Imana ndetse n'ukuri kw'abagaragu b'Imana, iby'itegeko ndetse n'ibitari itegeko.
- Kugirana inama z'ukuri, aribyo ukwemera no gukora ibikorwa byiza, bisobanuye ko abantu bagomba kugirana inama kuri ibyo byavuzwe bakanabishishikarizanya banabikundishanya.
- Kugirana inama zo kwihanganira kumvira Imana, no kwihanganira amageno y'Imana ariya, ibintu bibiri bya mbere bifasha umugaragu w'Imana kuzura we ubwe, naho ibintu bibiri byanyuma, bifasha umugaragu kuzuza mugenzi we, no kuba umugaragu w'Imana yakuzuza ibyo bintu bine, umugaragu w'Imana aba yamaze kurokoka igihombo no gutsindira inyungu zihambaye.

## IBISOBANURO BYA SURATUL HUMAZAT YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿وَيْلٌ لِّكُلِّ هُمَزَةٍ لُّمَزَةٍ ۚ ۞ الَّذِي جَمَعَ مَالًا وَعَدَّدَهُ ۚ ۞ يَحْسَبُ أَنَّ مَالَهُ أَخْلَدَهُ ۚ ۞ كَلَّا لَيُنْبَذَتَ فِي الْحُطَمَةِ ۚ ۞ وَمَا أَدْرَاكَ مَا الْحُطَمَةُ ۚ ۞ نَارُ اللَّهِ الْمُوقَدَةُ ۚ ۞ الَّتِي تَطَّلِعُ عَلَى الْآفَاقَةِ ۚ ۞ إِنَّهَا عَلَيْهِمْ مُّوَصَّدَةٌ ۚ ۞

﴿٨﴾ فِي عَمَدٍ مُمَدَّدَةٍ ۚ ﴿٩﴾ **الهمزة: ١ - ٩**

- (1): Imana yaravuze iti “ويل” bisobanuye isezerano ry'ibihano bikaze “لكل همزة لمزة” bizaba kuri wawundi, asebya abantu akoresheje kubatunga iminwa ndetse no mu bikorwa “لمزة” ni usebya abantu akoresheje amagambo ye.
- (2): Ibiranga umuntu nk'uwo, nuko ntakindi kimushishikaza usibye gukusanya imitungo no kuyibarura no kuyihunika, kandi adashaka kuyitanga mu nzira nziza, no kunga umuryango n'ibindi nkabyo.
- (3): Imana iti “يحسب” yibeshya ko “أن ماله أخلده” imitungo ye izatuma baramba kuri iyi isi, no kubera iyo mpamvu

Ikiba kimushishikaje ni ukongera umutungo we gusa, yibeshya ko uwo mutungo uzamubeshaho iteka, kandi atazi ko kugira ubugugu bisenya kuramba ku isi bikanasenya amazu, nta nazi ko gukora ibyiza byongerera umuntu kubaho.

(4-7): Imana iti “وما أدراك ما الخطة” “في الخطة” siko bimeze ahubwo azajugunywa mu muriro wa Khutwama, ese n’iki cyakumenyesha uwo muriro wa Khutwama?, ibi bikaba ari ikigaragaza ubuhambare bw’uwo muriro, hanyuma Imana itangira kuwusobanura igira iti “نار الله الموقدة” uwo muriro inkwi zawo ni abantu n’amabuye, ubukana bwawo “تطلع على الأفئدة” umuriro utobora umubiri ukagera ku mitima.

(8): No kubera ubukana bw’uyu muriro buhambaye, abo bantu bazaba bafungiranye muri wo, barataye ikizere cyo kuzawuvamo, no kubera iyo mpamvu Imana yaravuze iti “إنها عليهم مؤصدة” umuriro ufunze “في عمد” inyuma y’imiryango “ممددة” kugirango badasohokamo, Imana iti “Uko bazajya bashaka kuwusohokamo, bazajya basubizwamo” Twikinze ku Mana ngo iwuturinde kandi turayisaba ubuzima bwiza.

### IBISOBANURO BYA SURATU AL FILU YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿أَلَمْ تَرَ كَيْفَ فَعَلَ رَبُّكَ بِأَصْحَابِ الْفِيلِ ﴿١﴾ أَلَمْ يَجْعَلْ كَيْدَهُمْ فِي تَضْلِيلٍ ﴿٢﴾ وَأَرْسَلَ عَلَيْهِمْ طَيْرًا ﴿٣﴾ أَبَابِيلَ ﴿٤﴾ تَرْمِيهِمْ بِحِجَارَةٍ مِّن سِجِّيلٍ ﴿٥﴾ فَجَعَلَهُمْ كَعَصْفٍ مَّأْكُولٍ ﴿٦﴾﴾ الفيل: ١ - ٥

(1-5): Ese ntiwabonye ubushobozi n’ubuhambare bw’Imana ndetse n’impuhwe zayo ku biremwa byayo, n’ibimenyetso byo kuba Imana ari imwe na Muhamadi akaba ari intumwa y’Imana, ibyo Imana yakoreye bene inzovu, bakoreye imigambi mibisha inzu y’Imana Ntagatifu bashaka kuyonona, nuko bitegura icyo gikorwa, bagenda bitwaje inzovu kugirango bayisenye, baza ari igitero kinini abarabu batagombaga gushobora cyari kigizwe n’abanya Habasha (Ethiopie) ndetse n’abanya Yemeni, maze bageze hafi ya Makka, abarabu ntabwo bari bafite uburyo bwo kugikumira, abanye Makka bahunga umujyi wa Makka batinya ko cyabagirira nabi, nuko Imana ibohereza inyoni zinyanyagiye hose, zitwaye amabuye avuye mu muriro, ziyabamisha ho bose barashira bahinduka nk’ibyatsi byakacanzwe n’itungo, Imana ikumira ububi bwabo, imigambi yabo iyiburizamo. Inkuru yabo irazwi cyane, muri uwo mwaka niwo intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha yavutsemo) yavutse mo, ibyo bikaba byarabaye bimwe mubyo yashingiyeho ahamagarira abantu inzira y’Imana ndetse byabaye n’ikimenyetso cy’ukuri k’ubutumwa bwe. Imana isingizwe kandi ishimirwe.

### IBISOBANURO BYA SURATU LILAFI QURAYISHI YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿لَا يَلْفِ قُرَيْشٍ ﴿١﴾ إِلَهُفِهِمْ رِحْلَةَ الشِّتَاءِ وَالصَّيْفِ ﴿٢﴾ فَلْيَعْبُدُوا رَبَّ هَذَا الْبَيْتِ ﴿٣﴾ الَّذِي أَطْعَمَهُمْ مِّن جُوعٍ وَءَامَنَهُمْ مِّنْ خَوْفٍ ﴿٤﴾﴾ قریش: ١ - ٤



(1-4): Abenshi mubasobanuzi ba Qor'an baravuze bati "Iyi nyuguti ituma ijamba rigira kasira, ndetse n'ijamba riyikurikiye, bitanga igisobanuro kigira kiti "Twakoze ibyo twakoze kuri bene Inzovu, kubera Abakurayishi n'umutekano wabo ndetse no mu rwego rwo kubungabunga inyungu zabo, kugira ngo ingendo zabo zo mu bihe by'itumba mu gihugu cya Yemeni n'izo mu gihe cy'impesha mu gihugu cya Shami kubera ubucuruzi no gushaka amafunguro, nuko Imana irimbura abari bagambiriye kugirira nabi (abakurayishi), Imana izamura agaciro k'inzu yayo Ntagatifu ndetse n'abahatuye mu mitima y'abarabu, k'uburyo batangiye kubahwa, ntawongeye gukora ibikorwa byo kubatangira mu nzira iyo ariyo yose bashakaga kunyuramo, kubera iyo mpamvu Imana yabategetse kuyishimira, Imana yaravuze iti "فَالْيَعْبُدُ رَبَّ هَذَا الْبَيْتِ" bisobanuye ngo bajye bayisenga yonyine kandi bayereze amasengesho. Imana iti "الَّذِي أَطْعَمَهُمْ مِنْ جُوعٍ وَأَمْنَهُمْ مِنْ خَوْفٍ" kubona amafunguro no kugira umutekano, ni imwe mu namba ya hano ku isi, igomba gushimirwa Imana Nyagasani, Mana Nyagasani ukwiye ishimwe ku namba zawo izigaragara n'izitagaragara, Imana yashimangiye ko ariyo Nyagasani w'inzu Ntagatifu, kubera agaciro kayo n'icyubahiriro cyayo, nk'uko Imana ariyo Nyagasani wa buri kintu.

### IBISOBANURO BYA SURATU AL MAUNA YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿أَرَأَيْتَ الَّذِي يُكَذِّبُ بِالْإِيمَانِ ﴿١﴾ فَذَلِكَ الَّذِي يَدْعُ الْيَتِيمَ ﴿٢﴾ وَلَا يَحْضُ عَلَىٰ طَعَامِ الْمَسْكِينِ ﴿٣﴾ قَوْلٍ لِّلْمُصَلِّينَ ﴿٤﴾ الَّذِينَ هُمْ عَنْ صَلَاتِهِمْ سَاهُونَ ﴿٥﴾ الَّذِينَ هُمْ يُرَاءُونَ ﴿٦﴾ وَيَمْنَعُونَ الْمَاعُونَ ﴿٧﴾﴾

﴿٧﴾ الماعون: ١ - ٧

(1): Imana Nyagasani yamenze umuntu waretse ukuri kugomba (Imana) ndetse n'ukuri kugomba abagaragu bayo, igira iti "أَرَأَيْتَ الَّذِي يُكَذِّبُ بِالْإِيمَانِ" bisobanuye ngo ese wamenye wa wundi uhakana umunsi w'izuka n'ibihembo, nta nemere ibyazanywe n'intumwa.

(2): "فَذَلِكَ الَّذِي يَدْعُ الْيَتِيمَ" uwo ni wawundi uhutaza imfubyi ntayigirire impuhwe, kubera umutima we mubi, ibyo akabikora kubera ko atiringiye kuzabona ibihembo ku Mana akaba atanatinye ibihano byayo.

(3): Imana iti "وَلَا يَحْضُ عَلَىٰ طَعَامِ الْمَسْكِينِ" kandi nta nubwo ashishikariza abandi "على طعام المسكين" kugaburira abakene, nawe ubwe akaba atabagaburira.

(4-5): "قَوْلٍ لِّلْمُصَلِّينَ" Imana iti: Ibihano bikaze bizaba ku bantu bakora amasengesho, ariko bakayakora "عَنْ صَلَاتِهِمْ سَاهُونَ" batubahiriza igihe cyayo rimwe na rimwe bakayareka, cyangwa se bakareka zimwe mu nkingi zayo, ibyo bakaba babiterwa no kutita ku mategeko y'Imana, ku buryo bareka amasengesho kandi ari igikorwa cy'ibanze mu bikorwa byose bigendanye no kumvira, umuntu wibagiye isengesho uwo niwe ukwiye kunengwa no kuvebwa, naho kwibagirwa mu isengesho ibi biba kuri buri wese ndetse n'intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

(6-7): Kubera iyo mpamvu, Imana yavuze kuri abo bantu ko ari abakorera ijisho kandi bafite imitima mibi batagira impuhwe, igira iti "الَّذِينَ هُمْ يُرَاءُونَ" abo ni babandi bakora ibikorwa byabo kugira ngo abantu babarebe. Imana iti: "وَيَمْنَعُونَ الْمَاعُونَ" bananirwa gutanga ikitagize icyo kibatwara, cyaba igitirano cyangwa impano, nk'icyombo icyo aricyo cyose, indobo, ishoka n'ibindi, ibi bikaba ari bimwe mu bikoresho bizwi ko bikunzwe gutangwa kenshi no kubitiza, abo bantu rero kubera ukuntu batagira icyo batanga, bene ibi bikoresho nabyo barabyimana, ese ikiri hejuru yabyo cyo bagitanga?

Muri iyi Surat, harimo gushishikariza abantu kugaburira imfubyi n'abakene no kubishishikariza abantu, harimo nanone gucungana n'iswala no kuyubahiriza no kuyikora kubera Imana gusa, ndetse n'ibindi bikorwa byose, harimo na none gushishikariza abantu gukora ibikorwa byiza, no gufasha abantu utanga ibikoresho bito bito, nko kubatiza ibyombo, ingobo, igitabo n'ibindi. Ibyo ni ukubera ko Imana yamenze abatabikora. Imana niyo mu menyi w'ikirenga.

### IBISOBANURO BYA SURATU AL KAWUTHAR YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿إِنَّا أَعْطَيْنَاكَ الْكَوْثَرَ ۝ فَصَلِّ لِرَبِّكَ وَانْحَرْ ۝ إِنَّ شَانِئَكَ هُوَ الْأَبْتَرُ ۝﴾ الكوثر: ١ - ٣

(1): Imana Nyagasani yabwiye intumwa yayo Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iti “إنا أعيناك الكوثر” bisobanuye ngo mu by'ukuri, twaguhaye ibyiza byinshi, birimo umugezi Imana yateganyirije intumwa yayo ku muni w'imperuka, witwa KAWUTHAR, hakabamo na none ikizenga cy'amazi kirekire uburebure bwacyo bungana nahagendwa ukwezi kose n'ubugari bwacyo nabwo bikaba uko, amazi y'icyo kizenga arererana cyane kurusha amata kandi araryashye kurusha ubuki, ibyombo bizaba bikoreshwa mu gutanga amazi y'uwo mugezi bungana n'inzenyeri zo ku ijuru mu bwinshi ndetse no mu kubengerana, uzawunyaho rimwe ntazongera kugira inyota na rimwe.

(2): Nyuma yuko Imana igaragaje inema zayo yahunagaje ku intumwa yayo, yayitegetse kuzishimira igira iti “فصل لربك وانحر” bisobanuye ngo “Jya usenga kubera Nyagasani wawe, unabage kubera we” Imana yavuze by'umwihariko aya masengesho abiri, kuko ari amasengesho afite agaciro kandi akaba n'uburyo bwiza bwo kwiyegezeza Imana. Ibyo bikaba ari ukubera ko isengesho rikubiyemo kwicisha bugufi ku Mana bikorwa n'umutima ndetse n'ibihimba, ayo masengesho ninayo yimurira umuntu mu bindi bikorwa by'ayandi masengesho, naho kubaga ugamije kwiyegezeza Imana umuntu akabikora akoresheje amatungo meza atunze bijyana no gutanga umutungo we bizwi neza ko imiterere y'umuntu awukunda cyane kandi akanawugundira cyane.

(3): Imana iti “إن شئت” bisobanuye ngo mu by'ukuri, ukwanga ndetse n'ukuvuga nabi agupfobya, Imana iti “هو الأبر” uwo niwe watakaje ibyiza byose, nta bikorwa byiza agira, kandi nta ruvugiro azagira nyuma yo gupfa kwe, naho intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) we mukuri aruzuye, uko kuzura kwe gutuma yishimirwa n'abantu hakazanamuvuza icyihe azaba atakiriho. kandi bituma agira abavoboke benshi hamukurikira.



## IBISOBANURO BYA SURATU QUL YA AYUHAL KAFIRUNA YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿قُلْ يَا أَيُّهَا الْكَافِرُونَ ۝ لَا أَعْبُدُ مَا تَعْبُدُونَ ۝ وَلَا أَنْتُمْ عَابِدُونَ مَا أَعْبُدُ ۝ وَلَا أَنَا عَابِدٌ مَا عَبَدْتُمْ ۝ وَلَا أَنْتُمْ عَابِدُونَ مَا أَعْبُدُ ۝ لَكُمْ دِينُكُمْ وَلِيَ دِينِ ۝﴾ الكافرون: ١ - ٦

(1-6): Imana iti “Yewe Muhamadi, bwira abahakanyi unabatangarize ugira iti “لا أعبد ما تعبدون” bisobanuye ngo, ntabwo nyewe nsenga ibyo musenga, yitandukanya n’ibyo basengaga bitari Imana byaba ibigaragara ndetse n’ibitagaragara. Imana kandi iti “ولا أنتم عابدون ما أعبد” bisobanuye ngo, kubera ko mutagira ukwereza Imana mu masengesho yanyu, amasengesho yanyu akaba agendana n’ibangikanya, ibyo bintu ntabwo byakwitwa amasengesho, abisubiramo kabiri kugira ngo imvugo ya mbere igaragaze ko icyo gikorwa kidashobora kubaho, naho imvugo ya kabiri yerekana ko ibyo byamaze kuba umuco umuranga, no kubera iyo mpamvu, Imana yatandukanyije ayo matsinda uko ari abiri, iravuga iti “لكم دينكم ولي دين” bisobanuye ngo mufite idini yanyu nanjye nfite iyanjye dini, nkuko Imana yabivuze igira iti “Vuga uti “Buri wese akora mu buryo bwe”. Bityo mwe ntaho muhuriye n’ibyo nkora, kandi nanjye ntaho mpuriye nibyo mukora.

## IBISOBANURO BYA SURAT A NASWUR YAHISHURIWE I MADINA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿إِذَا جَاءَ نَصْرُ اللَّهِ وَالْفَتْحُ ۝ وَرَأَيْتَ النَّاسَ يَدْخُلُونَ فِي دِينِ اللَّهِ أَفْوَاجًا ۝ فَسَبِّحْ بِحَمْدِ رَبِّكَ وَاسْتَغْفِرْهُ إِنَّهُ كَانَ تَوَّابًا ۝﴾ النصر: ١ - ٣

(1-3): Muri iyi Surat Ntagatifu harimo inkuru nziza ndetse n’itegeko ry’Imana ku ntumwa yayo, riyitegeka uko izifata igihe iyo nkuru nziza izaba yasohotse, harimo kandi ikimenyetso ndetse no gukebura ku bizakurikira, inkuru nziza ikaba ari intsinzi y’Imana ku ntumwa yayo no gufungura umujyi wa Makka maze abantu bakinjira mu idini y’Imana “في دين الله” udutsiko twinshi, k’uburyo abenshi bazayinjira ari abo mu muryango we n’abamushyigikiye nyuma y’uko bahoze ari abanzi be, kandi koko iyo nkuru nziza yabaye impamo. Naho ikimenyetso muri ibyo ni ibimenyetso bibiri: Ikimenyetso cy’intsinzi kandi izakomeza ku idini, ikazarushaho kwiyongera igihe ugusingiza Imana no kuyisaba imbabazi biziyongera ku ntumwa y’Imana kuko ibyo biri mu gushimira Imana, kandi Imana yaravuze iti “Muramutse munshimiye nabongerera” ibyo bikaba byarabaye mu gihe cy’abayobozi bane bakurikiye intumwa Muhamadi (Al Khulafau Rashiduna), ndetse na nyuma yabo, kandi intsinzi y’Imana yarakomeje kugeza ubwo Islam yageze ahataragezwe nandi madini yose, Islam iyobokwa n’abatarayobotse indi dini, kugeza ubwo mubayisumu hagaragaye kunyuranya n’amategeko y’Imana, maze Imana ibaha ikigeragezo cyo gucikamo ibice no kutavuga rumwe, ibyo byateje abayisumu ibibazo bafite ubu, ariko hamwe n’ibyo abayisumu ndetse n’iri dini baracyafite impuhwe z’Imana, umuntu atakwibaza.

Ikimenyetso cya Kabiri: Ni ukuba byaragaragaje ko igihe cy'intumwa Muhamadi cyo gupfa kegereje, igisobanuro cy'ibyo nuko imyaka ye yaragezemo yari imyaka myiza, Imana yarahiriye kandi birazwi ko ibintu byiza byose bisozwa no gusaba imbabazi z'ibyaha, nko gusenga, gukora umutambagiro mutagatifu n'ibindi nkibyo. Bityo itegeko ry'Imana ku ntumwa yayo ryo gusingiza Imana no gusaba imbabazi z'ibyaha mu gihe nk'icyo byagaragaje ko igihe cye cyo kubaho kirangiye ko agomba gutangira kwitegura guhura na Nyagasani we, no kurangiza ubuzima bwe mu byiza, amahoro y'Imana abe kuri we, Intumwa y'Imana yajyaga isobanura Qor'an, ibyo intumwa yabivugaga mu masengesho ye akanabivuga kenshi muri Ruku ndetse no muri Sujudu agira ati "SUBUHANAKA ALLAHUMA RABANA WA BIHAMUDIKA ALLAHUMA AGH'FIRILY".

### IBISOBANURO BYA SURAT TABATI YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿تَبَّتْ يَدَا أَبِي لَهَبٍ وَتَبَّ ۝ مَا أَغْنَىٰ عَنْهُ مَالُهُ وَمَا كَسَبَ ۝ سَيَصْلَىٰ نَارًا ذَاتَ لَهَبٍ ۝ وَامْرَأَتُهُ حَمَّالَةَ الْحَطَبِ ۝ فِي جِيدِهَا حَبْلٌ مِّن مَّسَدٍ ۝﴾  
المسد: ١ - ٥

Abu Lahabi yari Ise wabo w'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), akaba yarakaze cyane mu kugirira ubugome no kubuza amahoro intumwa Muhamadi, ntiyamugiriyeye impuhwe kubera idini afite nta nubwo yamurwanyeho kubera isano y'amaraso bari bafitanye, Imana imuhamye ububi bwe, Imana rero yamuvuze nabi mu buryo buhambaye, bikaba ari igisebo kuri we kuzageza ku muni w'imperuka. 1. Imana yaravuze iti "تَبَّتْ يَدَا أَبِي لَهَبٍ" bisobanuye ngo amaboko ya Abu Lahabi yarahombye kandi akora ibikorwa bibi "وتَبَّ" bisobanuye ngo ntabwo ashobora kunguka na rimwe.

2. "مَا أَغْنَىٰ عَنْهُ مَالُهُ" bisobanuye ngo imitungo ye yaratunze ntacyo yamumariye ahubwo yatumye yigomeka ndetse nibyo yashatse ntacyo byamumariye, ntacyamurinze na kimwe ibihano by'Imana ubwo byamugeragaho.

3-5. Imana iti "وَامْرَأَتُهُ حَمَّالَةَ الْحَطَبِ" umuriro uzamugota impande zose, we n'umugore we "وَامْرَأَتُهُ حَمَّالَةَ الْحَطَبِ" nawe wari ukase cyane mu kubuza amahoro intumwa Muhamadi, yafatanyaga n'umugabo we mu bibi no mubugome, umugore agakora ibishoboka byose mu kubuza amahoro intumwa Muhamadi, bityo akagwiza umuzigo w'ibyaha ku mugongo we nk'umuntu uhutse inkwi, Imana rero yamuteganyirije umugozi mu ijosi rye, cyangwa se ko uwo mugore azikorera inkwi umugabo we mu muriro ibyo akazabikora aziritse umugozi mu ijosi rye.

Muri iyi surat harimo ibimenyetso bigaragara by'Imana, kuko Imana yamanuye iyi Surat Abu Lahabi n'umugore we bakiriho Imana itaraboreka, Imana ivuga ko bazahanirwa mu muriro byanze bikunze, icyibihamya nuko abo bombi batazigera bayoboka idini ya Islam, ibyo byose rero byabaye uko Umumenyi w'ibyihisha n'ibigaragara yabivuze.

## IBISOBANURO BYA SURAT AL IKH'LASW YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿قُلْ هُوَ اللَّهُ أَحَدٌ ۝ اللَّهُ الصَّمَدُ ۝ لَمْ يَلِدْ وَلَمْ يُولَدْ ۝ لَمْ يَكُنْ لَهُ كُفُوًا أَحَدٌ ۝﴾

الإخلاص: ١ - ٤

1. Imana iti “قل” bisobanuye ngo vuga yewe Muhamadi, ijambo rihamye kandi wemera unasobanukiwe icyo rivuga uti “هو الله أحد” We (Allah) ni Imana imwe, yihariye ubumana kandi afite ibisingizo byuzuye, akaba afite amazina meza n’ibisingizo byuzuye kandi biri hejuru n’ibikorwa bye biratagatituse, kuko ntacyo Imana ihwanye nacyo kandi ntacyo isa nacyo.
2. Imana iti “الله الصمد” bisobanuye ngo Imana niyo yiyambazwa mu bibazo byose, ibiremwa byose byaba ibiba mu kirere ndetse n’ibiba hasi byose bikeneye Imana cyane biyisaba gukemurirwa ibibazo byabo kandi bikeneye Imana mu bikorwa byabo byose kuko Imana niyo ifite ibisingizo byuzuye, ni umumenyi ufite ubumenyi byuzuye, uworohera abagaragu be, umunyempuhwe w’impuhwe zuzuye, kandi impuhwe ze zikaba zisaze buri kintu, uko ninako buri gisingizo cy’Imana cyose bimeze.
3. No mubigaragaza ko Imana yuzuye nuko “لم يلد ولم يولد” bisobanuye ngo Imana ntiyabyaye kandi ntiyabyawe, bigaragaza ukuzura kwayo mukudakenere ibiremwa.
4. Imana iti “ولم يكن له كفوا أحد” bisobanuye ngo: nta kintu na kimwe asa nacyo cyangwa yagereranywa nacyo, haba mu mazina yayo, mu bisingizo byayo ndetse no mu bikorwa byayo aratagatituse Nyagasani. Iyi Surat ikubiyemo Tawuhid y’amazina y’Imana n’ibisingizo byayo.

## IBISOBANURO BYA SURAT AL FALAQ YAHISHURIWE I MAKKA

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ الْفَلَقِ ۝ مِنْ شَرِّ مَا خَلَقَ ۝ وَمِنْ شَرِّ غَاسِقٍ إِذَا وَقَبَ ۝ وَمِنْ شَرِّ النَّفَّاثَاتِ فِي الْعُقَدِ ۝﴾

﴿وَمِنْ شَرِّ حَاسِدٍ إِذَا حَسَدَ ۝﴾ الفلق: ١ - ٥

1. Imana iti “قل” vuga yewe Muhamadi wikinga uti “أعوذ” nikinze kandi mpungiyeye “رب الفلق” kuri Nyagasani w’igitondo we usatura impeke n’urubuto (bikavamo ibimera), akaba ari nawe utandukanya ijoro n’igikondo.
2. Imana iti “من شر ما خلق” mwikinzeho ngo andinde ibibi by’ibyo yaremye, ibi bikaba bikusanyije ibiremwa byose Imana yaremye byaba abantu cyangwa amajini n’inyamaswa zose, umuntu akikinga ku wabiremye ngo ikurinde ibibi bishobora kuba biri muri ibi biremwa.

3. Hanyuma Imana nyuma yo kuvuga muri rusange ibyo intumwa Muhamadi igomba kwikinga ku Mana, noneho Imana ivuga mu muryo bw'umwihariko ibyo intumwa igomba kwikinga ku Mana igira iti “ومن شر غاسق إذا وقب” nikinze ku Mana ngo indinde ibibi biba mu ijoro igihe riguye maze imyuka mibi agakwirakwira hose ndetse n'inyamaswa zibuza abantu amahoro.

4. Imana iti “ومن شر النفثات في العقد” bisobanuye ngo: Anandinde ibibi by'abarozikazi bahuha ku mapfundo, bapfundika igihe baroga.

5. Imana iti “ومن شر حاسد إذا حسد” bisobanuye ngo nikinze ku Mana ngo indinde ibibi by'umunyeshyari igihe arigize. Umunyeshyari bisobanuye: umuntu wifuza ko inema iva kuwa agirira ishyari, agakora ibishoboka byose ngo iyo nema imuveho, ibyo bikaba bisaba kwikinga ku Mana ngo ikurinde ibibi by'uwo munyeshyari kandi ngo iburizemo imigambi mibi ye, muri iri jambo (umunyeshyari) kandi hinjiramo umunyakijisho kibi, kuko ijisho ribi ntirishobora kubaho bidatwe n'ishyari ndetse n'umutima mubi.

Iyi Surat ikaba ikubiyemo ukwikinga ku Mana buri kintu cyose kibi muri rusange ndetse no muburyo bw'umwihariko, iyi Surat kandi igaragaza ko uburozi buriho koko abantu bakwiye gutinya ibibi byabwo, bityo abantu bakaba bagomba kwikinga ku Mana ngo ibarinde uburozi ndetse n'abarozi.

### IBISOBANURO BYA SURAT A NASSI YAHISHURIWE I MADINAH

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

﴿قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ النَّاسِ ﴿١﴾ مَلِكِ النَّاسِ ﴿٢﴾ إِلَهِ النَّاسِ ﴿٣﴾ مِنْ شَرِّ الْوَسْوَاسِ الْخَنَّاسِ ﴿٤﴾ الَّذِي يُوَسْوِسُ فِي صُدُورِ النَّاسِ ﴿٥﴾ مِنَ الْجِنَّةِ وَالنَّاسِ ﴿٦﴾﴾  
الناس: ١ - ٦

1-6. N'iyi Surat ikubiyemo kwikinga ku Mana Nyagasani w'abantu, umwami wabo ndetse n'Imana yabo, ngo ibarinde Shitani, ariyo ntandaro y'ibibi byose, yo kubera ibigeragezo byayo n'ibibi byayo “يوسوس في صدور الناس” Yoshya imitima y'abantu gukora ibibi, ikatakira ibibi bakabibonamo ibyiza kandi ikabatera akanyabugabo ko kubikora, ikanababuzza gukora ibyiza ikanabibagaragariza mu yindi shusho Shitani ikaba ari uko ihora buri gihe, iteza impagarara mu mitima y'abantu hanyuma ikihisha, igihe umuntu yibutse Imana akanayisingiza ngo iyimurinde, bikaba ari ngombwa kwishingikiriza no kwikinga kuri Nyagasani kubera abantu bose, kuko ibiremwa byose biri muni y'ubwami bw'Imana, buri kigenda ku isi cyose Imana niyo ufashe ubuzima bwacyo, ibyo ntibyabaho hatabayeho gukumira ibibi by'umwanzi wabo ushaka kubigarurira akabatandukanya no gukora inshingano z'ibyo baremewe, uwo mwanzi akaba ashaka kubashyira mu gatsiko ke, kugira ngo bazabe mu bantu bo mu muriro, ibyo bibi uko bishobora guturuka ku bantu bishobora no guturuka no kuma Jini, no kubera iyo mpamvu Imana yaravuze iti “من الجنة والناس” bisobanuye ngo mu majini no mu bantu.

Ishimwe n'ikuzo bikwiye Imana Nyagasani w'ibiremwa byose mbere na nyuma mu buryo bugaragara n'ubutagaragara, tukaba dusaba Imana Nyagasani ko yadukwizaho inema ze kandi anatubabarire ibyaha byacu bituma imwe mu migisha y'Imana itakutugeraho, kandi ibyaha n'irari ry'imitima yacu bikaba byarigaruriye imitima yacu biyibuza kureba ibimenyetso by'Imana, twiringiye imigisha y'Imana kandi twizeye ko Imana itazayitwima kubera ibibi byacu, kuko abacika intege bose ku mpuhwe z'Imana baba ari abahakanyi, cyangwa abantu bayobye. Amahoro y'Imana abe ku ntumwa yayo Muhamadi ndetse no ku bantu be n'abasangirangendo be bose, amahoro n'imigisha iteka bikomeze bibe mu bihe byose. Ishimwe rikwiye Imana kubera inema zayo ibyiza byose bibasha kugerwaho.

## **IBIBAZO KU ITANGIRIRO NO KUBISOBANURO BYA QOR'AN**

1. Ni nde yanditse igitabo “AMASOMO YA NGOMBWA”?

• Uwanditse igitabo ni ABDUL AZIZ MWENE BAZI (Imana imugirire impuhwe). • MUHAMADI MWENE UTHAYIMIN (Imana imugirire impuhwe). • HAYITHAM SIRHANI (Imana imurinde).

2. Kuki twiga igitabo “AMASOMO YA NGOMBWA”?

• Ni ukubera ko ari igitabo cya ngombwa. • Ni no kubera ko abamenyi bagiriye inama abantu zo kucyitaho. • Ni no kubera ko kirimo amasomo ya ngombwa umuyisumu akeneye. • Ibyo byose byatambutse.

3. Inyandiko y'aya masomo igizwe n'ibi bikurikira:

• Uko umuyisumu yitwara kuri Qor'an na Tawuhid. • Isengesho no kwisukura. • Imico n'imyifatire. • Kwirinda ibyaha. • Gutegura umurambo. • Ibyo byose byatambutse.

4. Umuyisumu muri aya masomo ahera ako kanya ku gukosora imisomere ye ya Qor'an no kuyifata mu mutwe ndetse n'ibisobanuro bya: • Surat Al Alaq • Surat Al Fatihat • Surat Al Ikh'lasw.

5. Abantu mugusoma Qor'an unayitekerezaho ndetse no kuyigenderaho barimo ibice bibiri ndetse n'icyo hagati (ni ukuri – ni ikosa).

6. Ni ibihe bitabo bya Tafsir umunyeshuri akwiye kubaza kwiga?

• Igitabo cya Ibun Kathir. • Ibun Saadiy. • Tafsir Qur'tubiy.

7. Umunyeshuri agomba guhera ku bitabo by'incamake mbere yo kugera ku bitabo birambuye (ni ukuri – ni ikosa).

8. Umunyeshuri ahera kugusoma ibitabo bya Tafsir ku isura zimukurura cyane agakomeza gusoma no gusubiramo nka Surat Al Qaswasw, Surat Mariyam na Surat Al Kahfi (ni ukuri – ni ikosa).

9. Birashoboka ko umunyeshuri yakumviriza ibitabo bya Tafsir byaba ibyumvirizwa ndetse n'ibisomwa igihe gusoma byaba aribyo bimukurura cyane (ni ukuri – ni ikosa), nka gahunda ya Tafsir y'amajwi ya Qor'an ivuye muri Tafsir ya Saadiy.

10. Intumwa yaburiye umuntu usoma Qor'an ariko atita ku kumenya ibisobanuro byayo (ni ukuri – ni ikosa).

## **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL FATIHAT**

11. Surat Al Fatihat yiswe iryo zina kuko igaragaza isura itavamo ikintu icyo aricyo cyose kandi itinjiramo ikintu icyo aricyo cyose (ni ukuri – ni ikosa).

12. Surat Al Fatihat yiswe iryo zina kubera ko.....

13. Amwe mu mazina ya Surat Al Fatihat: • Umul Qor'an (Nyina wa Qor'an). • Sabuul Mathaniy (Ayat zirindwi). • A Swalatu (Isengesho). • Ibyatambutse byose.

14. Kwikinga ku Mana ni ngombwa mbere yo gusoma, hamwe nuko twebwe turi mu masengesho tutari mu byaha, ni ukubera iki?

.....  
.....

15. Ijambo (Awudhu) nikinze, risobanuye iki?

.....

16. Shitani yiswe (Rajimu) kubera:

- Ni ukubera ko yo ari MAR'JUMU, bisobanuye uwirukanywe mu mpuhwe z'Imana.
- Ni no kubera ko Shitani iterwa ibishyitsi by'umuriro.
- Ni no kubera ko Shitani itera abantu amarangamutima ndetse no gushidikanya. • Ibyatambutse byose.

17. Inyuguti ituma ijambo rigira kasira n'ijambo riyikurikira biboneka kuri Bismilahi, biba bishingiye ku gikorwa kitagaragajwe kandi kigomba kuza nyuma (ni ukuri – ni ikosa).

18. ALLAH: bisobanuye:

- Ni usengwa kubera urukundo no kumukuzi. • Nta wundi witwa iryo zina usibye Allah wenyine. • Iryo zina niryo amazina yose agarukaho. • Bavuga ko ariryo zina ry'Imana rihambaye. • Ntabwo iyo urihamagaye ritakaza inyuguti ya Alif ndetse niya Lam. • Ibyatambutse byose.

19. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'amazina abiri meza y'Imana ARAHMAN ARAHIM?

.....

20. Imana ukurera ibiremwa byayo biri mu buryo bubiri ni ubuhe?

- Uburyo bwa rusange, n'Uburyo bw'umwihariko. • Uburyo bwagutse, n'Uburyo bufunganye.

21. Ubwinshi mu busabe bw'intumwa n'abahanuzi (amahoro y'Imana abe kuri bo) bwaje mu mvugo zigira ziti:

- ALLAHUMA • RABU.

22. YAWUMA DINI NI:

- Umunsi w'imperuka. • Umunsi abantu bazishyurizwaho ibikorwa byabo. • Ibyatambutse byose.

23. (IHDINA SWIRATWAL MUSTAQIM), ni ubusabe bukusanyije ubundi kandi bufitiye akamaro umuntu (Nibyo - Sibyo).

24. Idini risobanuye ibi bikurikira:

- Ibihembo. • Ibikorwa. • Rimwe na rimwe risobanura ibihembo, ikindi gihe rigasobanura ibikorwa.

25. Gutambutsa uwakoreweho igikorwa mu nshinga kuwa gikoze bisobanuye:

- Kuba icyo gikorwa kwihariwe nawe gusa. • Nta nyungu bifite.

26. Gutambutsa amasengesho ku gikorwa cyo gusaba inkunga, biza mu rwego rwo gutambutsa:



• Ibiri rusange ku by’umwihariko. • Ukuri kw’Imana Nyagasani ku kuru k’umugaragu wayo. • Ibyatambutse byose.

27. Ni kuki Ayat “إياك نعبد” yaje mu buryo bw’ubwinshi?

.....

28. AL IBADAT: bisobanuye: • Izina rikusanyije ibyo Imana ikunda kandi yishimira, haba mu bikorwa cyangwa amagambo, ibigaragara n’ibitagaragara. • Kwicisha bugufi ku Mana, ukora ibyo yagutegetse wirinda ibyo yakubujije, mu rukundo no gukuza. • Ibadat rimwe na rimwe risobanura ibi cyangwa biriya.

29. Umuyoboro ugenderewe mu ijamba ry’Imana rigira riti “اهدنا” risobanuye: • Ni ukumenyesha no kuyobora. • Gufasha kugera kumuyoboro. • Ibyo byose.

30. Ikigambiriwe mu ijamba ry’Imana Nyagasani rigira riti “صراط الذين أنعمت عليهم” ni: • Ni buri wese wemeye muri uyu muryango w’abayisumu. • Ni abo Imana yahaye inema mu ntumwa n’abahanuzi, abanyakuri, abaguye ku rugamba n’abakiranutsi.

31. Ijambo “إياك نعبد وإياك نستعين” rikusanyije amategeko n’igeno (Nibyo - Sibyo).

32. Inyuguti “أي” ibiyikurikiye biba bikubiyemo ibiba bidakubiye mu yindi nyuguti itari yo muri Qor’an? • Surat Al Fatihat. • Ayatul Kurusiy. • Surat Al Ikh’lasw.

33. Ijambo ry’Imana Nyagasani “اهدنا الصراط” rikubiyemo: • Guhamya ubutumwa. • Gusubiza abanya bihimbano n’abayobye. • Ibyatambutse byose.

34. Ijambo ry’Imana Nyagasani “مالك يوم الدين” rikubiyemo ko: • Ibihembo bizaba mu butabera. • Umuntu afite uburenganzira bwo gukora ibikorwa bye koko. • Ibihembo bizaba ku bikorwa gusa. • Ibyatambutse byose.

### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA AYATUL KURUSIY**

35. Ayatul Kurusiy yiswe iryo zina, kuko yavuzwemo Kurusiy (intebe) “Nibyo – Sibyo”.

36. Ni iyihe Ayat ihambaye kurusha izindi muri Qor’an? • Ni Ayat ivuga iby’inguzanyo. • Ni Ayat ivuga ukuri ko kubana. • Ni Ayatul Kurusiy.

37. Qor’an ihambaye hashingiwe kubisobanuro “Nibyo – Sibyo”.

38. Ni ayahe mazina mu mazina meza y’Imana akubiye muri Ayatul Kurusiy? • Ni amazina atanu. • Ni amazina atandatu. • Ni amazina arindwi.

39. Mu izina ry’Imana (Al Hayu) bisobanuye umuzima, harimo ukuzura: • Ku giti cye. • Ku bwami bwe.

40. Izina ry’Imana (Al Qayum) bisobanuye uwigize akanabeshaho ibindi biremwa, harimo ukuzura: • Ku giti cye. • Ku bwami bwe.

41. Izina ry’Imana (Al Hayu) iyo riri kumwe n’izina ry’Imana (Al Qayum) bisobanura ukuzura kw’Imana ku giti cyayo ndetse no mu bwami bwayo “Nibyo – Sibyo”.

42. Izina ry’Imana (Al Hayu) ryagarutse muri Qor’an rikurikiranye n’izina ry’Imana (Al Qayum), inshuro: • Inshuro eshatu. • Inshuro enye. • Inshuro ebyiri.

43. Ni ngombwa ku bisingizo by’Imana bihakana Imana, kubihakana ku Mana nkuko Imana yabyihakaniye ubwayo, n’intumwa yayo ikabihakana ku Mana, ariko tunashimangira ukuzura kw’icyinyuranyo cyabyo, kuko guhakana gutomoye gusa ntibyumvikanisha ukuzura, urugero: Duhakana ko Imana idafatwa no guhondobera ndetse n’agatotsi, kugira ngo tugaragaze ko Imana yuzuye mu kubaho kwayo no kwigira kwayo “Nibyo – Sibyo”.

44. Imana nta numwe iha uburenganzira bwo gukorera undi ubuvugizi, usibye gusa mubyo ikunda, kandi Imana nta bindi ikunda bitari: • Tawuhidi (kuyiharira ubumana yonyine). • Gukurikira intumwa. • Ibyo byose byatambutse.

45. Ibyo Imana yereka ibiremwa mu bijyanye n’amategeko y’idini ndetse n’ibijyanye n’igeno: • Ni bikeya. • Ni byinshi.

46. Ijambo ry’Imana rigira riti “Imana izi ibyababayeho (ku isi)” risobanuye ibibabaho ubu ndetse n’ibizababaho mu bihe bizaza. N’ijambo ry’Imana “n’ibizababaho (ku mperuka)” ryo risobanuye ibyababayeho “Nibyo – Sibyo”.

47. Igisobanuro cy’izina ry’Imana (Al Aliy) risobanuye: • Uri hejuru ku giti cye. • Uri hejuru mu bisingizo bye. • Unesha ibiremwa byose. • Ibyatambutse byose.

48. Uyisomye mu ijoro akomeza kurindwa n’Imana na Shitani ntimwegera kugeza bukeye, iyo Ayat niyihe? • Ni ayat za nyuma za Surat Al Baqarat. • Ayatul Kurusiy.

49. Ayatul Kurusiy isomwa: • Nyuma ya buri masengesho y’itegeko. • Igihe cyo kuryama. • Mugitondo na nimugoroba. • Ibyatambutse byose.

### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AZALZALAT**

50. Surat Azalzat ni isura yamanukiye:

• Makka. • Madinah.

51. Surat Azalzat irimo: • Gutinyisha abantu. • Gukundisha abantu. • Ibyatambutse byose.

52. Ijambo ry’Imana rigira riti “Ubwo isi izatigiswa umutigito Ukomeye” ni kimwe n’ijambo ry’Imana rigira riti “Nuko (isi) ayisige ari ikibaya kiringaniye (kitagira ikimera)” “Utabonaho ikoni cyangwa ahagutse n’ahacuramyeye” “Nibyo – Sibyo”.

53. Ijambo ry’Imana rigira riti “Nuko isi igasohora ibiyirimo (abapfuye)” bisobanuye: • Imisozi n’imigina. • Abapfuye n’imitungo iri munda y’isi.

54. Isi iri mubizatanga ubuhamya ishinja abantu ibyo bakoze “Nibyo – Sibyo”.

55. Ijambo ry’Imana rigira riti “batatanye” bisobanuye: • Buri wese ukwe. • Udutsiko dutatanye.

56. Ijambo ry’Imana rigira riti “Icyo gihe uzaba yarakoze icyiza gifite uburemere bungana n’akantu gato cyane kurusha ibindi, azakibona (agihemberwe). Rimeze nk’ijambo ry’Imana rigira riti “Bazanasanga ibyo bakoze byose birimo, kandi Nyagasani wawe ntawe ajya arenganya” Surat Al Kahfi: 49. “Nibyo – Sibyo”.

### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL ADIYATI**

57. Isura ya Al Adiyati ni isura yamanukiye:

• Makka. • Madina.

58. Igisobanuro cy’ijambo (Al Adiyati) ni:

- Ifarasi. • Ni ikigenda cyose. • Ibyatambutse byose.

59. Isura ya Al Adiyati, irimo gutinyisha abantu kubera kudakora ibyo bategetswe “Nibyo – Sibyo”.

60. Sobanura amagambo akurikira:

(Dwabuha).....  
 (Qadiha).....  
 (Naq’aa).....  
 (Lakanud).....

### **IBIBAZO KURI SURAT AL QARIAT**

61. Surat Al Qaliat ni isura yahishuriwe:

- Makka. • Madinah.

62. Mubyo Surat Al Qariat yamanuriwe ni ukuburira abantu:

- Ibibazo bikomeye byo ku muni w’imperuka. • Ibigeragezo ku isi.

63. Surat Al Qariat igizwe na:

- Ayat zitera ubwoba. • Umuni w’imperuka.

64. Sobanura amagambo akurikira:

(كالفراش المبثوث).....  
 (كالعهن المنفوش).....

65. Umunzani uvugwa muri iyi Surat ni: • Umunzani nyakuri. • Ni ukumvisha ubutabera.

66. Ijambo ry’Imana rigira riti “Imibereho myiza” bisobanuye ku: • Isi. • Mu ijuru.

67. Ijambo ry’Imana rigira riti “Ubuturo bwe buzaba ari mu muriro witwa Hawiya” bisobanuye: • Umuriro azabana nawo nkaho ari nyina umubyara. • Nyina w’ubwonko bwe ni mu muriro. • Ibyatambutse byose.

68. Ijambo ry’Imana rigira riti “Ni iki cyawukumenyesha (umuriro wa Hawiya)? Bisobanuye: • Kugaragaza ubuhambare bwawo. • Ni ukubaza iby’uwo muriro. 69. Amwe mu mazina y’umuriro –turasaba Imana ngo iwuturinde- ni: • Hawiyat. • Jahanamu. • Al Hutwamat. • Ladhaa. • Asaiir. • Saqar. • Ibyatambutse byose. 70.

Ijambo ry’Imana rigira riti “Ni umuriro ugurumana bikabije!” –Turasaba Imana ko yawuturinda- urusha ubushyuhe umuriro • Inshuro mirongo cyenda.

### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT ATAKATHUR**

71. Iyi Surat yahishuriwe: • Makka. • Madina.

72. Iyi Surat irimo: • Inkuru zivuga uburyo abantu barimo. • Gucyaha abantu mukureka kwabo ibyo baremewe.

73. Muri iyi Surat harimo kubuza abantu gushakisha cyane ingwize, n’ubwo waba ugamijemo kwishimirwa n’Imana “Nibyo – Sibyo”.

74. Imvugo igira iti (Yimukiye mu iherezo rye ryanyuma) harimo: • Guhakana izuka. • Ibihembo.

75. Ijambo ry’Imana rigira riti “Kugeza ubwo musuye amarimbi” kubera iki Imana yabise abasura amarimbi, ntibite abatuye mu marimbi? • Ni ukubera ko ubuzima bwa Barizakh ikigambiriwe muri bwo, ari ukugera mu buzima bwanyuma. • Ni ukubera ko bimutse mu mazu yabo yo ku isi bakajya mu marimba kandi Atari ayabo.

76. Ubumenyi bugabanyijemo ibice: Ubumenyi bwizewe, ijisho ryizewe, ukuri kwizewe “Nibyo – Sibyo”.

### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL ASWIR**

77. Isura ya Al Aswir ni isura yahishuriwe:

• Makka. • Madinah.

78. Muri Surat Al Aswir harimo ibibazo bine: Ubumenyi, gukora, ivugabutumwa no kwihangana “Nibyo – Sibyo”.

79. Ni iyihe mvugo y’ukuri, mubyerekeye kurahira ikitari Imana? • Imana ifite ububasha bwo kurahira icyo ishatswe mu biremwa byayo. • Ikiremwa ntigifite uburenganzira bwo kurahira ikindi kitari Imana. • Ikiremwa gifite uburenganzira bwo kurahira ikitari Imana. • Ibisubizo bibiri, icya mbere n’icya kabiri.

80. Kwihangana birimo ibice: • Bibiri. • Ibice bitatu. • Ibice bine.

81. Mu isura ya Al Aswir harimo amategeko ane, amategeko abiri ya mbere atuma umuntu yuzura, naho amategeko abiri ya nyuma agatuma umuntu yuzuza mugenzi we “Nibyo – Sibyo”.

### **IBIBAZO KURI SURAT AL HUMAZAT**

82. Surat Al Humazat yahishuriwe:

• Makka. • Madinah.

83. Igisobanuro cy’ijambo (ويل) ni: • Ikibaya kiri mu muriro wa Jahanamu. • Ni imvugo isezzeranya ibihano ikubiyemo ikibaya cyo mu muriro wa Jahanamu n’ibindi.

84. Igikorwa “الهمزة” kibaho mu magambo naho igikorwa “لمزة” kikabaho mu bikorwa “Nibyo – Sibyo”.

85. Ayat igira iti “Yibwira ko umutungo we uzatuma abaho ubuziraherezo!” twungukamo ko gukora ibyiza byongeraga igihe cyo kubaho “Nibyo – Sibyo”.

86. Igisobanuro cy’ijambo ry’Imana rigira riti “Ni iki kizakumenyesha” rigaragaza ko intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha), ibyo abazwa: • Yari abizi. • Ibyo abazwa atari abizi.

87. Mu ijambo ry’Imana Nyagasani rigira riti “Ni umuriro wa Allah ucanye” inkwi z’umuriro ni: • Abantu. • Amabuye. • Ibyatambutse byose.

88. Ijambo ry’Imana rigira riti “(Uwo muriro) uzajya uzamuka ugere ku mitima (y’abazaba bawurimo)” bisobanuye: • Ibyo wemera. • Gucengera mu mibiri ukagera ku mitima.

### **IBIBAZO KURI SURAT AL FIILU**

89. Surat Al Fiil yamanukiye: • Makka. • Madinah.

90. Muri iyi Surat harimo isomo, ryerekana ko inyamaswa nkuru kuri iyi si itinye kuba yahohotera inzu iyo ariyo yose mu nzu z’Imana, ikiremwa muntu rero byari bikwiye kuba akarusho.

91. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavutse mu mwaka: • Uwi inzovu. • Uwa akababaro. • Uwa amapfa.

92. Iyi Surat ni kimwe mu bimenyetso by'ubutumwa bw'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), irimo igitangaza cyagaragaye mbere y'uko intumwa Muhamadi ahabwa ubutumwa "Nibyo – Sibyo".

93. Sobanura amagambo akurikira:

(طيراأبايل).....  
(كصف مأكول).....

### **IBIBAZO KURI SURAT QURAYISH**

94. Surat Qurayish yahishuriwe:

• Makka. • Madinah.

95. Iyi Surat ifitanye isano ni surat: • Al Fiil. • Al Kafiruna. • A Nassi.

96. Aba Qurayish bari bafite ingendo mu gihe cy'ubukonje ziberekeza Shami, naho mu gihe cy'impeshyi bakerekeza Yemeni "Nibyo – Sibyo".

97. Imana yahaye agaciro gahambaye umujyi wa Makka ndetse n'abantu baho mu mitima y'abarabu kugeza ubwo abarabu babubashye ntibakajye babahohotera: • Mu mujyi wa Makka. • Mu mujyi wa Makka ndetse no mu ngendo zabo.

98. Imana yiyitiriye inzu ya Makka, kubera agaciro kayo n'icyubahiro cyayo, kuko bizwiko Imana ari Nyagasani wa buri kintu "Nibyo – Sibyo".

99. Imana yaravuze iti "رب هذا البيت" bisobanuye ngo Nyagasani w'iyi nzu, ibi biri mu rwego rw'umuremyi kwiyitirira icyo yaremye mukugiha icyubahiro "Nibyo – Sibyo".

### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL MAUNA**

100. Surat Al Mauna yahishuriwe:

• Makka. • Madinah.

101. Igisobanuro cy'ijambo "الدين" mu ijambo ry'Imana rigira riti "أرأيت الذي يكذب بالدين" ni: • Izuka n'ibihembo. • Ni ugusaba inguzanyo no guhakana ukuri wahawe.

102. Igisobanuro cy'ijambo "يدع" ni: • Yaretse. • Gukumira ku ngufu.

103. Infubyi ni uwapfushije: • Ise. • Nyina.

104. Umuntu yitwa infubyi nanone: • Igihe Atari yageza igihe cyo kugimbuka. • Umuntu yitwa infubyi niyo yamaze kugimbuka.

105. Kwibagirwa mu isengesho nibyo bituma uwo byabayeho agomba gucyahwa no kuvebwa, naho kwibagirwa isengesho ibyo bishobora kuba kuri buri wese "Nibyo – Sibyo".

106. Itegeko ryo kwibona ni: • Biremewe. • Si byiza. • Byaraziririjwe. • Ni ibangikanya rito. • Ni ibangikanya rikuru.

107. Muri iyi Surat harimo gushishikariza gukora ibikorwa byiza “Nibyo – Sibyo”.

108. Ijambo “الماعون” ryavuzwe muri iyi Surat risobanuye: • Icyombo. • Buri kintu cyose bisanzwe bizwi mu muco ko ntawe ucyimana.

#### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL KAUTHAR**

109. Surat Al Kauthar yahishuriwe: • Makka. • Madinah.

110. Ijambo “الكوثر” risobanuye: • Umugezi. • Ibyiza byinshi n’inema zihambaye.

111. Imana yavuze by’umwihariko aya masengesho abiri, Iswala no kubaga, kuko ariyo masengesho meza kurusha ayandi, akanaba ari uburyo bwiza bwo kwiye gereza Imana “Nibyo – Sibyo”.

112. Ijambo “شأنك” risobanuye: • Ukwanga. • Ukuvuga nabi. • Ugupfobya. • Ibyo byose byatambutse.

113. Ijambo ry’Imana rigira riti “هو الأبتى” ryumvikanamo ko ukunda intumwa y’Imana asiga ukuvugwa neza no gushimwa “Nibyo – Sibyo”.

114. Muri iyi Surat harimo ikimenyetso cyo kugira abakunzi benshi n’abayoboke benshi “Nibyo – Sibyo”.

#### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL KAFIRUNA**

115. Suratu Al Kafiruna yahishuriwe: • Makka. • Madinah.

116. Surat Al Kafiruna isomwa ku iraka ya mbere nyuma ya Surat Al Fatihat mu isengesho rya: • Sunat ya Al Fajir. • Sunat ya Magharib. • Sunat ya Twawafu. • Isengesho rya Witri. • Ibyatambutse byose.

117. Isengesho riri kumwe n’ibangikanyamana: • Iryo sengesho riba rituzuye. • Ibyo ntabwo byitwa isengesho.

118. Ubwirwa mu ijambo “قل” risobanuye ngo (vuga) ni: • Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha). • Ni intumwa Muhamadi ndetse nundi wese bikwiye ko iyi mvugo yakwerekezaho.

119. Abahakanyi ni: • Uwo ariwe wese wagezweho n’ubutumwa bw’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ntamwemere, nk’abayahudi n’abakirisitu. • Ni abahakanyi ba Makka.

120. Muri iyi Surat harimo gushimangira ukwitandukanya n’ibangikanya hamwe n’abarikora, bivuye ku mutima no k’ururimi ndetse n’ingingo z’umubiri “Nibyo – Sibyo”.

121. Isubiramo ry’amagambo rigenda rigaruka muri iyi Surat, rigaragaza: • Ugushimangira. • Isubiramo rya mbere rigaragaza ko icyo gikorwa kidahari, naho isubiramo rya kabiri rigaragaza ko icyo gikorwa cyamaze kuba ikirango kiranga ntiracyo.

#### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT A NASWUR**

122. Surat A Naswur yahishuriwe: • Makka. • Madinah.

123. Muri iyi Surat harimo inkuru nziza hakabamo inkuru, itegeko n’ibigomba kwitonderwa “Nibyo – Sibyo”.

124. Uyu muryango wa Kislamu ndetse n’iyi dini bifite imigisha y’Imana no kworoherwa n’Imana, bidasanze utanatekereza “Nibyo – Sibyo”.



125. Muri iyi Surat harimo ikimenyetso kigaragaza ko igihe cyo kubaho cy'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) cyegereje “Nibyo – Sibyo”.

126. Mu gushyira mu bikorwa ibyaje muri iyi Surat, intumwa y'Imana yajyaga ikunda kuvuga cyane muri Rukuu na Sijida iti “SUBUHANAKA ALLAHUMA RABANA WA BIHAMDIKA, ALLAHUMA AGH'FIRILIIY” “Nibyo – Sibyo”.

#### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL MASAD**

127. Surat Al Masad yahishuriwe: • Makka. • Madinah.

128. ABU LAHABI ni: • Se wabo w'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha). • Nta sano afitanye n'intumwa Muhamadi.

129. Azavugwa nabi kuzageza ku muni w'imperuka: • Abu Lahabi. • Buri wese wanga intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

130. Vuga ibisobanuro by'amagambo akurikira:

(تبت).....  
(ماكسب).....  
(جيدها).....  
(مسد).....

131. Muri iyi Surat harimo ikimenyetso mu bimenyetso by'Imana kigaragara, kuri Abu Lahab n'umugore we cy'uko batarokoka “Nibyo – Sibyo”.

#### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL IKH'LASW**

132. Surat Al Ikh'lasw yahishuriwe: • Makka. • Madinah.

133. Surat Al Ikh'lasw yiswe iryo zina kubera ko: • Yahamije cyane ugusingiza Imana. • Yeza abasomyi bayo ho ibangikanya. • Ibyatambutse byose.

134. Ibihembo byo gusoma iyi Surat bingana na: • N'ibyo gusoma cyimwe cya kabiri cya Qor'an. • N'ibyo gusoma cyimwe cya kane cya Qor'an. • N'ibyo gusoma cyimwe cya gatatu cya Qor'an.

135. Iyi Surat isomwa kuri Rakaa ya kabiri nyuma ya Surat Al Fatihat mu isengesho rya: • Sunat ya Al Fajir. • Muri Sunat ya Magharib. • Muri sunat ya Twawafu. • Mu isengesho rya Witri. • Nyuma y'amasengesho y'itegeko. • Igihe cyo kuryama. • Ibyo byose byatambutse.

136. Surat Al Kafiruna na Surat Al Ikh'laswi bisomwa ku manywa na ninjoro, kugira ngo uhamye ubwoko butatu bwa Tawuhid “Nibyo – Sibyo”.

137. Muri Surat Al Ikh'lasw harimo: • Tawuhid Uluhiya (guhanya ubumana bw'Imana). • Tawuhid Rububiyat (guhanya ko Imana ariyo umurezi w'ibiremwa), harimo na Tawuhidul Asmau wa Swifat (guhanya amazina n'ibisingizo by'Imana).

138. Igisobanuro cy'ijambo “قل” risobanuye ngo vuga: • Ni ukuvuga ku rurimi gusa. • Kuvuga ku rurimi, gukora ibikorwa no kwemera ku mutima.

139. Ijambo ry’Imana rigira riti: “هو الله أحد” bisobanuye ngo we Allah ni Imana imwe, mu kuba ariyo Nyagasani w’ibiremwa, n’imwe mu bumana bwayo no mu mazina n’ibisingizo byayo “Nibyo – Sibyo”.

140. Ijambo ry’Imana “الصد” risobanuye: • Uwiyambazwa mu bibazo byose. • Uwihagije ubwe ibindi bikabaho kubwe. • Umutware wujuje ubutware, no kuba Nyagasani w’ibiremwa, Ubumana n’amazina n’ibisingizo bye. • Ibyo byose byatambutse.

141. Kwitirira Imana umwana cyangwa umubyeyi, ni ubuhakanyi bukuru “Nibyo – Sibyo”.

### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT AL FALAQ**

142. Surat Al Falaq, yahishuriwe: • Makka. • Madinah.

143. Sobanura amagambo akurikira:

(أعوذ).....  
(الفلق).....  
(غاسق).....  
(وقب).....  
(النفاثات).....  
(العقد).....  
(حاسد).....

145. Muri iyi Surat harimo: • Kwikinga ku Mana muburyo bwa rusange n’ubw’umwihariko. • Harimo nanone ko uburozi buriho koko kandi ko ari ukuri. • Ibyo byose byatambutse.

### **IBIBAZO KU BISOBANURO BYA SURAT A NASSI**

146. Surat A Nassi yahishuriwe: • Makka. • Madinah.

147. Surat ANassi isomwa: • Nyuma y’amasengesho y’itegeko. • Igihe cyo kuryama. • Ibyo byose byatambutse.

146. Ijambo “الخناس” risobanuye iki?.....

## ISOMO RYA KABIRI

### INKINGI ZA ISLAM:

Gusobanura inkingi za Islamu eshanu iyambere murizo ikanaba ariyo nkuru ni Uguhamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa uretse, Imana imwe, no guhamya ko Muhamadi ari intumwa y'Imana. Ari byo SHAHADATU AN LA ILAHA ILA LLAHU WA SHAHADATU ANA MUHAMADAN RASULU LLAH. Mugutanga ibisobanuro bya ririya jambo no kugaragaza ibyangombwa (sharti) bya LA ILAHA ILA LLAHA, nicyo risobanuye (LA ILAHA): Ni uguhakana ibisengwa byose bitari Imana (ILA LLAHU): Ni uguhamya no kwemeza ko amasengesho yose agomba guharirwa Imana yonyine itagira uwo ibangikanye nawe. Naho ibyangombwa (Sharti) za LA ILAHA ILA LLAHU ni izi zikurikira:

1. Ni ukugira ubumenyi buzira ubujiji.
2. Kugira icyizere kitajyanye no gushidikanya.
3. Kwereza Imana ibikorwa bitajyanye no kuyibangikanya.
4. Ukuri kutajyanye n'ikinyoma.
5. Urukundo bitajyanye n'urwango.
6. Gushyira mu bikorwa kutajyanye no kureka.
7. Kwakira kutajyanye no kwamagana.
8. Guhakana ibindi byose bisengwa bitari Imana ibi byangombwa (sharti) umunani zikubiye mu miryango ibiri y'ibisigo bigira biti: “Ubumenyi, gusobanukirwa, no kwereza n'ukuri kwawe hamwe no kwema no kwakira ririya jambo hongeyeho n'iya munani nayo ni uguhakana kukuvuyeho kwibindi bintu byose byasenzwe bitari Imana”.

**GUSOBANURA GUHAMYA KO MUHAMADI ARI INTUMWA Y'IMANA, NDETSE N'IBIJYANYE NABYO:** Ni ukwemera ukuri kw'ibyo yavuze, no kumwumvira mubyo yategetse, no kwirinda ibyo yabujije, kandi ntawe ugomba gusenga bidakurikije ibyo Imana yategetsentse n'intumwa yayo. Hanyuma umunyeshuri agasobanurirwa izindi nkingi ya Islamu uko ari eshanu arizo: 1. Gusenga. 2. Gutanga amaturo (Zakat). 3. Gusiba ukwezi kwa Ramadhani. 4. Gukora umutambagiro mutagatifu ku nzu y'Imana k'ubishoboye.

**INKING Z'IJAMBO LA ILAHA ILA LLAHU**

**GUHAKANA (لا إله)**

Ni uguhakana ibisengwa byose bitari Imana  
(Guhakana Ibigirwamana)

**GUHAMYA (إله الله)**

Uhamya ko amasengesho yose akwiye Imana  
(Ukwemera Imana)

IJAMBO RYA IKH'LASW RIFITE INKING EBYIRI GUHAKANA NO GUHAMYA BITYO ZIFATE MU MUTWE

## GUSOBANURA IBYANGOMBWA BY'IJAMBO LA ILAHA ILA LLAHU

Ibyangombwa by'Ijambo (LA ILAHA ILA LLAHU), bigereranywa n'amenyo y'infunguzo, kuko ijambo (LA ILAHA ILA LLAHU) ari urufunguzo rw'ijuru kandi infunguzo ntizishobora gufungura zidafite amenyo, no kubera iyo mpamvu buri kintu cyose cyaje muri Qor'an no muri Sunat kivuga ko uzavuga (LA ILAHA ILA LLAHU), azahabwa ibihembo bya gutya na gutya, ningombwa kugira ngo ibyo bihembo abigereho kubanza kuzuza ibi byangombwa, uko ari umunani:

1. Kugira ubumenyi nyabwo: Ikinyuranyo cyabwo ari ubujiji nyabwo, uzaba atazi igisobanuro cya ririya jambo, iryo jambo ntacyo ryamumarira, no kubera iyo mpamvu ni ngombwa ko buri muntu ushaka kwinjira muri Islam ko agomba kuba azi igisobanuro cya ririya jambo, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati "Uzapfa azi neza ko nta yindi Mana ibaho usibye Allah wenyine, azinjira mu ijuru" Yakiriwe na Muslim.
2. Kugira icyizere: Kugira icyizere ijana ku ijana, kuko kugira ugushidikanya nubwo kwaba kungana na rimwe ku ijana muguhakana ibigirwamana, cyangwa se kwifata ntugire icyo ubivugaho cyangwa kubura icyo uhitamo muri ibyo, umuntu nk'uwo ntaba ari umwemera, n'umuntu agishidikanya k'ubuhakanyi bw'abayahudi n'abakirisitu, babandi bagezweho n'ubutumwa bw'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), uwo nawe ntaba ari umwemera. Intumwa y'Imana yaravuze iti "Ijambo Ndahamya ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa usibye Imana imwe, ka nanjye (Muhamadi), ndi intumwa y'Imana, nta mugaragu w'Imana uzahura nayo afite ayo magambo yombi, atayafiteho ugushidikanya, usibye ko azinjira mu ijuru" Yakiriwe na Muslim.
3. Kwereza Imana ibikorwa: Umuntu rero uzakora ibikorwa agirango yiyereke abantu, cyangwa akabangikanya Imana ukubangikanya gukomeye – nk'uwasegana ikitari Imana- uwo ibyo bikorwa ntacyo bimumarira, imvugo yaturutse ku intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yaravuze ati "Uzegukana ubuvugizi bwanjye, ni uwavuze LA ILAHA ILA LLAHU, bivuye ku mutima we cyangwa muri we" Yakiriwe na Bukhariy.
4. Kugira ukuri: Uzavuga ariya magambo abeshya, nkuko indyarya zibikora, iryo jambo ntacyo rimumarira, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti "Nta muntu uzahamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa mu kuri usibye Allah, akanahamya ko Muhamadi ari umugaragu w'Imana akaba n'intumwa yayo, akabivuga mu kuri guturutse mu mutima we, uwo Imana izaziririza kuri we umuriro" Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.
5. Kugira urukundo: Umuntu agakundi Imana urukundo atakunda undi muntu, akanakunda ibyo Imana yategetse ko bikundwa, ikinyuranyo cy'urwo rukundo kikaba ari urwango, ni no kubera iyo mpamvu mu byonona ubuyisumu bw'umuntu harimo ko (Uzanga kimwe mubyazanywe n'intumwa Muhamadi, nubwo yaba agikora, aba ahakanye), Imana yaravuze iti "No mu bantu hari abishyiriraho ibigirwamana mu kimbo cya Allah, bakabikunda urukundo nk'urwo bakunda Allah".
6. Guca bugufi no gukurikiza: Ni ngombwa gukurikiza ijambo (La ilaha ila llahu), kuko aretse kurikurikiza, uwo ntacyo rimumarira. Imana yaravuze iti "Oya! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wawe! Ntibazigera bemera by'ukuri, keretse babanje kukugira (yewe Muhamadi) umucamanza mu makimbirane yavuka hagati yabo, hanyuma ntibasigarane ingingimira mu mitima yabo kubera uko wabakiranuye, kandi bakabyakira banyuzwe".
7. Kwakira: Nta kwanga iryo jambo cyangwa ukanga kurikurikiza ndetse no kuryemera, Imana yaravuze iti "Kuko iyo babwirwaga ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, baribonaga" Ayat 35. "Bakanavuga bati "Ese koko tureke imana zacu kubera umusizi w'umusazi?" Ayat 36.
8. Guhakana: Uhakana ko ibisengwa byose bitari Imana, ari ibinyoma, ntawe ukwiye gusengwa usibye Imana.

**Icyitonderwa:** Ni ngombwa mu kwemera ijambo LA ILAHA ILA LLAHU, ko bigomba kugendana n'ibikorwa ndetse no kwemera ku mutima.

## IBICE BIGIZE URUKUNDO

### GUKUNDA IKINTU HAMWE N'IMANA

Ibi bibarirwa mu ibangikanya rikuru, Imana yaravuze iti “No mu bantu hari abishyiriraho ibigirwamana mu kimbo cya Allah, bakabikunda urukundo nk’urwo bakunda Allah”.

### GUKUNDA IKINTU KUBERA IMANA

Uru rukundo ni itegeko kurugira, ahubwo ruri mu bihambira ukwemera, Imana yaravuze iti “Muhamadi ni Intumwa ya Allah. Kandi babandi bari kumwe na we, bari inkazi ku bahakanyi (igihe babasagariye), bakaba abanyempuhwe hagati yabo”. Bene uru rukundo rugaragarira ku bintu bine:

### URUKUNDO RWA KAMERE

Bene uru rukundo ruremewe ariko umuntu akabanza kuzuza ibi bikurikira: Ntirugomba kuruta urukundo umuntu akunda Imana, urugero rwarwo: Ni nk’urukundo ukunda umwana ndetse n’urukundo wakunda umugore, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati “Ntabwo umwe muri mwe azemera by’ukuri, atankunze kuruta umwana we n’umubyeyi we ndetse n’abantu bose muri rusange”

Ibikorwa Imana  
Nyagasani yishimira,  
aribyo ibyaje mu  
mategeko y’idini nka  
Tawuhid  
(Iyobokamana)

Ibyakozwe n’intumwa  
n’abahanuzi,  
abamalayika,  
abasangirangendo na  
buri mwemera wese

Mu bihe bikunzwe  
n’Imana Nyagasani  
nko mu ijoro  
ry’ubugabe, no  
mugice cya gatatu  
cya nyuma cy’ijoro

Ahantu Imana Nyagasani  
ikunda nka Makka na  
Madinah

**NI IKIHE GISOBANURO CY'IMVUGO Y'UMUYISLAMU NGO "UMUGARAGU WAYO"  
MUGUHAMYA KO MUHAMADI ARI INTUMWA Y'IMANA?**

Bisobanuye ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) adasengwa, ko nta n'umwihariko afite w'ubumana, mu mazina no mubisingizo

Binasobanura ko intumwa Muhamadi ari umuntu ugandukira Imana cyane kurusha ibiremwa byose, yujuje ukugandukira Imana Nyagasani.

**IBICE BIGIZE UKUGARAGIRA IMANA**

**UKUGARAGIRA IMANA MU  
BURYO RUSANGE**

Ni ukugaragira Imana Nyagasani (Unesha) buri kiremwa, Imana yaravuze iti "Nta na kimwe mu biri mu birere no ku isi kizagera imbere ya (Allah) Nyirimpuhwe kitari umugaragu (uciye bugufi)" muri uyu murongo hinjiramo umwemera n'umuhakanyi.

**UKUGARAGIRA IMANA MU  
BURYO BW'UMWIHARIKO**

Ni ukugaragira Imana mu kuyimvira muri byose, Imana yaravuze iti "Kandi abagaragu ba Nyirimpuhwe (nyakuri) ni babandi bagenda ku isi biyoroheje" ibi bikaba bireba buri wese ugandukira Imana Nyagasani ashingiye ku mategeko y'idini.

**UKUGARAGIRA IMANA MU  
BURYO BW'UMWIHARIKO  
W'UMWIHARIKO**

Ni ukuganduka kw'intumwa zote (Imana izihe amahoro n'imigisha), Imana ivuga kubyerekeye Nuhu yagize iti "Mu by'ukuri, we yari umugaragu ushimira (Imana) cyane" ubu bugandukiramana rero bushyirwa ku intumwa by'umwihariko w'umwihariko kuko nta ntumwa n'imwe inyuranya n'uko kugandukira Imana Nyagasani.



**UMUSOGONGERO KU MATEKA Y'INTUMWA Y'IMANA  
(IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA)**

**IGISEKURU CYE**

Ni Muhamadi mwene Abdullahi mwene Abdul Mutwalib mwene Hashim, uwo Hashimu akaba ari Umukurayishi, kandi abakurayishi bakaba ari abarabu, n'abarabu bakaba ari igisekuru cya Ismail mwene Ibrahimu (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

**IGIHE YAVUKIYE**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavutse mu mwaka w'inzovu mu kwezi kwa gatatu kw'icyarabu, akaba yarabayeho imyaka mirongo itandatu n'itatu, muriyo harimo mirongo ine yabayeho mbere y'uko ahabwa ubutumwa n'imyaka makumyabiri n'itatu yabayeho ari intumwa ndetse n'umuhanuzi, yari infubyi kuko Ise yapfuye mbere yuko avuka, akaba yararerewe kwa Sekuru Abdul Mutwalib, na nyuma yuko Sekuru apfa yararerewe kwa Sewabo Abu Twalib.

**UKOYAHawe  
UBUTUMWA**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yatumwe ku bantu ndetse n'amajini, buri wese uzagerwaho n'ubutumwa bwe hanyuma ntamwemere, uwo aba ari umuhakanyi w'ubuhakanyi bukomeye, uwo yaba ariwe wese.

**IVUGABUTUMWA  
RYE**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yahamagariye abantu gusenga Imana imwe no kurangwa n'imico myiza ndetse n'ibikorwa byiza, anabuzabangikanya no kurangwa n'imico mibi ndetse n'ibikorwa bibi.

**URUGENDO RWA  
ISRAU NA MIIRAJ**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yajyanywe mu rugendo aturutse I Makka ajya I Yerusalemu ku rusengero rwa Bayitul Maq'das, hanyuma azamurwa mu ijuru rya karindwi, nuko Imana iramuvugisha inamutegeka amasengesho atanu.

**UKWIMUKA KWE  
N'URUPFU RWE**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yimutse ava Makka ajya Madina, ari naho yapfiriye maze ashyingirwa mu cyumba cya Nyima w'abemera Aisha (Imana imwishimire).

**UGUSOHOZA  
UBUTUMWA KWE**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), Imana niwe yasoreshije ubutumwa n'idini, akaba yarasohoje ubutumwa buhambaye, anasohoze indagizo agira inama umuryango wa kislamu, arwana inkundura mu nzira y'Imana nyabyo kandi mu ngeri zose, ntabwo byemewe rero ko hagira undi muntu ugira icyo yongera muri iyi dini.

**ZIMWE MU  
NTAMBARA ZE ZA  
NGOMBWA:**

Intambara za ngombwa intumwa Muhamadi yarwanye ni zirindwi arizo: Intambara ya Badri, Uhudi, Al Handaqi, Khayibar, Fat’hu Makka, Tabuki na Hunayini.

**ABANA BE  
BARINDWI:**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yabyaye abana barindwi, aribo: Al Qasim, Ibrahimu, Abdullah ariwe Twayibu Twahir, Zayinabu, Ruqayat, Umu Kulthum na Fatwimat, abi bose bapfuye intumwa Muhamadi akiriho, usibye gusa Fatwimat wapfuye nyuma y’intumwa ho amezi atandatu (Imana ibishimire bose).

**ABAGORE BE CUMI  
NA BABIRI:**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yarongoye abagore cumi na babiri, aribo: Khadijat, Aishat, Sawudat, Hafisat, Zayinabo Al Hilaliyat, Umu Salamat Hindu, Zayinabu mwene Jahashi, Juwayiriyat mwene Al Harith, Swafiyatu mwene Huyayi, Umu Habibat Ramlat, Rayihanat mwene Zayidi na Mayimuna mwene Al Harith (Imana ibishimire bose).

**ABONKEJE  
INTUMWA  
MUHAMADI:**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha), yonkejwe n’abagore batandukanye aribo: Nyina Amina mwene Wahabu, Thuwayibat wari wararekuwe na Sewabo Abu Lahab, na Halimatu mwene Abi Dhuyayibi A Saadiyat (Imana ibishimire bose).

**IHISHURIRWA RYA  
MBERE  
RYAMUGEZEHO**

Ihishurirwa rya mbere ryageze ku intumwa Muhamadi ni ijambo ry’Imana rigira riti “Soma ku izina rya Nyagasani wawe waremye (ibiriho byose) (1) Yaremye umuntu mu rusoro rw’amaraso (2) Soma! Kandi Nyagasani wawe ni Umunyabuntu buhebuje (3) We wigishije (umuntu kwandika) akoresheje ikaramu (4) Yigishije umuntu ibyo atari azi (5).

**UMUNTU WA  
MBERE WEMEYE  
INTUMWA  
MUHAMADI**

Umuntu wa mbere wamwemeye mu bagabo ni Abu Bakar Swidiqi (Imana imwishimire) naho mu bagore ni Nyina w’abemera Khadijat mwene Khuwayilid, naho mu bana ni Alliy mwene Abi Twalib, no mu bari abacakara ni Zayidu mwene Harithat hanyuma mu bacakara uwa mwemeye bwa mbere ni Bilali mwene Rabahi (Imana ibishimire bose).

**HIIJA Y’INTUMWA  
MUHAMADI NA  
UMURAT YE**

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yakoze Umurat enye zose azikora mu kwezi kwa Dhul Hija (kwa 11), anakora Hija imwe yonyine yiswe Hija yo gusezera, mu mwaka wa cumi kuva yimukiye I Madinat.

**IMICO Y’INTUMWA  
MUHAMADI**

Imana yavuze ku mico y’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) igira iti “Mu by’ukuri wowe ufite imico myiza ihambaye” naho Nyina w’Abemera Aisha (Imana imwishimire) yaravuze ati “Imico y’intumwa Muhamadi yose yari Qor’an”

**AGACIRO KO  
KWIGA AMATEKA  
Y'INTUMWA  
MUHAMADI**

Ibunil Qayim (Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati “Niba umunezero w’umuntu hano ku isi ndetse no ku muni w’imperuka ushingiyeye ku muyoboro w’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha), ni ngombwa ko buri wese ufite umutima nama wifuza ko warokoka kandi ukanezerwa ko yagira icyo amenya ku muyoboro w’intumwa Muhamadi no mu mateka ye n’ibimwerekeyeho byamufasha kuva mu njiji bikamushyira mu bayoboke be no mu itsinda rye, abantu muri ibyo harimo ababikora gake hari n’ababikora kenshi hakabamo n’abatabikora, ariko ibyiza bitangwa n’Imana ibiha uwo ishatse, kandi Imana niyo Nyiribizya Bihambaye.

**ISOMO RYA GATATU**

**INKINGI ZO KWEMERA**

Inkingi zo kwemera ni esheshatu: Ni ukwemera Imana n'abamalayika bayo, n'ibitabo byayo, n'intumwa zayo, n'umunsi w'imperuka, no kwemera igeno ko ikibi n'icyiza byose bituruka ku Mana Nyagasani.

**IBISOBANURO BYO KWEMERA MU RWEGO RW'IDINI:**

Ni ukuvuga k'ururimi no kwemera ku mutima ndetse no gukoresha ibihimba by'umubiri, ukwemera kwiyongera kubera kubaha Imana kukagabanyuka kubera gukora ibyaha, gihamya y'ibyo:

Gihamya  
y'amagambo:  
Ni ijambo  
ry'intumwa  
Muhamadi  
rigira riti “Igice  
cyo kwemera  
kiri ku isonga  
ya byose ni  
ukuvuga  
ijambo LA  
ILAHA ILA

Gihamya  
y'ibikorwa  
by'umubiri: Ni  
ijambo  
ry'intumwa  
Muhamadi  
rigira riti “Ni  
igice gitoya  
muri byo ni  
ugukura  
igisitaza mu  
nzira”

Na gihamya  
y'ibikorwa  
by'umutima: Ni  
ijambo  
ry'intumwa  
Muhamadi  
rigira riti “No  
kugira isoni ni  
kimwe mu bice  
bigize  
ukwemera”

Gihamya  
igaragaza ko  
ukwemera  
kwiyongera: Ni  
ijambo  
ry'Imana rigira  
riti “Ni nde  
muri mwe uru  
rugero  
rwongereye  
ukwemera”

Gihamya  
igaragaza ko  
ukwemera  
kugabanyuka:  
Ni ijambo  
ry'intumwa  
Muhamadi  
rigira riti “Nta  
bantu nabonye  
bafite ubwenge  
buke n'idini  
nke...”

### IMPAMVU ZITUMA UKWEMERA KWIYONGERA:

Kwiga Tawuhidi cyane  
cyane isomo ry'amazina  
y'Imana n'ibisingizo  
byayo

Gukora ibikorwa  
byinshi byo kumvira  
Imana no  
kuyigandukira

Kureka gukora ibyaha

Kwitegereza no  
gutekereza cyane ku  
biremwa Imana yaremye

### IMPAMVU ZITUMA UKWEMERA KUGABANYUKA:

Kureka kwiga Tawuhidi  
cyane cyane isomo  
ry'amazina y'Imana  
n'ibisingizo byayo

Kureka gukora ibikorwa  
byo kumvira no  
kuganduka

Gukora ibyaha

Kureka kwitegereza no  
gutekereza cyane ku  
biremwa Imana yaremye

### INKINGI ZO KWEMERA ESHESHATU:

Ukwemera  
imana

Kwemera  
Abamalayika

Kwemera  
Ibitabo

Kwemera  
Intumwa

Kwemera  
umunsi  
w'imperuka

Kwemera igeno  
ry'Imana  
ry'ibibi n'ibyiza

## INKINGI YA MBERE: KWEMERA IMANA, BISABA:

Kwemera ko Imana Nyagasani iriho, ibyo bikaba bishimangirwa n'ibintu bine:

Kwemera ko Imana ari Nyagasani umurezi w'ibiremwa.

Kwemera ubumana bw'Imana Nyagasani.

Kwemera amazina y'Imana n'ibisingizo byayo.

### UBWENGE:

Ubwenge ntibishoboka ko bwemeza ukubaho kw'ibiremwa bidafite uwabiremye, Imana iti “Ese bibwira ko baremwe ntawe ubaremye, cyangwa ni bo biremye?”

### IBIFATIKA:

Ibyo bigaragara mu bihe bikomeye no mu makuba, aho umuntu azamura ibiganza mu kirere, ukavuga uti “Nyagasani, hanyuma ukabona ayo makuba ararangiye k'ubushobozi bw'Imana”.

### KAMERE:

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati “Buri wese uvuka avukira kuri kamere itunganye, ababyeyi be nibo bamugira umuyahudi cyangwa umukirisitu cyangwa Majusi”

### AMATEGEKO Y'IDINI:

Ibunil Qayim (Imana imugirire impuhwe) yavuze ko nta Ayat nimwe mu gitabo cy'Imana itarimo igihamya kigaragaza ko Imana ari imwe.

## INKINGI YA KABIRI: KWEMERA ABAMALAYIKA:

Abamalayika: Ni ibiremwa bitagaragara, Imana yabiremye mu mucyo, byumvira Imana kandi ntabwo bijya biyigomekaho, bifite roho “Roho Ntagatifu” bakagira imibiri “Imana yagize abamalayika intumwa zifite amababa abiri, atatu n'ane, Imana yongera ku kiremwa ibyo ishatse” bafite kandi ubwenge n'imitima “(Iyo Allah avuze, abamalayika barakangarana bakagwa igihumure) kugeza ubwo imitima yabo ishiriye ubwoba, (bamwe) bakavuga bati “Nyagasani wanyu yavuze iki?” tugomba kwemera Abamalayika tukanemera n'amazina yabo Imana yatubwiye nka (Jibril, Mikail na Israfil) tugomba kandi kwemera ibisingizo byabo ko “Batajya bigomeka kubyo Imana ibateguka, ahubwo bakora ibyo bategetswe byose” tukaba kandi tugomba kwemera imirimo bashinzwe.

### **BAMWE MUBO TWABWIWE IBYO BAKORA:**

Muri bo harimo Abamalakiya umunani bahetse intebe y’Imana, na Jibril ushinzwe kujyana ubutumwa na Mikail ushinzwe kugusha imvura....., bese turabemera tukanemera n’amakuru yabo yatugezeho mu buryo burambuye cyangwa bw’incamake.

### **INKING YA GATATU: KWEMERA IBITABO**

Ni ngombwa ko twemera ko ibitabo byose ari amagambo y’Imana by’ukuri Atari inyerera mucyamo, tukanemera ko Imana yayamanuye atari ibiremwa, tukanemera ko Imana yatumye intumwa ikanayimanurira igitabo, tukaba tugomba kwemera ibyo bitabo tukanemera n’amazina yabyo n’inkuru zabyo n’amategeko yabyo mu buryo bw’incamake no muburyo burambuye, igihe ibyo bitabo bitari mubyanaguwe, tukanemera ko Qor’an yahanaguye ibitabo byayibanjirije, aribyo: Tawurat, Ivanjiri (Injili), Zaburi ndetse na Suhufi za Ibrahimu na Mussa (Imana ibahe amahoro n’imigisha).

### **INKING YA KANE: KWEMERA INTUMWA**

Ni ngombwa ko twemera ko intumwa z’Imana zari abantu, nta mwihariko w’ubumana bari bafite tukanemera ko izo ntumwa zari abagaragu b’Imana zidashobora gusengwa, ko Imana yabatumye ikanabahishurira ikanabashyigikiza ibitangaza, tukanemera ko basohojwe indagizo bakanagira abantu inama bakanabagezaho ubutumwa, bakarwana mu nzira y’Imana by’ukuri.

Tugomba kubemera tukanemera n’amazina yabo ndetse n’ibisingizo byabo Imana yatubwiye, byaba mu ncamake cyangwa mu buryo burambuye, tukanemera ko umuhanuzi wa mbere yari Adamu (Imana imuhe amahoro), kandi ko intumwa ya mbere yari Nuhu (Imana imuhe amahoro), tugomba kandi kwemera ko uwasojereje intumwa n’abahanuzi ari Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) tukanemera ko amategeko yose yabanjirije Qor’an yahanaguwe n’amategeko y’intumwa Muhamadi, hanyuma kandi tukemera ko intumwa zihanganiye ibigeragezo kurusha izindi (Ulul azim) ari eshanu zavuzwe mu isura ebyiri za Qor’an arizo (Suratu Shura na Surat Al Ahzab) aribo: (Muhamadi, Nuhu, Ibrahim, Mussa na Issa (Yesu) Imana ibahe amahoro n’imigisha bese).

### **INKINGI YA GATANU: KWEMERA UMUNSI W’IMPERUKA**

Kwemera umunsi w’imperuka bikubiyemo kwemera byose twabwiwe n’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) bibaho nyuma y’uko umuntu apfa, urugero: Ibigeragezo byo mu mva, kuzahuha mu mpanda, abantu kuzazurwa mumva zabo, iminzani, guhabwa ibitabo by’ibikorwa, Siratwa (ikiraro kizaba kijya mu ijuru), ikizenga, Shafaat, ijuru n’umuriro, abemera kuzareba Nyagasani waboku munsi w’imperuka no mu ijuru, n’ibindi bintu byose byihishe twabwiwe.

## INKINGI YA GATANDATU: KWEMERA IGENO RY'IMANA RY'IBIBI N'IBYIZA

Kwemera igeno ry'Imana ry'ibibi n'ibyiza biri mu nzego enye, umusizi yazikubiye mu gisigo kigira kiti:

UBUMENYI, NYAGASANI WACU KWANDIKA, GUSHAKA KWE NO KUREMA KWE ARIBYO GUHANGA NO GUSHYIRAHO

### UBUMENYI:

Ni ukwemera ko Imana Nyagasani yamenye buri kintu mu buryo butaziguye n'ubuziguye, gihamya ni ijambo ry'Imana rigira riti "Izi ibyababayeho (ku isi) n'ibizababaho (ku muni w'imperuka).

### KWANDIKA:

Ni ukwemera ko Imana yamaze kwandika amageno ya buri kintu kuzageza ku muni w'imperuka, gihamya ni ijambo ry'Imana rigira riti "Nta na kimwe cyihishe mu kirere no ku isi kitari mu gitabo gisobanutse"

### UGUSHAKA:

Ni ukwemera ko ibyo Imana yashatse byabayeho, n'ibyo itashatse ntibyabayeho, no kwemera ko umuntu nawe afite ubushake bwe ariko bwo bwinjira mu bushake bw'Imana Nyagasani, Imana yaravuze iti "Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse Allah, Nyagasani w'ibiremwa (byose) aramutse agishatse.

### KUREMA:

Ni ukwemera ko umuntu yaremwe we n'ibikorwa bye, ndetse n'ibindi biriho byose, gihamya ni ijambo ry'Imana rigira riti "Imana yaremye buri kintu" "Kandi Imana yarabaremye mwebwe ndetsi n'ibyo mukora".



### IBICE BIGIZE IYOBOKAMANA (TAWUHID), N'IBICE BY'IBANGIKANYAMANA

Mu gusobanura ibice by'iyobokamana, uko ari bitatu: Tawuhid Rububiyat (Guharira Imana kuba ari Nyagasani w'ibiremwa), Tawuhidu Uluhiyat (Guharira Imana ubumana bwayo), ndetse na Tawuhid Al As' mau wa Swifatu (Guharira Imana amazina yayo meza n'ibisingizo byayo).

**Tawuhid Rububiyat:** Ni ukwemera ko Imana Nyagasani ariyo mu remyi wa buri kintu, akaba ari nayo igenga byose, ikaba ntawe ibangikanye nawe muri ibyo.

**Naho Tawuhidi Uluhiyat:** Ni ukwemera ko Imana ariyo igomba gusengwa mu kuri, ikaba ntacyo igomba kubangikana nacyo muri ibyo, kikaba ari nacyo gisobanuro cy'ijambo LA ILAHA ILA LLAHU. Kuko igisobanuro cy'iri jambo ni: Ntawe ugomba gusengwa mu kuri usibye Imana, bityo amasengesho yose, yaba Iswala, igisibo n'ibindi ni ngombwa ko yerezwa Imana yonyine nta nubwo byemewe kugira icyo ukorera undi utari Imana muri ibyo.

Tawuhidi Al As' mau wa Swifatu: Ni ukwemera ibyaje byose muri Qor'an na Hadith z'impamo bivuga ku mazina y'Imana n'ibisingizo byayo, no kuyahamya ku Mana yonyine mu buryo bukwiye Imana Nyagasani nta kuyasobanura uko atari, nta kuyapfobya, nta kuyasanisha n'ayibiremwa ndetse ntano kuyagereranya n'ayibindi, dushingiye ku ijambo ry'Imana Nyagasani rigira riti "Vuga yewe Muhamadi uti (Vuga (yewe Muhamadi) uti "We ni Allah, umwe Rukumbi," Allah, Uwishingikirizwa, Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe, Ndetse nta na kimwe ahwanye na cyo". Ndetse n'ijambo ry'Imana rigira riti "Ntacyo (Imana) igereranywa nacyo, kandi yo irumva ikanabona".

Bamwe mubamenyi, babonako Tawuhidi igizwe n'ibice bibiri, bityo bagafata Tawuhidu Al As' mau wa Swifatu bakayinjiza muri Tawuhidu Rububiyat, nta nnikibazo kiri muri ibyo, kuko ikigambiriwe kirasobanutse muri ibyo bice byose.

## **IBICE BIGIZE IBANGIKANYAMANA NI BITATU : IBANGIKANYA RIKURU, Irito ndetse n'IRYIHISHE.**

Ibangikanyamana rikuru: Rituma ibikorwa byose umuntu aba yarakoze biba impfabusa, ikanatuma urikora azashyirwa mu muriro ubuziraherezo igihe apfuye ari muri iryo bangikanya. Nkuko Imana Nyagasani ivuga igira iti “Baramutse bakoze ibangikanyamana, ibikorwa byabo bakoraga byose byaba impfabusa” Na none Imana yaravuze iti “Ntibikwiye ko ababangikanyamana bita ku misigiti ya Allah, kandi ubwabo bishinja ubuhakanyi. Abo ibikorwa byabo byabaye impfabusa, kandi bazaba mu muriro ubuziraherezo”. Ko kandi uzapfa akora ibangikanyamana, uwo ntazababarirwa, kandi ijuru kuri we n'ikizira, nkuko Imana yavuze igira iti “Mu by'ukuri, Allah ntababarira icyaha cyo kumubangikanya, ahubwo ababarira (ibindi) bitari icyo k'uwo ashaka”. Na none Imana yaravuze iti “Mu by'ukuri, ubangikanya Allah, rwose Allah yamuziririje (kuzinjira mu) Ijuru ndetse icyicarwo cye kizaba mu muriro. Kandi inkozi z'ibibi ntizizabona abazitabara”.

**No muri bumwe mu bwoko bw'ibangikanya:** Ni ugusaba abapfuye ndetse n'ibishushanyo, no kubitabaza, kubikorera umuhigo, kubibagira n'ibindi nk'ibyo.

**Naho Ibangikanyamana rito:** Ni iryagaragaye mu gitabo cy'Imana cyangwa muri Hadithi bivugako ari ibangikanya, ariko bitari mu bwoko bw'ibangikanyamana rikuru, nko gukorera ijisho (kwibona) mu bikorwa bimwe na bimwe, no kurahira ikitari Imana, ni mvugo igira iti “Iyo Imana iza kubishaka na kanaka akabishaka” n'ibindi. Kubera ijamba ry'intumwa Muhamadi rigira riti “Ikintu ntinyi kuri mwe cyane ni ibangikanyamana rito, barimubazaho, aravugaga ati: Ni ukwibona” Ndetse n'ijamba ry'intumwa Muhamadi rigira riti “Uzahira ikitari Imana, uwo azaba abangikanyije Imana” Ndetse n'ijamba ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti “Ntimukajye muvugaga ngo: Imana yabishatse na kanaka arabishaka, ariko mujye muvugaga muti: Imana yabishatse hanyuma na Kanaka arabishaka” Hadith yakiriwe na Abu Dauda k'uruherekane rwiza, ikomotse kuri Hudhayifatu mwene Yamani (Imana imwishimire).

Ubu bwoko bw'ibangikanyamana, ntibukura umuntu mu idini, nta nubwo buzaheza nyirabwo mu muriro ubuziraherezo, ariko butuma Tawuhidi y'umuntu itegeswe ituzura.

**Naho ubwoko bwa Gatatu:** Aribwo Ibangikanyamana ryihishe, gihamya yaryo ni ijamba ry'Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti “Ese mbabwire icyo ntinyi cyane kuri mwe, kiruta Masihi Dajali? Baravugaga bati: Nibyo yewe ntumwa y'Imana, aravugaga ati “Ni ibangikanyamana ryihishe, kuba umuntu ashobora guhaguruka agasenga, maze isengesho rye akaritaka neza kubera ko abona hari umuntu urimo kumureba”.

Biremewe kandi ko umuntu yagabanyaga ibangikanya mu bice bibiri gusa: Ibangikanya rikuru ndetse n'ibangikanya rito. Naho ibangikanya ryihishe ryo rikubiye muri ayo yombi. Rishobora kuboneka mu ibangikanya rikuru, nk'ibangikanyamana ryakorwaga n'indyarya, kuko bahishaga ukwemera kwabo gupfuye, bakigaragaza nk'abayisumu ari ukugirango babarebe, no gutinyaga ingaruka. Rishobora kandi kuboneka mu ibangikanyamana rito, nko gukorera ijisho, nk'uko byaje muri Hadith yakiriwe na Muhamud mwene Labidi Al Answariy yatambutse, no muri Hadith ya Abi Saidi yavuzwe. Imana niyo igenga Ugutunganirwa.

## IBICE BIGIZE IBYAZIRIRIJE:

### IBANGIKANYA RIKURU:

Niryo risumba ayandi

### IBANGIKANYA RITO:

Ryo riri munsu  
y'ibangikanya rikuru  
ariko riruta ibyaha  
bikuru.

### IBYAHA BIKURU:

Ibyaha bikuru: Ni buri cyaha cyose  
cyateganyirijwe igihano  
cy'umwihariko, byaba kuvumwa,  
cyangwa kwirukanywa, cyangwa  
kwitandukanya n'uwagikoze,  
cyangwa kuba ari bamwe mu  
bahakanyi cyangwa mu  
babangikanyamana, cyangwa kuba  
atari mu bemera, cyangwa kuba  
yaragereranyijwe n'inyamaswa mbi..

### IBYAHA BITOYA:

Ibyaha bitoya: Ni buri  
cyaha amategeko y'idini  
yaziririje, ariko  
ntakigenere igihano  
cy'umwihariko.

## IBYAHA RIKURU:

### UMUBARE WABYO:

Ntabwo umubare w'ibyaha  
bikuru uzwi ariko  
birasobanutse kandi bifite  
uko bimenyekana  
hakurikijwe ibyavuzwe  
haruguru.

### ITEGEKO RY'UWAGIKOZE:

-Uwakoze icyaha gikuru:  
aba ari umwemera  
w'ukwemera gucagase,  
cyangwa akaba ari  
umwemera kubera  
ukwemera kwe ariko  
akaba umwononnyi  
kubera icyaha cye gikuru  
yakoze.

-Ashobora gukundwa  
kubera ukwemera afite,  
ariko akanangwa kubera  
icyaha gikuru yakoze.

-Ntabwo yegerwa ngo  
agirwe inshuti mu gihe  
agikora icyo cyaha gikuru.

### INZEGO ZABYO:

Ibyaha bikuru  
biratandukanye mu nzego,  
kubera ijambo ry'intumwa  
Muhamadi (Imana imuhe  
amahoro n'imigisha) rigira  
riti "Ese mbabwire ibyaha  
bikomeye kurusha  
ibindi?....." Yakiriwe na  
Bukhari na Muslim.

### ITEGEKO RIGENGA UWAGIKOZE:

Umuntu wakoze icyaha  
gikuru, agomba kwicuza,  
kubera ijambo ry'intumwa  
y'Imana rigira riti  
"Umugore uboroga igihe  
aticujije mbere y'uko  
apfa....." Yakiriwe na  
Muslim.

Muyindi Hadith yaravuze  
ati ".....Igihe cyose  
hizinze ibyaha bikuru"  
Yakiriwe na Muslim.

## ITANDUKANIRO HAGATI Y'IBANGIKANYA RITO N'IRIKURU

### IBANGIKANYA RIKURU:

1. Ibyaha rikuru bikura umuntu mu idini.
2. Bituma ibikorwa byose umuntu yakozze biba inpfabusa.
3. Bituma ubikoze azaba mu muriro ubuziraherezo.
4. Bizirura amaraso ye ndetse n'imitungo ye ku muyobozi.
5. Igihe ibimenyetso byerekanye koko ko ari icyaha gikuru yakozze.
6. Kuba umuntu yakwemera ko impamvu ifite uruhare rwihishe mu bibera ku isi.
7. Ntabwo ababarirwa iyo apfuye ari muri ibyo byaha.
8. Ariko iyo apfuye yarabiretse, Imana iramubabarira usibye gusa mu bihe bibiri: Igihe izuba ryamaze kurasira iburengerazuba, ndetse n'igihe umutima umugeze mu ngoto, igihe cyo gupfa.

### IBANGIKANYA RITO:

1. Ntabwo ibangikanya rito rikura nyiraryo mu idini.
2. Ntabwo rituma ibikorwa bya nyiraryo biba inpfabusa, ariko hari ibikorwa by'umwihariko ryangiza.
3. Ntabwo rituma uwarikoze azaba mu muriro ubuziraherezo.
4. Nta nubwo rizirura amaraso cyangwa imitungo.
5. Kuba yazana ikimenyetso kigaragaza ko ari ibangikanya rito.
6. Kuba yagira impamvu icyo Imana itagize impamvu.
7. Buri gikorwa gishobora kukugeza ku cyaha gikuru icyo kiba ari icyaha gitoya.
8. Buri gikorwa amategako y'idini yise ibangikanya cyangwa ubuhakanyi ariko ntigishyirweho inyuguti ya Alif na Lam (Jl) icyo cyaha ni icyaha gito, igihe cyose ibimenyetso bitagaragaje ko ari icyaha gikuru.

## ISOMO RYA GATANU

### AL IHSAN

INKINGI YA IHSAN: NI UGUSENGA IMANA NKAHO UYIREBA, KUKO NIBA UTAYIREBA YO IRAKUREBA

#### AL IHSAN NI INKING IMWE ARIKO IFITE MUNSI YAYO INZEGO EBYIRI

##### AMASENGESHO AGARAGARA:

Akaba ari amasengesho agizwe n'ugushaka, urukundo no kwifuza ibihembo biri ku Mana Nyagasani, ayo niyo masengesho y'intumwa n'abahanuzi, nk'ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti "Ese singomba kuba umugaragu ushimira?" ikigutera gukora ayo masengesho kigomba kuba ari ugushaka, gukunda no kwifuza ibihembo biri ku Mana, ariko hari n'akantu k'ubwoba.

##### AMASENGESHO YO GUCUNGANA N'IMBIBI Z'IMANA:

Ayo akaba ari amasengesho ajyanye n'ubwoba no guhunga, umuyisumu ntabwo agomba kubaho atabifite.

#### IBIBAZO KURI TAWUHID:

1. Inzego z'idini ni zingahe? • Ni eshatu. • Ni ebyiri. • Ni eshanu.
2. Inkingi za Islamu ni zingahe? • Ni eshanu. • Ni esheshstu. • Ni zirindwi.
3. Islamu ni urwego rusumba ukwemera. (Nibyo – Sibyo).
4. Shahada yo kwereza Imana ibikorwa ifite inkingi zingahe? • Ni zirindwi. • Ni umunani. • Ni ebyiri.
5. Ibyangombwa by'ijambo LA ILAHA ILA LLAHU ni bingahe? • Ni umunani. • Ni birindwi. • Ni bitanu.
6. Kugira ubumenyi ni kimwe mu byangombwa by'ijambo (LA ILAHA ILA LLAHU), bisobanuye: • Kumenya ikintu uko kiri. • Nta ugomba gusengwa mu kuri usibye Imana.
7. Umuntu aramutse agira ugushidikanya k'umuntu wagezweho n'ubutumwa (bw'intumwa Muhamadi), ariko ntiyemere, itegeko rye ni: • Umuhakanyi w'ubuhakanyi bukuru. • Niba icyizere kiruta ugushidikanya, icyo gihe ntabwo aba ari umuhakanyi.
8. Kwakira ni kimwe mu byangombwa by'ijambo (LA ILAHA ILA LLAHU), bisobanuye: • Kuvuga ku magambo. • Ibikorwa. • Kwemera ku mutima. • Ibyo byose byatambutse.

9. Gukorera ijisho mu ijambo (LA ILAHA ILA LLAHU), ni nko gukorera ijisho mu gutanga isadaka, bikaba ari ibangikanya rito (Nibyo – Sibyo).

10. Uzavugisha ururimi ijambo (LA ILAHA ILA LLAHU) ataryemera ku mutima, uwo aba ari: • Umwemera Mana imwe. • Aba ari umuyisumu atari umwemera. • Umuhakanyi w’ubuhakanyi bukuru. • Ukwemera kudakomeye.

11. Umuntu aramutse akunze intumwa urukundo nk’urwo akunda Imana bingana neza neza: • Umuhakanyi w’ubuhakanyi bukuru. • Umuhakanyi w’ubuhakanyi butoya. • Aba akoze kimwe mu byaha bikuru.

12. Ibice by’urukundo ni bingahe? • Ni bine. • Ni bitatu. • Ni bibiri.

13. Urukundo kubera Imana rubaho iyo hari igikorwa, uwagikoze, ibihe ndetse n’ahantu. (Nibyo – Sibyo).

14. Gukunda ikintu icyo aricyo cyose hamwe n’Imana, itegeko ryabyo ni: • Ibangikanya rito. • Ni ngombwa. • Ni ibangikanya rikuru.

15. Gukunda kubera Imana, itegeko ryayo ni: • Biremewe. • Ni itegeko. • Ni ibangikanya rikuru.

16. Ibice bigize ukugandukira Imana ni bingahe? • Ni bibiri. • Ni bitatu. • Ni bine.

17. Buri biremwa ni ibigaragu by’Imana byanze bikunze, ndetse n’abahakanyi. (Nibyo – Sibyo).

18. Umuntu avuze ati: (LA ILAHA ILA LLAHU) ariko ntagire igikorwa akora na kimwe, ntasenge ntagire igikorwa icyo aricyo cyose akora cy’amasengesho, uwo aba: • Biramuhagije. • Ntacyo byamumarira.

19. Ijambo (umugaragu w’Imana n’intumwa yayo) mu buhamya bubiri, bisobanuye ko ari umugaragu utasengwa akaba n’intumwa ikahinyuzwa. (Nibyo – Sibyo).

20. Mu buhamya bw’uko (Muhamadi ari umugaragu w’Imana akaba n’intumwa yayo), bisobanuye: Kumwumvira mubyo ategaka no kwemera ukuri kwe mubyo avuga..... Ibi bibuza: • Ibisobanuro byabwo. • Ibigendanye n’ubwo buhamya.

21. Umuntu ageneye intumwa kimwe mu bintu by’umwihariko ku Mana, ntabwo aba ahamije ko Muhamadi ari intumwa. (Nibyo – Sibyo).

22. Igisingizo cy’intumwa Muhamadi kiruta ibindi ni ukuba ari: • Intumwa y’Imana. • Umugaragu w’Imana n’intumwa yayo. • Uwasozereje intumwa n’abahanuzi.

23. Utangije igihimbano muri Islamu we akabona ko ari cyiza, uwo aba agaragaje ko Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) atujuje ubutumwa, kuko Imana Nyagasani yaravuze iti “Uyu muni mbujurije idini ryanyu” ikitari mu idini kuri uwo muni, ntabwo uyu muni cyaba ari idini” iyi mvugo ni iya: • Sheikhul Islamu Ibun Tayimiyat (Imana imugirire impuhwe). • Imamu Maliki (Imana imugirire impuhwe). • Imamu Ibun Bazi (Imana imugirire impuhwe).

24. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yakomokaga mu gisekuru cy’intumwa: • Is’haqa (Imana imugirire impuhwe). • Ismail (Imana imugirire impuhwe).

25. Uzuza imyanya irimo ubusa: Intumwa Muhamadi yavutse mu mwaka..... Mu mujiyi wa.....yabayeho imyaka.....muri icyo .....mbere y

Ubutumwa.....ari intumwa n'umuhanuzi.....yabaye umuhanuzi ku.....anatumwa ku.....

26. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yatumwe ku: • Abantu be. • Abantu gusa. • Abantu n'amajini.

27. Al Miiraju ni urugendo rwo kuva Makka ujya ibeterehemu (Bayitul Maq'dis). (Nibyo – Sibyo).

28. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yimukiye: • Twaifu. • Habasha. • Madinah. • Ibyatambutse byose.

29. Intambara zangombwa z'intumwa Muhamadi ni zingahe? • Ni imwe. • Ni ebyiri. • Ni eshatu. • Ni enye. • Ni eshanu.

30. Abana b'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bari bangahe? • Batatu. • Bane. • Barindwi.

31. Intumwa Muhamadi yakoze Hija yo gusezera, ibi bisobanuye ko yakoze Hija mbere yayo. (Nibyo – Sibyo).

32. Kwiga Sirat yintumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha): • Ni itegeko. • Ni byiza. • Biremewe.

33. Uzuza imyanya irimo ubusa: Igisobanuro cy'idini cy'Ukwemera ni: Ukuvugisha.....no kwemera ku.....no gukoresha .....yiyongera kubera.....ikagabanyuka kubera.....

34. Inkingi zigize ukwemera ni zingahe? • Ni esheshatu. • Ni ashanu. • Ni enye.

35. Kwemera Imana bijyana no kwemera ibintu bingahe? • Bine. • Bitatu. • Bibiri.

36. Za gihamya zishimangira ukubaho kw'Imana muri rusange ni: • Enye. • Ntizibarika.

37. Malayika Mikail ni Malayika ushinze kugusha imvura (Nibyo – Sibyo).

38. Imitima igirwa n'abantu, ariko abamalayika ntibagira imitima. (Nibyo – Sibyo).

39. Ni ibitabo bingahe twamenye amazina yabyo? • Ni bitandatu. • Ni bine. • Ni birindwi. • Ni byinshi.

40. Imana yamanuriye buri ntumwa igitabo (Nibyo – Sibyo).

41. Intumwa ya mbere ni Adam (Imana imuhe amahoro) (Nibyo – Sibyo).

42. Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yari intumwa ntabwo yari umuhanuzi (Nibyo – Sibyo).

43. Intumwa ziswe Ulul Azimi (zihanganiye ibigeragezo) ni zingahe? • Ni eshanu. • Ni enye. • Ni nyinshi.

44. Kwemera umunsi w'imperuka bikubiyemo, kwemera ibibaho nyuma yo gupfa kuzageza ubwo abantu bazava mu mva zabo. (Nibyo – Sibyo).

45. Kwemera igeno ry'Imana birimo inzego, zingahe? • Enye. • Eshanu. • Eshatu.

46. Ese Imana iba izi ibintu mbere y'uko bibaho? (Yego – Oya).

47. Ese buri kintu cyose abantu bazi Imana nayo iba ikizi? (Yego – Oya).

48. Ese buri kintu cyose abantu bazi Imana iba yaracyanditse? (Yego – Oya).



49. Umuntu afite ubushake yigengaho, akora icyo ashatse (Nibyo – Sibyo).

50. Ese ibikorwa by’abantu byararemwe? (Yego – Oya).

51. Tawuhid igizwe n’ibice: • Bibiri. • Bitatu. • Byose ntacyo bitwaye.

52. Vuga amatandukaniro atanu ari hagati y’ibangikanya rikuru n’irito.

- 1.....
- 2.....
- 3.....
- 4.....
- 5.....

53. Tanga ingero eshanu ku ibangikanya rikuru n’ingero eshanu ku ibangikanya rito:

| IBANGIKANYA RIKURU | IBANGIKANYA RITO |
|--------------------|------------------|
| .....              | .....            |
| .....              | .....            |
| .....              | .....            |
| .....              | .....            |
| .....              | .....            |

54. Uburyarya mu myemerere ni ibangikanyamana rito ntabwo rikura umuntu mu idini (Nibyo – Sibyo).

55. Ih’san ikubiyemo: • Inkingi imwe. • Inkingi ebyiri.

## ISOMO RYA GATANDATU

### IBIGOMBA KUZUZWA MBERE YO GUSENGA (SHARTI)

Ibigomba kuzuzwa mbere yo gusenga ni icyenda:

1. Kuba uri Umuyislamu. 2. Kuba ufite ubwenge. 3. Kuba ukuze. 4. Kwikuraho umwanda. 5. Kwikuraho Najisi.
6. Kwambara ukikwiza (guhisha ubwambure). 7. Gusenga igihe kigeze. 8. Kwerekera Qiblat. 9. Kugira umugambi.

### ICYA MBERE: KUBA URI UMUYISLAMU

Kuba uri umuyislamu ikinyuranyo cyabwo ni ubuhakanyi, bityo umuntu aramutse asenze ariko atuka Imana cyangwa hari igikorwa cy’amasengesho akorera utari Imana, isengesho rye riba ari inpfabusa, kugeza igihe yicuriye ku Mana Nyagasani.

## ICYA KABIRI: KUBA UFITE UBWENGE

Ikinyuranyo cyabwo ni ubusazi, ariko ubusinzi bukarusha.

## ICYA GATATU: KUBA UKUZE

Kuba ukuzi ntibisobanura kugeza ku myaka y'ubukure, ariko igisobanuro cyabwo ni ukubasha gutandukanya ibintu, akamenya ikibazo n'igisubizo, kandi ibyo ntibigira imyaka yagenwe, ariko akenshi na kenshi umwana ubasha gutandukanya ni umwana ufite imyaka irindwi. Ni ryari isengesho ry'umwana ryemerwa? Igihe umwana abasha gutandukanya ibintu, akaba yamenya ikibazo n'igisubizo, akanamenya itandukaniro ry'amazi n'umuriro, iyo ataramenya gutandukanya ibyo isengesho rye ntiryerwa.

## ICYA KANE: KWIKURAHU UMWANDA

Hinjiramo ibi bikurikira:

### UMWANDA MUKURU:

Ukurwaho no koga.

### UMWANDA MUTO:

Ukurwaho no gutawaza.

## ICYA GATANU: KWIKURAHU NAJISI

Kwikuraho Najis ku mubiri, aho usengera no ku myambaro, uramutse asenze kandi afite umwanda abizi neza kandi ashoboye kuwukuraho yibuka aho iherereye, icyo gihe isengesho rye riba inpfabusa, no kwikuraho Najis bigaranyijemo ibice bitatu:

### UMWANDA UREMEREYE:

Ni umwanda w'imbwa, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yategetse ko icyo imbwa yakozeho cyozwa inshuro zirindwi, iya mbere murizo ugakoresha umucanga, Yakiriwe na Muslim.

### UMWANDA WOROHEJE:

Ukurwaho umuntu amishaho amazi utawuvuguse, uwo mwaka ukaba ari inkari z'umwana muto utaratangira kurya ibiryo, umurenda usohoka mu gitsina utari amasohoro, ndetse n'amasohoro hamwe nuko yo asukuye, usibye ko intumwa Muhamadi yajyaga amishaho amazi mu gihe yabaga ataruma yaba yumutse akavuguta aho yaguye.

### UMWANDA WO HAGATI:

Ukurwaho no kumesa aho umwanda waguye no kuvuguta, uwo mwanda uba atari uremereye, uwo umwanda wo hagati, ni inkari z'umuntu mukuru umugabo n'umugore ndetse niyindi myanda (Najis).

## IBINTU BY'INAJIS

Inkari z'umuntu n'amabyi ye, inkari n'amabyi y'inyamaswa itaribwa, inyamaswa z'inkazi zose ni Najis, usibye izakuwemo nk'injangwe n'ikivutse hagati y'indogobe n'ifarasi, indogobe, amaraso yamenwe habagwa inyamaswa, amaraso yasohoka muri imwe mu nzira ebyiri, ibyipfishije: usibye umurambo w'umuntu n'utundi dusimba tudafite amaraso mu mubiri, ndetse n'ibiba mu mazi hamwe n'inzige.

### ICYA GATANDATU: KWAMBARA UKIKWIZA (GUHISHA UBWAMBURE)

Ubwambure buri ubwoko butatu:

#### BWOROHEJE:

Ni ubwambure bw'umwana w'umuhungu w'imyaka irindwi kugeza ku icumi, ningombwa ko ahisha ubwambure bwe bw'imbere n'ubwi nyuma.

#### BUREMEREYE:

Ni ubwambure bw'umugore mukuru ugejeje igihe, uwo ni ngombwa kuri we guhisha umubiri we wose usibye uburanga bwe, kandi agomba guhisha umubiri we wose igihe hari abantu atagira icyo apfana nabo.

#### BWO HAGATI:

Ni ubwambure butari ubwabo bavuzwe, akaba ari ngombwa guhisha hagati y'amavi n'umukondo, kandi ni byiza guhisha ibitugu no kwambara umwambaro ukwiye hose kandi mwiza.

### ICYA KARINDWI: GUSENGA IGIHE KIGEZE

Ntabwo byemewe gusenga mbere y'uko igihe cy'isengesho kigera cyangwa nyuma yacyo, usibye igihe usenga aribuhurize hamwe amasengesho abiri kubera impamvu, iyo akereje isengesho ku bushake abona icyaha.

### ICYA MUNANI: KWEREKERA QIBLAT

Usibye gusa ku isengesho rya Sunat k'umuntu uri ku rugendo, icyo gihe asenga yerekeye aho icyo agendaho cyerekeye, muri iki gihe cyacu ni nk'umuntu gusengera mu ndege, nanone kwerekera Qiblat ntibireba udafite ubushobozi bwo kuherekera cyangwa utinya kuherekera kubera umwanzi.

### ICYA CYENDA: KUGIRA UMUGAMBI (NIYAT)

Umugambi ugomba kuba mu mutima, kwatura umugambi ni bimwe mu bihimbano, umugambi uramutse ubayeho mbere y'isengesho cyangwa ukawugira urigezemo, isengesho rirakirwa.

## IBIGOMBA KWITONDERWA:

1. Ntabwo byemewe kureka icyangombwa mu byangombwa by'isengesho, waba utarubizi cyangwa wibagiwe cyangwa kubikora ubishaka, usibye igihe umuntu yasenga afite Najis ariko atabizi cyangwa se yabyibagiwe, icyo gihe isengesho rye riba ryemewe, kuko ibyo bibarwa nko kureka gukora ikintu ntabwo ari ukugikora.
2. Ibyangombwa biba bitari mu isengesho bikaribanziriza, ibyo ni ngombwa ko biba bihari kugeza kumpera y'isengesho.

## ISOMO RYA KARINDWI

## INKINGI Z'ISENGESHO

Inkingi z'isengesho ni cumi n'enyere arizo:

- |                                      |                                                 |
|--------------------------------------|-------------------------------------------------|
| 1. Gusenga uhagaze igihe ubishoboye. | 2. Gutora Tak'bira ya mbere (Takbiratul Ih'ram) |
| 3. Gusoma Surat Al Fatihat           | 4. Kujya Rukuu.                                 |
| 5. Guhagarara ukema nyuma ya Rukuu.  | 6. Gusujudu ku bihimba birindwi.                |
| 7. Kweguka uvuye Rukuu.              | 8. Kwicara hagati ya Sijida ebyiri.             |
| 9. Gutuza muri ibyo bikorwa byose.   | 10. Gukurikiranya izo nkingi.                   |
| 11. Gutora atahiyatu ya nyuma.       | 12. Kwicara kuri iyo atahiyatu ya nyuma.        |
| 13. Gusabira intumwa Muhamadi.       | 14. Gutora Salamu ebyiri.                       |

## INKINGI YA MBERE: GUSENGA UHAGAZE IGIHE UBISHOBOYE

### MU ISENGESHO RY'ITEGEKO:

Guhagarara mu isengesho, ni inkingi mu isengesho ry'itegeko, ikaba ivaho igihe usenga nta bushobozi afite bwo guhagarara burundu, cyangwa kuba yabasha guhagarara ariko kwibombarika bikabura, aramutse abashije guhagarara nubwo byaba akanya gato yahagarara.

### MU ISENGESHO RY'ISUNAT:

Biremewe ko umuntu yasenga isengesho rya Sunat yicaye ariko nyine akabona cyimwe cya kabiri cy'ibihembo by'uwasenze ahagaze, biremewe ko yanasenga aryamiye urubavu, akabona cyimwe cya kabiri cy'ibihembo by'uwasenze yicaye.

### **INKINGI YA KABIRI: GUTORA TAK'BIRA YA MBERE (TAKBIRATUL IH'RAM)**

Ntibyemewe kuyitora utatuye mu ijwi ukavuga uti “ALLAHU AKBAR”.

### **INKINGI YA GATATU: GUSOMA SURAT AL FATIHAT**

Ni itegeko kuyisoma kuri buri Rakaa igize isengesho, ryaba isengesho ryo kwatura cyangwa iryo gusoma mu ibanga, umuntu akayisoma yose uko yakabaye akurikiranya ayat zayo yatura n'inyajwi zayo n'amagambo yayo n'inyuguti zayo, umuntu akaba atemerewe kuyisoma igihe asanze Imamu ari kuri Rukuu.

### **INKINGI YA CYENDA: GUTUZA MURI IBYO BIKORWA BYOSE**

Ibi bibaho mu gihe usenga avuze neza ubusabe bwa ngombwa kuri buri Rakaa.

### **IBIGOMBA KWITONDERWA:**

Inkingi zigomba kuba hagati mu isengesho, ntabwo byemewe kureka imwe mu nkingi, waba utabizi cyangwa wibagiwe ndetse unabikoze ubishaka, kandi kureka inkingi ntibisimburwa no gukora Sijida yo kwibagirwa, umuntu akaba ategakwa gusubiramo iryo sengesho yasengaga, naho amasengesho umuntu yasenze mbere akarekamo zimwe mu nkingi, ibyo arabibabarirwa, kuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ntiyigeze ategaka umuntu wasenze isengesho rye nabi gusubiramo amasengesho yose yasenze nabi, ahubwo yamutegetse gusubiramo iryo sengesho ryako kanya, hamwe nuko yaretsemo ugutuzza kandi ari inkingi. Imana niyo mumenyi uhebuje.

## ISOMO RYA MUNANI

### IBYANGOMBWA BY'ISENGESHO:

Ibyangombwa by'isengesho ni ibi bikurikira:

1. Kuvuga Tak'bira zindi zitari Tak'bira ya mbere.
2. Kuvuga uti "SAMIA LLAHU LIMAN HAMIDAHU" yaba Imamu cyangwa usenga wenyine.
3. Kuvuga uti "RABANA WA LAKAL HAMDU" kuri buri wese.
4. Kuvuga uti "SUBHANA RABIYAL ADHIM" kuri Rukuu.
5. Kuvuga uti "SUBHANA RABIYAL AALAA" kuri Sijida.
6. Kuvuga uti "RABI IGH'FIRILYI" hagati ya Sijida ebyiri.
7. Gutara Atahiyatu ya mbere.
8. Kwicara kuri Atahiyatu ya mbere.

### IBIGOMBA KWITONDERWA:

Ni ngombwa kuvuga uti "SUBHANA RABIYAL ADHIMI" kuri Rukuu, muri iyo mvugo, hanyuma ni byiza ko yakongeraho ubundi busabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi, ndetse no muri Sijida ukavuga uti "SUBHANA RABIYAL AALAA" muri iyo mvugo yonyine, hanyuma ashobora kongeraho ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi.

### KUGARAGAZA ATAHİYATU:

Kugaragaza Atahiyatu (Tashahudu) ni muri ubu buryo: “ATAHIYATU LILAHİ WA SWALAWATU WA TWAYIBATU, ASALAMU ALAYİKA AYUHA NABIYU WA RAHMATU LLAHI WA BARAKATUH, ASALAMU ALAYİNA WA ALA IBADI LLAHI SWALIHİNA, ASH’HADU AN LA İLAHA İLA LLAHU WA ASH’HADU ANA MUHAMADA ABDUHU WA RASULUHU.

Hanyuma yarangiza agasabira Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) amahoro n’imigisha, agira ati “ALLAHUMA SWALI ALA MUHAMADI WA ALA ALİY MUHAMADI, KAMA SWALAYITA ALA İBRAHİMA WA ALA ALİ İBRAHİMA, İNAKA HAMİDUN MAJİDU, WA BARIKI ALA MUHAMADI WA ALA ALİ MUHAMADI KAMA BARAKTA ALA İBRAHİMA WA ALA ALİY İBRAHİMA, İNAKA HAMİDUN MAJİDU”

Warangiza ukikinga ku Mana muri Atahiyatu ya nyuma ngo imurinde umuriro wa Jahanama n’ibihano byo mu mva n’ibigeragezo by’ubuzima ndetse n’iby’urupfu, anakurinde ibigeragezo bya Masihi Dajali, yarangiza agahitamo ubusabe ashatse cyane cyane ubwaturutse ku intumwa Muhamadi, muri bwo twavugaga “ALLAHUMA AINIY ALA DHİKRIKA WA SHUKRIKA WA HUSUNU İBADATIKA, ALLAHUMA İNIY DHALAMUTU NAFSIY DHULUMAN KATHİRA, WALA YAGH’FİR DHUNUBA İLA ANTA, FA AGH’FİR LIY MAGH’FİRATA MIN İNDİKA WA AR’HAMUNIY İNAKA ANTAL GHAFURU RAHİM”.

Naho kuri Atahiyatu ya mbere, agomba guhaguruka nyuma ya Shahadu ebyiri agasari Rakaa ya gatatu kuri Adhuhuri na Al Aswir na Magharib na Al Ishau, ariko aramutse naho asabiye intumwa Muhamadi byaba byiza, kubera Hadith ziri rusange kuri ibyo hanyuma agahaguruka gusenga Rakaa ya gatatu.

### SUNA Z'ISENGESHO:

Suna z'isengesho ni nyinshi muri zo twavuga:

1. Gusoma iduwa yo gufungura isengesho.
2. Gushyira ikiganza cy'iburyo hejuru y'icy'ibumoso ku gituzza igihe ugagaze, n'igihe uguye Rukuu na nyuma ya Rukuu.
3. Kuzamura amaboko intoki zegeranye kandi zirambuye ukayageza aharinganiye n'intugu zombie cyangwa aharinganiye n'amatwi kuri Tak'bira ya mbere, n'igihe ugiye Rukuu, n'igihe uvuye Rukuu n'igihe uhagurutse uvuye kuri Atahiyatu ya mbere, ugiye ku iraka ya gatatu.
4. Gusingiza Imana birenga kuri rimwe muri Rukuu na Sijida.
5. Ibirenze ku mvugo "RABANA WA LAKAL HAMDU" nyuma yo guhagarara uvuye muri Rukuu, n'ibirenze kuri rimwe mu busabe bwo kubabarirwa ibyaha hagati ya Sijida ebyiri.
6. Umutwe kuwuringaniza n'umugongo muri Rukuu.
7. Gutandukanya inkokora n'imbavu, n'inda igatandukana n'ibibero n'ibibero bigatandukana n'imirundi muri Sijida.
8. Kutarambika amaboko hasi igihe uri muri Sijida.
9. Kwicarira ukuguru kw'ibumoso gushashe, hanyuma ukw'iburyo kukaba kurambuye muri Atahiyatu ya mbere ndetse no hagati ya Sijida ebyiri.
10. Kwicaza ikibuno kuri Atahiyatu ya nyuma mu isengesho rya Raka enye na Raka eshatu, ugashyira ukuguru kw'ibumoso muni y'ukw'iburyo ukw'iburyo kurambuye.
11. Kurambura urutoki rwa mukubita rukoko muri Atahiyatu ya mbere n'ya kabiri, kuva akimara kwicara Atahiyatu, akanaruzunguza igise arimo gusaba.
12. Gusabira amahoro n'imigisha intumwa Muhamadi n'abiwe ndetse ukanasabira Ibrahimu n'abiwe muri Atahiyatu ya mbere.
13. Ubusabe muri Atahiyatu ya nyuma.
14. Gusoma mu ijwi riranguruye ku isengesho rya mugitondo (Al Fajir), no mu iswala ya Ijuma, n'iswala z'amalayidi abiri, n'iswala yo gusaba imvura no muri Raka ebyiri zibanza ku isengesho rya Magh'ribi na Al Ishau.
15. Gusoma mu ibanga ku isengesho rya Adhuhuri na Al Aswir, no kuri Raka ya gatatu ya Magh'ribi na Raka ebyiri zisoza ku iswala ya Al Ishau.



16. Gusoma isura itari Surat Al Fatihat muri Qor'an, hamwe no kwita ku zindi Suna z'amasengesho zaturutse ku intumwa Muhamadi zitari izi twavuze haruguru. Muri zo twavuga: Ubusabe burenga ku ijambo ry'usenga rigira riti "RABANA WA LAKAL HAMDU" nyuma yo kweguka uvuye Rukuu, kuri Imamu n'ukurikiye Imamu ndetse n'usenga wenyine, kuko ibyo ari Suna. Na none harimo: Gushyira amaboko ku bibero intoki zitatanye igihe uri muri Rukuu.

### **UBUSABE BWO GUFUNGURA ISENGESHO:**

Ubusabe bwo gufungura isengesho buvugwa nyuma ya Tak'bira ya mbere (Tak'biratul Ihram), hakoreshejwe ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), nk'invugo ye igira iti "ALLAHUMA BAAID BAYINIY WA BAYINA KHATWAYAYA KAMA BAAD'TA BAYINAL MASH'RIK WAL MAGH'RIBI, ALLAHUMA NAQINIY MINAL KHATWAYAYA KAMA YUNAQA THAWUBUL AB'YADWU MINA DANASI, ALLAHUMA AGH'SIL'NIY MINAL KHATWAYAYA BIL MAI WA THALJI WAL BAR'DI" cyangwa ukavuga uti "SUB'HANAKA ALLAHUMA WA BIHAM'DIKA WA TABARAKA ISMUKA WA TAALA JADUKA WA LA ILAHA GHAYIRUKA".

### **ISOMO RYA CUMI NA RIMWE**

### **IBYANGIZA ISENGESHO:**

Ibyangiza isengesho ni ibintu umunani bikurikira:

1. Kuvuga ubishaka kandi ubizi unafite ubwenge, ariko uwibagiwe cyangwa utazi itegeko ryabyo, ntabwo kuvuga byangiza isengesho rye.
2. Guseka.
3. Kugira icyo urya.
4. Kugira icyo unywa.
5. Kugaragaza ubwambure.
6. Kuberama cyane ku cyerekezo cya Qiblat.
7. Gukina kenshi gakurikiranye mu isengesho.
8. Gutakaza isuku.

### **ICYA MBERE: MU BYANGIZA ISENGESHO**

Kuvuga mu isengesho, hakurwamo kuba umuntu yakwibutsa Imamu igihe yibagiwe cyangwa akosheje mu gusoma Qor'an.

## UBURYO BWO KUNYEGANYEGA MU ISENGESHO

|                                                                                              |                                                                                        |                                                                               |                                                                                                         |                                                                                                                 |
|----------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Kunyeganyega biziririjwe, ariko kunyeganyega cyane gukurikiranye kandi nta mpamvu nko kurya. | Kunyeganyega bitari byiza, nko kugenda mu isengesho nta mpamvu nko guhindukira gakeya. | Kunyeganyega byemewe, ni ukunyeganyega kubera impamvu nko kwishima mu bwanwa. | Kunyeganyega byiza, ni nko kunyeganyega ukora igikorwa cyuzuza isengesho, nko kuziba icyuho mu murongo. | Kunyeganyega by'itegeko, ni ukunyeganyega ukora igikorwa gituma isengesho ryemerwa, nko gukuraho umwanda Najis. |
|----------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

### IBIGOMBA KWITONDERWA:

IBIGOMBA KUBANZA KUZUZWA MU ISENGESHO NDETSE N'INKINGI N'IBYANGOMBWA NA SUNA BYATAMBUTSE, NI IRIHE TANDUKANIRO RIRI HAGATI YABYO?

| IBIGOMBA KUBANZA KUZUZWA (SHARTI)                                              | INKINGI                                                 | IBYANGOMBWA                                                               | SUNA                                                                      |
|--------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------|
| Ni ikintu kiri hanze y'isengesho                                               | Ibyo byose biba biri mu isengesho hagati                |                                                                           |                                                                           |
| Irakomeza muri buri Sengesho                                                   | Ibi byo birangirira ku gice cyimwe mu bice by'isengesho |                                                                           |                                                                           |
| Ntabwo ababwirwa uyiretse kubera ubujiji cyangwa kwibagirwa cyangwa kubushake. |                                                         | Uyiretse kubera ubujiji cyangwa kwibagirwa cyangwa k'ubushake arababwirwa | Uyiretse kubera ubujiji cyangwa kwibagirwa cyangwa k'ubushake arababwirwa |
| Ntabwo igira Sujudu sahawi                                                     | Ntabwo igomborwa na Sujudu Sahawi                       | Igomborwa na Sujudu Sahawi.                                               | /                                                                         |

## **SIJIDA YO KWIBAGIRWA**

Impamvu za Sijida yo kwibagirwa ni Eshatu:

### **KONGERA:**

Umuntu kuba yakongera mu isengesho Rukuu, Sijida, guhagarara cyangwa kwicara.

### **KUGABANYA:**

Kuba umuntu yagabanya mu isengesho icyangombwa mu byangombwa byaryo umwanya wacyo ukamucika

### **GUSHIDIKANYA:**

Kuba umuntu ashobora kuba ashidikanya k'umubare wa Raka yasenze ese yasenze Raka eshatu cyangwa enye.  
Birimo ubwoko bubiri:

### **GUSHIDIKANYA NYUMA YO KURANGIZA ISENGESHO:**

Ibi ntabwo umuntu abyitaho keretse amaze guhamya ukuri nyako.

### **GUSHIDIKANYA URI MU ISENGESHO:**

Iyo uko gushidikanya ari kwinshi, ntabwo agomba kukwitaho, naho iyo ari guke ashingira kucyo yumva aricyo muri we, iyo byose muri we bingana ashingira ku bikeya.

### **IBYITONDERWA:**

- Usenga iyo yibagiwe muri Sujudu Sahawi, nta cyaha kuri we kandi isengesho rye riba ari rizima.
- Usenga iyo aretse imwe mu nkingi z'isengesho, ntabwo isengesho rye ryemerwa kugeza akoze iyo nkingi anakore ibiyikurikiye hanyuma narangiza ashyireho Sijida yo kwibagirwa.
- Iyo usenga yibagiwe icyangombwa mu byangombwa by'isengesho akarenga umwanya wacyo akora Sijida yo kwibagirwa.

**INCAMAKE ISHUSHANYIJE  
Y'UBURYO ISENGESHO RIKORWA:**

-Ibyiza ni uko Umuyislamu yisukura iwe mu rugo maze akambara imyenda myiza.

-Hanyuma akajya ku musigiti –ashobora kugira icyo agendaho- akagenda atuje kandi yiyoroheje atihuta cyangwa aturuka adahindukira hirya no hino kandi adasakuza.



-Yagera mu musigiti agakuramo inkweto ze akazishyira ahabugenewe, iby'isi akabishyira hasi icyo gihe kuri we kiba kizira gucuruza no kugura no gukora ibintu by'ubuyobe mu musigiti.

– Mu gihe yinjiye mu musigiti akabanza ukuguru kw'iburyo, maze akavuga ati “BISMI LAHI WA SWALATU WA SALAMU ALA RASULI LAHI, ALLAHUMA IFTAHU LIY ABUWABA RAHMATIKA” yajya gusohoka mu musigiti akabanza ukuguru kw'ibumoso, akavuga ati “BISMI LAHI WA SWALATU WA SALAMU ALA RASULI LAHI, ALLAHUMA INIY AS'ALUKA MIN FADHILIKA”

- Abagabo bagatambuka bakajya k'umurongo wa mbere naho abagore bakajya inyuma.

– Mu gihe isengesho ryaba ritangiye, agatora Tak'birat ya mbere agakurikira Imamu aho ageze hose, iyo umuntu asanze Imamu kuri Rukuu cyangwa ahagaze abarwa ko iyo Raka yayisenze, Imamu yatora Salamu agahaguruka akuzuka ibyamucitse.

- N'iyi yinjiye mu musigiti isengesho ritaratangira nyuma y'uko asenga Suna ya mbere y'isengesho, iyo iryo sengesho ritagira iyo Suna ya mbere y'isengesho asenga Suna yo gusuhuza umusigiti mbere y'uko yicara.
- Ntagomba kurengera amategeko y'umusigiti areba buri kanya ku isaha cyangwa yitotomba kugira ngo batangize isengesho.
  - Ni byiza ko Imamu cyangwa usari wenyine yashyira imbere ye Sitirat (igikinga kibuzza uwa munyura imbere) kandi igikinga cya Imamu ninacyo gikinga cyabo asengesha.



- Agomba gusiga umwanya hagati y'ibirenge bya ungana n'wo hagati y'intugu ze, ntagomba kugabanya cyangwa kongera kandi akabiringaniza.






- Nyuma yuko yuzuza ibigomba kuzuzwa mbere y'isengesho (Sharit) aravuga ati "ALLAH AK'BAR" azamuye amaboko intoki zegeranya akayageza aharinganiye n'amatwi ye cyangwa n'intugu ze, inda y'ikiganza cye ikaba yerekeye Qiblat.



- Hanyuma akagereka inda y'ikiganza cye cy'iburyo hejuru y'umugongo w'ikiganza cye cy'ibumoso n'ubujana ndetse n'ukuboko cyangwa se agafata.



- Hanyuma amaso ye akayerekeza aho yubama, kandi ntagomba guhindukira.



- Hanyuma ni byiza ko asoma ubusabe bwo gufungura isengesho ku irakaa ya mbere gusa, kandi ibyiza nuko atajya yibanda k'ubusabe bumwe gusa ahubwo yajya anyuranya ubusabe bwose bwaturutse ku intumwa Muhamadi bujyanye no gufungura isengesho.
- Yarangiza akikinga ku Mana akoresheje ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi, agira ati “AWUDHU BILAHYI MINA SHAYITWAN RAJIMI”.
- Yarangiza akavuga izina ry’Imana agira ati “BISMI LAHI RAH’MAN RAHIMI”.
- Yarangiza agasoma Surat Al Fatihat yose akurikiranya inyajwi zayo, amagambo yayo, inyuguti zayo ndetse na Ayat zayo.
- Yarangiza agasoma aya zimworoheye muri Qor’an nibyiza ko yazisoma atabanje kwikinga ku Mana , ariko akavuga Bismilahi igihe asomye isura ayitangiye gusa.
- Yarangiza akazamuka amaboko nkuko yayazamuye kuri Tak’bira ya mbere agira ati “ALLAHU AK’BAR” maze akajya Rukuu.
- Agafata ku mavi ye adatagaranyije amaboko umugongo we akawurambura ndetse n’umutwe we.
- Akavuka rimwe gusa by’itegeko ati “SUB’HANA RABIYAL ADHIMI”, ni byiza kuri we kurenza rimwe akoresheje ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi.





- Hanyuma mu kweguka ava Rukuu mbere yuko ahagarara akema akavuga ati “SAMIA LLAHU LIMAN HAMIDAHU” azamuye amaboko akayageza aharinganiye n’amatwi cyangwa n’intugu ze.
- Yamara guhagarara yemwe akavuga ati “RABANA WA LAKAL HAMDU” ni byiza ko yongeraho ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi.
- Hanyuma agatora Tak’birat atazamuye amaboko akubama ku bihimba birindwi aribyo: Agahanga n’izuru, inda z’ibiganza, amavi abiri, inda y’amano abiri y’igikumwe.
- Agatandukanya amaha ye n’inda ye ndetse n’ibibero bye, akanatandukanya hagati y’ibibero bye n’imirundi ye kandi amaboko ye ahagaze atarambuye hasi.





- Akavuga ati “SUB’HANA RABIYAL AALAA” inshuro imwe gusa y’itegeko, ariko ni byiza ko yarenzaho ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi. Kandi afite uburenganzira bwo gusaba ubusabe yifuza ariko ibyiza ni ugusaba ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi
- Yarangiza akavuga ati “ALLAHU AK’BAR” akicarira ukuguru kw’ibumoso gushashe hasi, akarambura ukw’iburyo inda z’amano y’ukuguru kw’iburyo akazishinga hasi amano yerekeye Qiblat, maze inda z’ibiganza bye akazishyira ku mpera y’ibibero bye, uko akaba ari nako yicara mu byicaruro byose bigize isengesho, usibye gusa amasengesho ya Raka eshatu na Raka enye, kuri Atahiyatu ya nyuma yicaza ikibuno ukuguru kw’ibumoso akagushyira munsu y’umurundi w’ukw’iburyo.





- Yarangiza agatora Tak'birat agakora Sijida nk'iyoyakoze mbere.
- Yarangiza agatora Tak'birat agahaguruka ku i Raka ya kabiri, agakoramo nk'uko yakoze kuya mbere, usibye ko kuri Raka ya kabiri nta Tak'birat ya mbere ibamo, nta n'ubusabe bwo gufungura isengesho bubamo.
- Yarangiza Sijida ya kabiri akicara kugira ngo atore Atahiyatu.
- Agatunga urutoki rwe rwa mukubita rukoko agafunganya urw'igikumwe na musumba zose, akanyeganyeza mukubita rukoko mu busabe.
- Agasoma Atahiyatu kuko ni itegeko.
- Iyo isengesho rigizwe na Raka ebyiri, ni ngombwa ko asabiramo intumwa Muhamadi, akanikinga ku Mana ibintu bine agira ati "ALLAHUMA INIY AWUDHU BIKA MIN ADHABI JAHANAM, WA AWUDHU BIKA MIN ADHABIL QABRI, WA AWUDHU BIKA MIN FITNATI JADALI, WA AWUDHU BIKA MIN FITNATIL MAH'YA WAL MAMATI" yarangiza agasaba ibyo ashaka, ariko ibyiza ni ugusaba ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi, akanavuga ati "ALLAHUMA AINIY ALA DHIKRIKA WA SHUKRIKA WA HUSUNI IBADATIKA".



- Yarangiza agatora Salamu ebyiri, iburyo bwe n'ibumoso bwe, ahindukiza umutwe we gusa adahindukiza ibitugu bye, atanabanje kuzamura umutwe hejuru no hasi nta no kubanza kuzamura intoki ze.



-Iyo isengesho ari iry'iraka eshatu cyangwa enye, arahaguruka nyuma ya Atahiyatu ya mbere, kandi biba byiza iyo muri iyo Atahiyatu ya mbere ayisomyemo ubusabe bwo gusabira intumwa Muhamadi (Swalatu Ibrahimiyat).

- Agatora Tak'birat agahaguruka agasenga Raka ya gatatu, yaba ari isengesho rya Raka eshatu akicara kuri Atahiyatu, yaba ari isengengo rya Raka enye akazisenga yarangiza akicara kuri Atahiyatu ya nyuma.

- Agasoma Atahiyatu akanasabira intumwa Muhamadi, akanikinga ku Mana ngo imurinde ibintu bine agira ati "ALLAHUMA INIY AWUDHU BIKI MIN ADHABI JAHANAM, WA AWUDHU BIKI MIN ADHABIL QABRI, WA AWUDHU BIKI MIN FITNATI JADALI, WA AWUDHU BIKI MIN FITNATIL MAH'YA WAL MAMATI" yarangiza agasaba ibyo ashaka, ariko ibyiza ni ugusaba ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi, akanavuga ati "ALLAHUMA AINIY ALA DHIKRIKA WA SHUKRIKA WA HUSUNI IBADATIKA".

- Iyo isengesho ari iry'itegeko, iyo arirangije ni byiza kuri we gusingiza Imana akoresheje ibyaturutse ku intumwa Muhamadi, akavuga ati "ASTAGH'FIRU LLAH, ASTAGH'FIRU LLAH, ASTAGH'FIRU LLAH, ALLAHUMA ANTA SALAMU WA MIN'KA SALAMU, TABARAK'TA DHAL JALALI WAL IKRAMU".

- Yarangiza akavuga ati "SUB'HANA LLAHI, AL HAMDULILAH, ALLAHU AK'BAR" inshuro mirongo itatu n'eshatu zose hamwe zikaba mirongo cyenda n'icyenda, akuzaza ijana agira ati "LA ILAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LA SHARIKA LAHU LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU WA HUWA AL KULI SHAYIIN QADIIR".

- Yarangiza agasoma Ayatul Kurusiy agira ati "ALLAHU LA ILAHA ILA HUWAL HAYUL QAYUM, LA TAAKHU DHUHU SINATU WALA NAWUM, LAHU MAFIY SAMAWATI WAMA FIL AR'DWI, MAN DHA LADHI YASHIFAU INDAHU ILA BI IDHINIHI, YAALAMU MA BAYINA AY'DIHIM WAMA KHALFAHUM, WALA YUHITWUNA BI SHAYIIN MIN IL'MIHI ILA BIMA SHAA, WA SIA KUR'SIYUHU SAMAWATI WAL AR'DWI WALA YAUDUHU HIF'DHUHUMA WA HUWAL ALIYUL ADHIMU" yarangiza agasoma Surat "QUL HUWA LLAHU AHADU....." Na "QUL AWUDHU BIRABIL FALAQ....." na "QUL AWUDHU BIRABI NASI....."



### **IBIGOMBA KWITONDERWA:**

-Mu masomo yatambutse twabonye ko mu bigomba kubanza kuzuzwa kugira ngo isengesho ryemerwe harimo, guhisha ubwambure bwa ngombwa mu isengesho, bityo usenga agomba kwitwararika ubwambure bwe ntubugaragare mu gihe ari mu isengesho, isengesho riba impfabusa kubera ibyo



- Umuntu usengana na Imamu, agomba guhagarara iburyo bwe akaringaniza ikirenge cye n'icya Imamu, ntajye imbere ye cyangwa inyuma ye, uko ninako abasengana na Imamu bahagarara.



## INCAMAKE MU ISENGESHO

| IZINA                     | ITEGEKO                                 | IGIHE                                        | UMUBARE             | UBURYO RIKORWA                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         |
|---------------------------|-----------------------------------------|----------------------------------------------|---------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Isengesho rya Ijuma       | Ni itegeko                              | Igihe cya Adhuhuri                           | Raka 2              | Isengesho rya Ijuma risengwa batura ijwi, rikaba rikorerwa mu mbaga guhera ku bantu batatu kuzamura                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |
| Isengesho ry'ubwirakabiri | Ni itegeko ritari rusange ku bantu bose | Igihe ubwirakabiri bwabayeho                 | Raka 2              | Isengesho ry'ubwirakabiri risengwa batura ijwi, rigira Rukuu ebyiri kuri buri Raka.                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |
| Isengesho rya Witri       | Ni Suna ishimangiwe                     | Kuva nyuma ya Al Ishau kugeza kuri Al Fajir. | Kuva kuri Raka 1-11 | <p>- Ishobora gusengwa ari Raka imwe.</p> <p>-Ishobora gusengwa ari Raka eshatu zungikanyije akicara kuri Atahiyat ya nyuma gusa, cyangwa se agasenga Raka ebyiri agatora Salamu hanyuma agashyiraho Raka imwe.</p> <p>- Ushobora gusenga Raka eshanu, akicara kuri Raka ya nyuma ngo atore Atahiyatu gusa.</p> <p>- Ushobora gusenga Raka zirindwi akicara ngo atore Atahiyatu kuri Raka ya karindwi gusa.</p> <p>- Ashobora kuyisenga Raka icyenda akicara ngo atore Atahiyatu kuri Raka ya munani, hanyuma agahaguruka agasenga iya cyenda, nta Salamu, agatora</p> |

|                                |                     |                                               |           |                                                                                                                   |
|--------------------------------|---------------------|-----------------------------------------------|-----------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|                                |                     |                                               |           | Atahiyatu kuri Raka ya cyenda agatora Salamu.<br>- Ushobora kuyisenga Raka ebyiri ebyiri, agasenga imwe ya Witri. |
| Suna z'isengesho rya Al Fajir. | Ni Suna ishimangiye | Ikorwa mbere y'isengesho rya Al Fajir         | Raka 2    | Kuri Raka ya mbere agasoma Surat Al Kafiruna naho kuri Raka ya Kabiri agasoma Surat Al Ikh'lasw                   |
| Suna z'isengesho rya A Dhuhuri | Ni Suna             | Raka 4, mbere ya Adhuhur na Raka 2 nyuma yayo | Raka 4/2  | Raka 2 hanyuma 2.                                                                                                 |
| Suna z'isengesho rya Magh'rib  | Ni Suna             | Nyuma y'isengesho rya Magh'rib                | Raka 2    | Kuri Raka ya mbere usoma Surat Al Kafiruna naho kuya kabiri ugasoma Al Ikh'lasw                                   |
| Suna z'isengesho rya Al Ishau  | Ni Suna             | Nyuma ya Al Ishau                             | Raka 2    |                                                                                                                   |
| Isengesho rya Taraweh          | Ni Suna             | Kuva nyuma ya Al Ishau kugeza Al Fajir        | Raka 2-10 |                                                                                                                   |
| Suna yo gusuhuza Umusigiti     | Ni itegeko          | Igihe winjiye mu Musigiti mbere yo kwicara    | Raka 2    |                                                                                                                   |
| Dwuha                          | Ni Suna             | Ni uguhera izuba rizamutse                    | Raka 2-8  |                                                                                                                   |



|                                             |                           |                                                              |                        |                                                                                                                                                                                           |
|---------------------------------------------|---------------------------|--------------------------------------------------------------|------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|                                             |                           | ho gato<br>kugeza<br>mbere yuko<br>rijya mu<br>kirere hagati |                        |                                                                                                                                                                                           |
| Suna ya Istikharat<br>(Kugisha Imana inama) | Ni Suna                   | Igihe<br>icyaricyo<br>cyose                                  | Raka 2                 | Asaba ubusabe bwagenewe<br>Istkhara mbere yo gutora<br>salam .                                                                                                                            |
| Isuna yo gusaba imvura                      | Ni Suna igihe<br>bikenewe | Kuva izuba<br>rizamutse<br>ahangana<br>n'icumu               | Raka 2                 | Atora Tak'birat zirindwi<br>nk'izi Layidi hamwe na<br>Tak'birat ya mbere kuri<br>Raka ya mbere, akanatora<br>Tak'bira eshanu kuri Raka<br>ya kabiri hatarimo Tak'birat<br>yahagurukiyeho. |
| Isengesho ry'Ilayidi<br>ebyiri              | Ni Suna                   | Kuva izuba<br>rizamutse<br>ahangana<br>n'icumu               | Raka 2 na<br>Khutuba 2 | Atora Tak'birat zirindwi<br>hamwe na Tak'birat ya<br>mbere kuri Raka ya mbere,<br>akanatora Tak'bira eshanu<br>kuri Raka ya kabiri hatarimo<br>Tak'birat yahagurukiyeho.                  |

## **IBIHE BIBUJIJWEMO GUSENGA AMASENGESHO YA SUNA BURUNDU:**

1. Kuva kuri Al Fajir kugeza izuba rizamutse ahangana n'icumu.
2. Kuva ku isengesho rya Al Aswir kugeza izuba rirenze.
3. Kuva izuba rigeze mu kirere hagati kugeza rivuyemo gato

### **IBIBAZO KU ISENGESHO**

1. Ibigomba kubanza kuzuzwa mbere y'isengesho ni bingahe? O icyenda. O Cumi na kimwe. O Umunani.
2. Ikigomba kubanza kuzuzwa "Kuba uri umuyislamu" kiri mu bigomba kuzuzwa mbere y'isengesho ni ikosa, kuko n'ubundi hasenga uwari usanzwe ari umuyislamu. (Nibyo – Sibyo).
3. Kuba umuntu abansha gutandukanya ibintu, ni ukuba agejeje igihe cy'ubukure (Nibyo – Sibyo).
4. Gukuraho umwanda, bikubiyemo gukura umwanda ku mubiri, aho usengera ndetse no kumyambaro. (Nibyo – Sibyo).
5. Umwanda w'ingurube, ni umwanda: O Uremereye. O Ni umwanda wo hagati.
6. Amasohoro ni umwanda (Najis) kuko asaba uwo yasohotse koga. (Nibyo – Sibyo).
7. Nta tandukaniro riri hagati yo kutera utuzi (ahaguye Najis) no kuhafura (Nibyo – Sibyo).
8. Ibyipfishije byose ni umwanda (Nibyo – Sibyo).
9. Birahagije kuri Najis y'imbwa gukoresha ibitari umucanga, kandi birahagije gukoresha ibisukura indi myanda. (Nibyo – Sibyo).
10. Ikigoye kurinda ni icyinjira cyane kikanasohoka cyane mu bantu, ishobora kuba ari injangwe isukuye ku bantu bamwe na bamwe, naho ku bandi ikaba ari Najis (Nibyo – Sibyo).

11. Ikidafite ubugingo butemba, ubugingo ni Roho (Nibyo – Sibyo).
12. Amaraso yasigaye mu mitsi: O Ni umwanda. O Arasukuye.
13. Inkingi z’isengesho ni zingahe? O Cumi n’enye. O Icyenda. O Umunani.
14. Tak’biratul Ih’rami ni ukuzamura amaboko (Nibyo – Sibyo).
15. Uretse inkingi y’isengesho yibagiwe, agomba gukora Sujudu yo kwibagirwa gusa (Nibyo – Sibyo).
16. Ibyangombwa by’isengesho ni bingahe? O Ni umunani. O Cumi na bine. O Icyenda.
17. Uvuze kuri Sujudu yo kwibagirwa ati “SUBUHU QUDUSU RABUL MALAIKATI WA RUHI” kandi aziko ategetswe kuvuga ngo “SUB’HANA RABIYAL AALA” inshuro imwe, isengesho rye riba inpfabusa (Nibyo – Sibyo).
18. Ni itegeko mu isengesho ko umuntu ashyira inda y’ikiganza cye cy’ibiryo hejuru y’umugongo w’ikiganza cye cy’ibumoso n’ubujana ndetse n’ukuboko (Nibyo – Sibyo).
19. Gusoma watura igisomo biba kuri Raka ebyiri za mbere mu masengesho y’itegeko, iyo ari ninjoro, no kuri buri sengesho riteranya imbaga rusange nk’ilayidi ebyiri (Nibyo – Sibyo).
20. Ibyangiza isengesho ni bingahe? O Umunani. O Icyenda. O Cumi na bine.
21. Kwicarira ikibuno biba kuri Atahiyatu: O Ya mbere. O Ya nyuma. O Ibyatambutse byose.
22. Kongera ijambo ngo “WA SHUKRU” ku ijambo “RABANA WA LAKAL HAMDU WA SHUKRU” itegeko ryabyo ni: O Biremewe. O Ni byiza. O Kirazira.
23. Kuvuga ngo “RABI IGH’FIRILY WAL WALIDAYA” hagati ya Sijida ebyiri: O Biremewe. O Kirazira. O Si byiza.
24. Kurambura amaboko hasi igihe uri muri Sijida: O Kirazira. O Ni byiza. O Si byiza.
25. Impamvu zishobora gutuma umuntu akora Sijida yo kwibagirwa ni zingahe? O Ni ebyiri. O Ni eshatu. O Ni enye.

26. (Gushidikanya nyuma y'igikorwa ntacyo byangiza – Ni nkuko bimeze iyo gushidikanya bibaye byinshi) (Nibyo – Sibyo).

27. Suna ya mugitondo irusha irindi Suna: Ibihembo, kuyorosya, gusomamo isura z'umwihariko, kuyibandaho no mu rugendo no kuyirangiza ukegama mu nzu gusa (Nibyo – Sibyo).

28. Garagaza itegeko ku bibazo bikurikira:

| <b>IKIBAZO</b>                                    | <b>ITEGEKO</b> |
|---------------------------------------------------|----------------|
| Isengesho ry'umuntu utuka idini                   |                |
| Isengesho ry'umuntu wasinze                       |                |
| Isengesho ry'umurwayi                             |                |
| Isengesho ry'umwana muto                          |                |
| Umuntu gusenga adafite isuku yibagiwe             |                |
| Umuntu gusengera mu mwenda urimo Najis yibagiwe   |                |
| Amaganga y'inka                                   |                |
| Inkari z'ikiyoni                                  |                |
| Umuntu gusenga ibibero bye bigaragara             |                |
| Umuntu gusenga mbere yuko igihe kigera yibagiwe   |                |
| Gusengera mu ndege                                |                |
| Umuntu gufata umugambi isengesho rigeze           |                |
| Umuntu gusenga yicaye                             |                |
| Umuntu wibagiwe Suratu Al Fatihat                 |                |
| Umuntu usanze Imamu ari kuri Rukuu                |                |
| Kwihuta mu isengesho                              |                |
| Gushidikanya cyane nyuma y'isengesho              |                |
| Gushidikanya ku isuku ye nyuma yo gufata umugambi |                |
| Umuntu urengeje Rukuu mu isengesho yibagiwe       |                |

|                                                                                   |  |
|-----------------------------------------------------------------------------------|--|
| Umuntu kureka Tak'biratul Ih'ram                                                  |  |
| Umuntu kureka Atahiyatu ya mbere                                                  |  |
| Umuntu kureka Atahiyatu ya nyuma                                                  |  |
| Umuntu gushidikanya niba yasenze raka eshatu cyangwa enye                         |  |
| Umuntu kugira ugushidikanya nyuma y'isengesho                                     |  |
| Umuntu kugira ugushidikanya ari mu isengesho                                      |  |
| Umuntu kwibagirwa muri Sujudu yo kwibagirwa                                       |  |
| Umuntu kuvuga mu isengesho yibagiwe                                               |  |
| Umuntu gusenga ubwambure bwe bugaragara atabizi akaza kubimenya nyuma y'isengesho |  |
| Kwisukurira mu rugo mbere y'uko asoko ajya gusenga                                |  |
| Gucururiza mu musigiti                                                            |  |
| Gukora ubuvunji mu musigiti                                                       |  |
| Umuntu usanze Imamu kuri Atahiyatu ya nyuma                                       |  |
| Gushyira igikinga imbere y'umuntu usenga                                          |  |
| Umuntu guhindukira gakeya mu isengesho                                            |  |
| Umuntu guhindukira kenshi mu isengesho                                            |  |
| Gukora isengesho vuba na vuba                                                     |  |
| Gusabira intumwa Muhamadi kuri Atahiyatu                                          |  |
| Kuvuga mu isengesho                                                               |  |
| Kwinyagambura mu isengesho                                                        |  |
| Uwibagiwe gusoma Surat Al Fatihat                                                 |  |
| Isengesho rya Ijuma                                                               |  |
| Isengesho rya Witri                                                               |  |
| Suna yo gusuhuza umusigiti                                                        |  |

29. Vuga amatandukaniro ari hagati y'ibigomba kubanza kuzuzwa mbere y'isengesho, inkingi, ibyangombwa na Sunat:

| IBIGOMBA<br>KUBANZA KUZUZWA<br>(SHARIT) | INKINGI | IBYANGOMBWA | SUNAT |
|-----------------------------------------|---------|-------------|-------|
|                                         |         |             |       |
|                                         |         |             |       |
|                                         |         |             |       |
|                                         |         |             |       |

### ISOMO RYA CUMI NA KABIRI

#### IBYO USABWA MBERE YO GUTAWAZA

Ibyo umuntu asabwa mbere yo gutawaza ni ibintu icumi:

1. Kuba uri umuyislamu.
2. Kuba ufite ubwenge.
3. Kuba ubasha gutandukanya ibintu.
4. Kugira umugambi.
5. Gukomezanya umugambi wo gutawaza ntawucemo kabiri kugeza arangije gutawaza.
6. Gucamo kabiri igikorwa byatuma wongera gutawaza.
7. Gusitanji ukoresheje amazi cyangwa ibinonko mbere yo gutawaza.
8. Kuba amazi ugiye gutawaza asukuye kandi yemewe.
9. Gukura ku mubiri icyatuma amazi atawugeraho.
10. Kuba igihe cy'isengesho kigeze kuri wawundi uhora buri gihe adafite isuku.



## GUSOBANURA BIMWE MU BISABWA MBERE YO GUTAWAZA

- Ijambo “**Gukomezanya umugambi wo gutawaza ntawucemo kabiri kugeza arangije gutawaza**” bisobanuye ko utawaza agomba gukomezanya umugambi wo gutawaza kuva atangiye gutawaza kugeza igikorwa cyo gutawaza kirangiye.
- Ijambo “**Gucamo kabiri igikorwa byatuma wongerera gutawaza**” bisobanuye ko umuntu atagomba gutawaza arimo kurya inyama z’ingamiya, cyangwa ngo atawaze arimo kunyara, ahubwo agomba gutangira igikorwa cyo gutawaza ari uko arangije ibyo bikorwa byangiza isuku.
- Ijambo “**Gusitanji ukoresheje amazi cyangwa ibinonko mbere yo gutawaza**” kuri ibi hakurwamo umuntu waba yatakaje isuku kubera gusura cyangwa gusinzira cyangwa kurya inyama z’ingamiya.
- Ijambo “**Kuba amazi ugiye gutawaza asukuye kandi yemewe**” bisobanuye ko umuntu atagomba gutawaza amazi yanduye (Najis) cyangwa amazi yibwe.
- Ijambo “**Gukura ku mubiri icyatuma amazi atawugeraho**” ni nkirangi verni ku nzara nibindi byabuza amazi kugera ku mubiriki.

## SUNA ZA KAMERE:

Muri Suna za kamere harimo:

1. **Kwisiramuzza:** Bikaba ari ngombwa ku bagabo, ariko bikaba ari n’umugenzo mwiza ku bagore uwaramuka abishaka.
- 2-5. **Kugabanya ubwanwa bwo hejuru y’umunwa, guca inza, gupfura ubucakwaha, no kogosha insya:** Hadith yaturutse kuri Anasi (Imana imwishimire) yaravuze ati “Intumwa yadushyiriyeho igihe cyo kogosha ubwanwa bwo hejuru, no guca inzara, gupfura ubucakwaha no kogosha insya, ko tutagomba kubireka igihe kingana n’iminsi mirongo ine” ikiriho rero nuko utagomba kureka kogosha ibyo bintu igihe kirenze iminsi mirongo ine.
6. **Gutereka ubwanwa:** Kubutereka, ni itegeko no kubwogosha ni kimwe mu byaha bikomeye.
7. **Koza mu kanwa:** Ni ugukoresha agati ka Arak nutundi mu gusukura amenyo, itegeko ryabyo ni Suna kubikora, kandi buri gihe, no mu gihe cyo gutawaza, n’igihe cy’isengesho, kwinjira mu nzu, gusoma Qor’an, ubyutse n’igihe wumva umwuka wo mu kanwa wahindutse.

## ISOMO RYA CUMI NA GATATU

### INKINGI ZO GUTAWAZA

Inkingi zo gutawaza ni esheshatu:

1. Koza mu maso, bijyana no kunyuguza mu kanwa no koza mu mazuru.
2. Koza amaboko abiri kugeza haruguru y'inkokora.
3. Guhanagura umutwe wose harimo n'amatwi.
4. Koza amaguru hamwe n'utubumbankore.
5. Gukurikiranya ibyo bikorwa.
6. Kubikorera icyarimwe.

Ni byiza koza mu maso, ku maboko no ku maguru gatatu, nicyo kimwe no kunyuguza mu kanwa no koza mu mazuru, ariko koza by'itegeko ni rimwe gusa, naho guhanagura mu mutwe, ntabwo ari byiza kurenza inshuro imwe, nkuko Hadith z'impamo zibivuga.

### GUKURIKIRANYA IBI BIKORWA NYAKO

Bibaho igihe utawaza atagize urugingo akereza koza kugeza ubwo urwo yogeje mbere yarwo rwumuka.

### IBYANGIZA ISUKU YO GUTAWAZA

Ibyangiza isuku yo gutawaza ni bitandatu:

1. Iyo hagize igisohoka muri imwe mu nzira ebyiri.
2. Icyasohoka kibi cya Najis mu mubiri.
3. Gutakaza ubwenge kubera gusinzira cyangwa ikindi.
4. Gukora ku bwambure n'ikiganza gisa, imbere cyangwa inyuma, nta gikingirizo.
5. Kurya inyama z'ingamiya.
6. Kuva mu buyislamu.

#### Icyitonderwa:

Koza umurambo: Imvugo y'ukuri nuko bitangiza isuku yo gutawaza, ari nayo mvugo y'abamenyi benshi, kubera ko nta gihamya kibigaragaza, ariko ikiganza cy'uwoza umurambo kiramutse gikoze ku bwambure bw'umurambo nta gikingirizo, ni ngombwa ko atawaza. Itegeko nuko atagomba gukora ku bwambure bw'umurambo nta gikingirizo.

Ni nkuko, gukora ku mugore ntibyangiza isuku yo gutawaza burundu, muri imwe mu mvugo z'ukuri z'abamenyi, waba umukozeho umwifuza cyangwa utamwifuza, igihe nta kintu na kimwe kigusohotsemo, kuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yasomye bamwe mu bagore be hanyuma arasari ntiyatawaza.

Naho ijambo ry'Imana rigira riti "Cyangwa mwakoze ku bagore" ikigambiriwe hano ni: Ugukora imibonano mpuza bitsina, muri imwe mu mvugo z'ukuri z'abamenyi, ikaba ari imvugo ya Ibun Abas (Imana imwishimire), ndetse na benshi muba tubanjirije n'abaje nyuma yabo.

## **GUSOBANURA BIMWE MU BYANGIZA ISUKU YO GUTAWAZA**

- Ijambo rigira riti “**Iyo hagize igisohoka muri imwe mu nzira ebyiri**” ni muri rusange nk’inkari, amabyi, amasohoro, umurenda usohoka mu gitsina kubera kwifuza (Madhiy), umusuzi, amaraso, ibihuka, imihango n’ibisanza.
- Ijambo rigira riti “**Icyasohoka kibi cya Najis mu mubiri**” imvugo y’ukuri nuko ibi bitangiza isuku yo gutawaza usibye igihe byaba biri mu bwoko bw’inkari cyangwa amabyi.
- Ijambo rigira riti “**Gutakaza ubwenge kubera gusinzira cyangwa ikindi**” gusinzira ubwabyo ntibyangiza isuku yo gutawaza, usibye ko uwasinziriye hakekwa ko umusuzi wasohoka, ariko aramutse we yumva ntawasohotse, icyo gihe gusinzira ntibyakwangiza isuku ye.
- Ijambo rigira riti “**Gukora ku bwambure n’ikiganza gisa, imbere cyangwa inyuma, nta gikingirizo**” Sheikhul Islamu Ibun Tayimiyat (Imana imugirire impuhwe) yahisemo ko uwakoze ku bwambure ibyiza yatawaza ariko atari itegeko.

## INCAMAKE Y'AMAFOTO Y'UBURYO GUTAWAZA BIKORWA

- Ugambiriye gutawaza ni ngombwa ko abanza kuvuga izina ry'Imana Nyagasani.
- Hanyuma akoza ibiganza bye gatatu abisukaho amazi kenshi.
- Hanyuma agakoresha ukuboko kw'iburyo mu kunyuguza mu kanwa, akazunguza amazi mu kanwa hanyuma akayacira, hanyuma agashoreza amazi mu mazuru akanayapfuna yinjiza urutoki rwe rw'igikumwe na mukubita rukoko mu myenge y'amazuru, ibyo akabikora gatatu.
- Yarangiza akoza mu maso he gatatu, mu maso hatangirira mu burebure aho imisatsi itangirira hakagera aho ubwanwa burangiriye n'akananwa, naho mu bugari mu maso ni hagati y'amatwi abiri.
- Yarangiza akoza amaboko ye yombi ahereye ku kuboko kw'iburyo, inshuro eshatu kugeza hejuru y'inkokora.
- Yarangiza agahanagura mu mutwe we anyuza ibiganza bye mu ntangiriro z'umutwe kugeza ku mpera hanyuka akayagarura.
- Hanyuma agashyira urutoki rwe rwa mukubitarukoko mu matwi ye akayahanagura.
- Yarangiza akoza ibirenge bye hamwe n'utubumbankore, inshuro eshatu.









-Yarangiza gutawaza akavuga ati “ASH’HADU AN LA ILAHA ILA LLAHU WAH’DAHU LA SHARIKA LAHU, WA ASH’HADU ANA MUHAMADA ABUDUHU WA RASULUHU” mu imvugo yakiriwe na Tir’midhiy “ALLAHUMA IJIALINIY MINA TAWABINA WA JIALINIY MINAL MUTATWAHIRINA”.

### **ITEGEKO RYO KURENZA IKIGERO CYATEGETSWE MU GUTAWAZA**

Ntabwo byemewe gukaraba ukarenzo ahagenwe mu gutawaza, nko kuba wakaraba ukarenza gatatu cyangwa akoza aharenze mu nkokora cyangwa hejuru y’utubumbankore ukagera ku murundi, cyangwa agahanagura ku ijosi.





## UMUGEREKA URIMO BIMWE MU BIJYANYE N'INKINGI ZA ISLAM

### ICYA MBERE: KWISUKURA (TWAHARA)

#### TAYAMAMU:

Tayamamu ikaba isimbura kwisukuza amazi, igihe gukoresha amazi ku bihimba bisukurwa bitashoboka, cyangwa se gukoresha amazi ku bihimba bimwe na bimwe bitashoboka kubera kubura amazi cyangwa gutinya ingaruka zo kuyakoresha, icyo gihe umucanga ujya mu cyimbo cy'amazi.

#### UKO TAYAMAMU IKORWA:

Ushaka gukora Tayamamu agomba kuba afite umugambi, hanyuma akavuga izina ry'Imana Nyagasani yarangiza agakubita ibiganza bye rimwe k'ubutaka agahanagura mu buranga bwe ndetse no ku mugongo w'ibiganza bye.



Ntabwo byemewe gutatanya intoki igihe urimo gukubita hasi ibiganza, nta nubwo intoki uzinyuranya mu zindi igihe uhanagura ibiganza.



### **UKO KOGA BY'ITEGEKO BIKORWA:**

Umuntu agomba kugambirira koga no kwikuraho umwanda (Ijanaba), yarangiza akavuga izina ry'Imana Nyagasani, harangiza agakwiza umubiri wose amazi ndetse akagera no ku ndiba y'umusatsi yaba imisatsi mike cyangwa myinshi, bikajyanirana no kwiyunyuguza mu kanwa ndetse no koza mu mazuru.

### **SUNA ZO KOGA:**

Umuntu abanza koza ubwambure bwe bw'imbere n'inyuma, hanyuma akoza ibiganza bye, yarangiza agatawaza nk'ugiyeye gusari, akamena amazi mu misatsi yose igatoha, yarangiza akoza igice cye cy'iburyo hanyuma icy'ibumoso, yarangiza akoga amaguru ye.

### **IBITUMA UMUNTU YOGA:**

1. Kuba ufite Ijanaba: Ijanaba ibaho iyo umuntu yasohoye intanga kubera gukora imibonano cyangwa ikindi cyangwa kuba abantu bahuje ibitsina.
2. Gusohokwa n'amaraso y'imihango n'ibisanza.
3. Umuntu wapfuye adapfiriye mu ntambara ntagafitu.
4. Igihe uwari umuhakanyi yinjiye muri Islamu.

## **IBISABWA KUGIRA NGO USIGE AMAZI KURI KHOFU**

Agomba kuba yazambaye afite isuku yo gutawaza yuzuye yanakarabye ibirenge mu gihe cyo gutawaza.

Khofu cyangwa amasogisi bigomba kuba bisukuye

Bigomba kuba bipfutse ahantu hanini ku gihimba

Guhanagura kuri Khofu bigomba gukorwa gusa ku mwanda muto ntibikorwa ku ufite ijanaba cyangwa ku ufite impamvu ituma yoga.

Guhanagura kuri Khofu bigomba kubaho mu gihe cyagenwe n'amategeko y'idini, aricyo: amanywa n'ijoro ku muntu utuye utari ku rugendo, n'iminsi itatu n'amajoro yayo (amasaha 72) k'umuntu uri ku rugendo, guhanagura bitangirana no guhanagura kwa mbere nyuma yo kwisukura.

## **UKO GUSIGA AMAZI KURI KHOFU BIKORWA:**

Agomba kunyuza intoki ze ahereye ku ntangiriro z'amano kugeza ku murundi we gusa, bisobanuye ko ahasigwa ari hejuru ya khofu intoki ze zigahera ku ntangiriro y'amano ye kugeza ku murundi gusa, kandi guhanagura bikorwa n'amaboko yombi ahanagura ibirenge byombi, ukuboko kw'iburyo kugahanagura ikirenge cy'iburyo naho ukw'imoso kugahanagura icy'imoso ako kanya mbese nkuko umuntu ahanagura amatwi icya rimwe kuko iyo niyo suna.

## **IBIBAZO BIGENDANYE NO GUHANAGURA KURI KHOFU**

1. Iyo igihe cyagenwe cyo gusiga kuri Khofu kirangiye, cyangwa umuntu akazikuramo isuku irasigara ntiyononekara.
2. Biremewe gusiga kuri Khofu yapfumutse ndetse n'igaragaza umubiri kubera kwera kwayo cyangwa kuba yorohereye.

## **UBURYO BWO KWITUMA:**

### **Ni byiza:**

-Igihe umuntu yinjiye mu bwihereho (WC): Ko agomba kwinjiramo abanje ukuguru kw'ibumoso akavuga ati "BISMILAHİ ALLAHUMA İNİY AWUDHU BİKA MİNAL KHUBUTHİ WAL KHABAİTH".

-Yasohokamo akabanza ukuguru kw'iburyo, akavuga ati "GHUFURANAKA".

**Ni ngombwa** kuri we kujya ahihishe cyangwa haba ari mu kigarama akigira kure.

**Ntibyemewe kuri we:** Kuba yakwituma mu nzira, cyangwa ahantu abantu bicara, cyangwa munsu y'igiti cy'imbuta ziribwa cyangwa ahandi hantu hose habangamira abantu, ndetse no mu mazi adatamba.

- Ntagomba kwerekera Qilbat cyangwa kuyitera umugongo igihe arimo kwituma.

- Ntagomba gufata ubwambure bwe n'ukuboko kwe kw'ibumoso.

- Agomba gusingiza Imana Nyagasani.

Iyo amaze kwituma akisukuka amaze cyangwa ibinonko, **Ibyo binonko bigomba kuba byujuje ibi bikurikira:**

-Agomba guhanagura ibinonko bitatu kuzamura, ntagomba guhanagura ikinonko ahantu hamwe kabiri.

-Bigomba kuba ari ibinonko byakuraho umwanda, kandi gukuraho umwanda biba ku mabuye cyangwa umuswara wumutse.

- Ntagomba kwisukuka ikintu cy'umwanda (Najis), cyangwa ikintu cyubahirizwe nk'ibiribwa, ntabwo yakwisukuka igufa cyangwa igisheshe.

Biremewe ko umuntu yanyara ahagaze ariko agomba guhamya ko inkari zitari butarukire k'umubiri we cyangwa ku myambaro ye, kandi ntabwo yakwambara ubusa, **"Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yageze mu bantu baciriritse maze anyara ahagaze"** Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.



## IBIBAZO KU KWISUKURA (TWAHARA)

1. Ibigomba kuzuzwa kugirango umuntu atawaze ni bingahe? O ni icyenda. O Icumi. O Umunani.

2. Inkingi zo Gutawa ni:

O Ni ukoza ibihimba bine. O Ni ibyo byatambutse hiyongereye ho, kubikurikiranya no kubikorera icya rimwe.

3. Ibyangiza isuku yo gutawaza ni bingahe? O Ni bitandatu. O bitanu. O Umunani.

4. Garagaza ibyangiza isuku yo gutawaza muri ibi bikurikira:

O Inyama y'ingamiya. O Inyama y'isha. O ijwi ryo mu nda. O Umusuzi. O Guhondobera. O Koza umurambo. O Gukora ku mugore.

5. Vuga uburyo Tayamamu ikorwa:

.....  
.....  
.....

6. Vuga uburyo koga bikorwa:

.....  
.....  
.....

7. Vuga amategeko agenga ibintu bikurikira:

| IKIBAZO                                                                                                                | ITEGEKO |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------|
| Kwatura umugambi                                                                                                       |         |
| Umuntu ufashe umugambi wo gutawaza iyo suku akayisengana isengesho rimwe, hanyuma akaza kuyisengana amasengesho menshi |         |
| Umuntu utawaje kugira ngo asome Qor'an hanyuma agasari                                                                 |         |

|                                                                       |  |
|-----------------------------------------------------------------------|--|
| Umuntu kureka umugambi wo gutawaza arimo gutawaza                     |  |
| Umuntu kureka umugambi wo gutawaza arangije gutawaza                  |  |
| Umuntu utawaje ariko ku murundi we hagasigara akantu katagezeho amazi |  |
| Gutawaza arimo kurya inyama y'ingamiya                                |  |
| Gutawaza amazi yibwe                                                  |  |
| Gutawaza mbere yo gusitanji ukoresheje amazi cyangwa ibinonko         |  |
| Gufata amazi mashya mu guhanagura amatwi                              |  |
| Guhanagura mu mutwe gatatu                                            |  |
| Gutawaza woza inshuro imwe imwe                                       |  |
| Gutawaza woza inshuro eshatu eshatu                                   |  |
| Koza ibiganza mu gutawaza                                             |  |
| Kunyuza intoki mu bwanwa                                              |  |
| Gutsirita aho utawaza                                                 |  |
| Guhanagura ahategetswe kozwa                                          |  |
| Koza mu mutwe mu gutawaza                                             |  |
| Kwinjiza ibiganza mucyo atawarizamo                                   |  |
| Kubanza indyo mu gutawaza                                             |  |
| Koza ukarenza gatatu mu gutawaza                                      |  |
| Koza imirundi                                                         |  |
| Umuntu gusari amaze koga mu ruzi                                      |  |
| Umuntu gusari amaze koga ariko ntatawaze                              |  |



## ICYA KABIRI: GUTANGA ZAKAT

Gutanga Zakat birimo ibice bibiri:

### ZAKAT Y'AMAFARANGA

Gutanga Zakat ni inking ya gatatu mu nkingi zigize Islamu, gutanga Zakat bikaba ari itegeko kuri buri muyislamu wigenga kandi utunze umutungo ugejeje ku gipimo cya ngombwa, nta Zakat igomba gutangwa k'umutungo utamaze umwaka, usibye gusa ibiva mu butaka, ndetse n'umutungo ufatanye n'igishoro nko gukuza igishoro n'inyungu y'ubucuruza, ibyo umwaka wabyo ni umwaka w'isoko yabyo, ibi bikaba birimo ibice bine:

### ZAKAT Y'UMUBIRI

Ikaba ariyo Zakatul Fitri, ikaba ari itegeko kuri buri muyislamu, umuto n'umukuru, umugabo n'umugore, umucakara n'utari we.

#### AMABUYE Y'AGACIRO

Zahabu na Feza, n'ibyajya mu mwanya wabyo nk'amafaranga n'ibindi, igipimo cyagenwe kuri Zahabu ni garama 85, naho igipimo cyagenwe kuri Feza ni garama 595.

#### AMATUNGO

Ni amatungo aragirwa aribwa yaba menshi cyangwa make, cyangwa umwaka, ikigamijwe mu matungo ni: Ingamiya, inka n'ihene.

#### IBIVA MU BUTAKA

Aribyo ibinyampeke ndetse n'imbuto.

#### IBIVA MU BUTAKA

Aribyo, buri kintu cyose twateganyirijwe kugura no kugurisha.

## ABAGENEWE GUHABWA ZAKAT

**1. Abatindi:** Ni babandi bafite ibibazo bakaba batagira ikintu na kimwe, cyangwa bakabona bike mubyo bakeneye.

**2. Abakene:** Bo babona byinshi mubyo bakeneye cyangwa icya kabiri cy'ibyo bakeneye, tugereranyije ko wenda mu mwaka umuntu akenera amafaranga 12,000, ubwo umutindi ni ufite atageze ku 6000 cyangwa se nta kintu na kimwe afite, naho umukene ni ufite 6000 cyangwa birenze, ariko akaba atagejeje kuri 12.000, kuko muri Zakat duha abatindi n'abakene ibibahagije ku mwaka kuko Zakat itegatswe nimwe mu mwaka.

3. Abakora mubyi Zakat: Aribo abajya kuyikusanya, abayibika, abayigabanya bashyirwaho n'ubuyobozi, kandi singombwa ko baba ari abatindi, ahubwo bahabwa muri Zakat nubwo baba ari abakungu.

4. Abamenyerezwa imitima: Muri babandi bakeka ko baba abayisilamu, cyangwa bagahabwa kugira ngo hirindwe ibibi byabo, cyangwa kuba bafite ukwemera gukomeye.

5. Abacakara ari bo:

a. Abacakara b'abayisilamu bagiranye amasezerano naba shebuja yo kwigura.

b. Kurekura umucakara w'umuyisilamu.

c. Imbohe y'umuyisilamu.

Ntabwo uwarekuwe na sebuja yarangiza akamubarira muri Zakat, ibyo ntibyemewe.

6. Abananiwe kwishyura ari bo:

a. Uwananiwe kwishyura umwenda wo kunga abantu.

b. Uwananiwe kwishyura umwenda we.

Kandi ntabwo byemewe kudohorera umutindi umwenda ugambiriye kuzabibarira muri Zakat.

7. Abari mu nzira y'Imana: Bakubiyemo abarwana mu nzira y'Imana, ndetse n'ibikoreshe bakeneye ku rugamba, intwari n'ibindi.

8. Abari ku rugendo: Abo ni abantu bari ku rugendo bagashirirwa n'impamba, abo bahabwa muri Zakat ibyabageza iwabo.

Biremewe guha umwe muri aba bantu bose, ntabwo byemewe guha Zakat umukungu cyangwa ufite imbaraga zo gukora, nta nubwo byemewe guha Zakat umuryango w'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), aribo Banu Hashimu, nabacakara barekuye, nta nubwo byemewe guha Zakat umuntu ushinze kwitaho igihe irimo gutangwa, ntibyemewe kandi guha Zakat umuhakanyi, ariko Isadaka yo biremewe kuyiha bariya bantu ndetse n'abandi, ariko uko Zakat igenda irushaho kugira akamaro rusange cyangwa ak'umwihariko irushaho kuzura no kuba nziza.

## IBISOBANURO BY'INYITO ZA NGOMBWA

- **Bint Makhaad:** Ni ingamiya yujuje umwaka umwe, yiswe iryo zima kuko nyina iba ihaka.
- **Bint Laboon:** Ni ingamiya yujuje imyaka ibiri, yiswe iryo zina kuko nyina iba ifite amata.
- **Al Hiqqah:** Ni ingamiya yujuje imyaka itatu.
- **Al Jatha'ah:** Ni ingamiya yujuje imyaka ine, yiswe iryo zina kuberako iba igeze mu myaka yo gukuka amenyo.
- **At-Tabee' cyangwa At-Tabee'ah:** Ni inka yujuje umwaka umwe.
- **Al Musannah:** Inka yujuje imyaka ibiri.

## IBIPIMO BYA ZAKAT

| Imitungo               | Umwaka                     | Ikigero cyagenwe                                                 | Ibigomba gutangwa                                                              |
|------------------------|----------------------------|------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------|
| <b>Amatungo</b>        | Ni ngomwa ko amara umwaka  | Reba imbonerahamwe ikurikira                                     | Reba imbonerahamwe ikurikira                                                   |
| <b>Ibiva mu butaka</b> | Si ngomwa ko bimara umwaka | Swaiy 300                                                        | Ibyuhirwa n'imvura cyangwa imigezi, ahatangwa icya Cumi                        |
|                        |                            |                                                                  | Naho ibyuhirwa n'abantu hatangwa kimwe cya kabiri cy'icya cumi                 |
|                        |                            |                                                                  | Ibyuhirwa n'ibyo byombi uko ari bibiri, ahatangwa bitatu bya kane by'icya Cumi |
| <b>Ibinyagaciro</b>    | Ni ngomwa ko bimara umwaka | Garama 85, kuri Zahabu na Garama 595 kuri Feza                   | Cyimwe cya kane cy'icumi                                                       |
| <b>Ibicuruzwa</b>      | Ni ngomwa ko bimara umwaka | Hashingirwa ku biha amahirwe menshi umutindi muri Zahabu na Feza | Cyimwe cya kane cy'icumi                                                       |

**Imigabanye ya Zakat y'amatungo n'ibigomba gutangwa mo:**

| Imigabanye ya Zakat y'amatungo n'ibigomba gutangwa mo:                                                                            |         |        |                                                                                               |         |        |               |         |        |                                                                                    |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------|--------|-----------------------------------------------------------------------------------------------|---------|--------|---------------|---------|--------|------------------------------------------------------------------------------------|
| Ihene: Ihene n'Intama                                                                                                             |         |        | Ingamiya z'ipfupfu rimwe<br>cyangwa abiri                                                     |         |        | Inka n'imbogo |         |        |                                                                                    |
| Zakat itangwa                                                                                                                     | Igipimo |        | Zakat itangwa                                                                                 | Igipimo |        | Zakat itangwa | Igipimo |        |                                                                                    |
|                                                                                                                                   | kuva    | kugera |                                                                                               | Kuva    | Kugera |               | Kuva    | Kugera |                                                                                    |
| Intama imwe                                                                                                                       | 40      | 120    | Intama 1                                                                                      | 5       | 9      | Tabia 1       | 30      | 39     | Hanyuma kuri buri nka 30, hatangwa Tabia, no kuri buri nka 40, hagatangwa Musinat. |
|                                                                                                                                   |         |        | Intama 2                                                                                      | 10      | 14     | Musinat 1     | 40      | 59     |                                                                                    |
| Intama ebyiri                                                                                                                     | 121     | 200    | Intama 3                                                                                      | 15      | 19     | Tabia 2       | 60      | 69     |                                                                                    |
|                                                                                                                                   |         |        | Intama 4                                                                                      | 20      | 24     |               |         |        |                                                                                    |
| Intama estatu                                                                                                                     | 201     | 300    | Bint Makhaad 1                                                                                | 25      | 35     |               |         |        |                                                                                    |
|                                                                                                                                   |         |        | Bint Laboon 1                                                                                 | 36      | 45     |               |         |        |                                                                                    |
| Nyuma yaho buri hene 100 hagatangwa intama imwe.                                                                                  |         |        | Hiqqah                                                                                        | 46      | 60     |               |         |        |                                                                                    |
| Ntabwo isadaka y'umwana w'ihaye yemerwa ndetse n'ishaje cyane, ifite inenge cyangwa imitungo mibi.                                |         |        | Jath'ah                                                                                       | 61      | 75     |               |         |        |                                                                                    |
| Nta nubwo muri Swadaqa: Hatangwa itungo ryazonzwe cyangwa irikora akazi, irirya cyane cyangwa umutungo mwiza cyane kuruta iyindi. |         |        | Bint Laboon 2                                                                                 | 76      | 90     |               |         |        |                                                                                    |
|                                                                                                                                   |         |        | Hiqqah 2                                                                                      | 91      | 120    |               |         |        |                                                                                    |
|                                                                                                                                   |         |        | Bint Laboon 3                                                                                 | 121     | 129    |               |         |        |                                                                                    |
|                                                                                                                                   |         |        | Hanyuma kuri buri ngamiya 40, hatangwa Bint Laboon, no kuri buri ngamiya 50, hagatangwa Hiqat |         |        |               |         |        |                                                                                    |

## IBIBAZO KURI ZAKAT

1. Nta mutungo utangirwa Zakat utamaze umwaka wose: O Umwaka wa kislamu (Hijiriyat). O Umwaka usanzwe. O Nta tandukaniro.
2. Mu mitungo itangirwa Zakat ari uko imaze umwaka hakurwamo: O Imitungo yo mu butaka. O Ibiva mu butaka. O Ibyo byose.
3. Igipimo fatizo kuri Zakat ya Zahabu ni: O Garama 85. O Garama 595. O Garama 95.
4. Igipimo fatizo kuri Zakat ya Feza ni: O Amadiriham 200. O Garama 595. O Ibyo byose.
5. Amatungo akubiyemo, ingamiya, inka, imbogo n'ihene (Nibyo – Sibyo).
6. Nta Zakat igomba gutangwa ku mbuto. (Nibyo – Sibyo).
7. A Saimat ni: O Ibizamuka ibiciro. O Ni amatungo aragirwa umwaka cyangwa urenga.
8. Amatungo arisha ibyemewe ni: O Ni arya ibyiza. O Ni adafite nyirayo.
9. Iyo havuzwe abakene hinjiramo n'abatindi (Nibyo – Sibyo).
10. Abatindi bahabwa muri Zakat ibibahagije mu gihe: O Cy'umwaka wose. O Mu gihe cy'ukwezi.
11. Abakora mu bijyanye na Zakat ni: O Ni buri wese uyikora mo. O Ni abashyirwamo n'umuyobozi gusa.
12. Bara igipimo cya Zakat itangwa kuri ibi bikurikira:

| Umutungo            | Igipimo cya Zakat itangwa | Waq'su niba ihari |
|---------------------|---------------------------|-------------------|
| Amadirhamu 100      |                           |                   |
| Amadinari 300       |                           |                   |
| Amadirihamu 400     |                           |                   |
| Garama 80 za Zahabu |                           |                   |
| Garama 500 za Feza  |                           |                   |
| Intama 30           |                           |                   |

|                      |  |  |
|----------------------|--|--|
| Intama 60            |  |  |
| Intama 565           |  |  |
| Kuva ku Ingamiya 4   |  |  |
| Kuva ku ingamiya 17  |  |  |
| Kuva ku ingamiya 449 |  |  |
| Inka 30              |  |  |
| Inka 49              |  |  |
| Inka 77              |  |  |
| Inka 99              |  |  |
| Ama Riyar 20.000.000 |  |  |
| Ama Riyar 40         |  |  |
| Ama Riyar 45679      |  |  |
| Swaiy 255 z'impeke   |  |  |

13. Abamenyerezwa imitima: hinjiramo n'umuhakanyi n'ubwo yaba adateganya kuyoboka Islamu. (Nibyo – Sibyo).

14. Umuntu aramutse arekuye umucakara we, ahabwa muri Zakat (Nibyo – Sibyo).

15. Umukire asabye umukene amafaranga, hanyuma akayamurekera akayabarira muri Zakat, igikorwa cye kiremewe (Nibyo – Sibyo).

16. Mu nzira y'Imana, ikubiyemo buri gikorwa cyose cyiza nko kubaka imisigiti (Nibyo – Sibyo).

17. Zakat ya Zahabu na Feza ibarwa hagabanyijwe na 40 (Nibyo – Sibyo).

18. Zakat itegetswe mu nyamaswa ni iya matungo, ntabwo ari iya matungo yigenga cyangwa agaburirwa (Nibyo – Sibyo).

19. Zakat y'ibinyampeke n'imbuta, iba ngombwa iyo igejeje ku gipimo fatizo, mu gihe impeke zumye cyane n'imbuta zigahisha (Nibyo – Sibyo).

20. Zakat y'itegeko mu binyampeke n'imbuta, ni cyimwe cya kabiri cy'icumi kuri byabindi byuhirwa hakoreshejwe umutungo (Nibyo – Sibyo).



21. Zakat iba ngombwa kuri Zahabu, iyo igejeje ku gipimo fatizo, icyo gipimo ni uburemere bwa 20. (Nibyo – Sibyo).

22. Shyira uruziga ku kigomba gutangirwa Zakat:

O Inkoko. O Ahacururizwa. O Ihene zigaburirwa. O Ingamiya inaniwe. O Umurima w'itende. O Uburemere 25 bwa Zahabu.

23. Inka ya Tabia ni ifite imyaka ibiri. (Nibyo – Sibyo).

24. Igipimo fatizo cya Zakat y'amafaranga ni: O Ibicuruzwa. O Agaciro ka Zahabu na Feza.

25. Zakat itegetswe mu mafaranga: O Icy'a kane cy'icumi. O Icy'a kabiri cy'icumi.

26. Garama 80 za Zahabu Zakat yazo ni: O Garama 2. O Garama enye. O Nta Zakat ibamo.

27. Amazu yagenewe kubamo, ategetswe gutangirwa Zakat (Nibyo – Sibyo).

28. Buri wese uri ku rugendo ahabwa kuri Zakat, kuko abarwa nk'uri ku rugendo washiriwe. (Nibyo – Sibyo).

### **ICYA GATATU: GUSIBA**

Igisibo mu rurimi rw'icyarabu: Ni kwifata. Mu mategeko y'idini: Ni ugusenga Imana Nyagasani wifata ukareka kurya no kunywa ndetse n'ibindi byose bijya mu mubiri, kuva umuseke w'ukuri utambitse kugeza izuba rirenze.

## **INKINGI Z'IGISIBO**

### **1- Kugira umugambi**

#### **Umugambi w'igisibo cy'itegeko**

Ni ngombwa ko umuntu ararana umugambi mu gisibo cy'itegeko kuva ninjoro mbere yuko umuseke utambika, ariko birahagije gushyiraho umugambi ukwezi kwa Ramadhani kwinjiye, kandi umugambi ugomba kuba ku mutima, kuwatura bikaba ari igihimbano.

### **2- Kureka kurya no kunywa**

#### **Umugambi w'igisibo cy'isunat**

Umugambi w'igisibo cya Suna biremewe ko wawufata igihe cyose ku manywa ariko ukaba ntacyo wigeze urya, ariko ibihembo batangirana n'igihe ugiriye umugambi.

## **Ibice by'igisibo**

### **Igisibo cy'itegeko:**

Ni igisibo cya Ramadhan, igisibo cyo guhanagura icyaha ndetse n'igisibo cy'umuhigo.

### **Igisibo cy'isunat:**

Ni igisibo kitari ibyo twavuze.

## **IBISABWA KUGIRA NGO IGISIBO KIBE NGOMBWA (SHARIT)**

1. Kuba uri umuyislamu.
2. Kuba ugejeje igihe cy'ubukure: Umwana utarageza igihe cy'ubukure, amenyerezwa gusiba umubyeyi we akabimutegeka.
3. Kuba utuye: Kuko igisibo atari itegeko ku muntu uri ku rugendo, ariko ibyiza ni uko yafunga, igihe igisibo cyitamutera ingorane, nk'uko intumwa yabikoze kandi kuko gusiba ni uburyo bwo kwikuraho itegeko wategetswe, kandi bikaba byoroheye uwabitegetswe bikaba ari no gufatirana ibyiza by'ukwezi kwa (Ramadhani).
4. Kuba ufite ubuzima bwiza.
5. Kuba utari mu mihango cyangwa mu bisanza.

## **IBICE BY'UBURWAYI MU GISIBO**

### **UBURWAYI BUDATEGANYA GUKIRA:**

Ubu burwayi, ugeze mu zabukuru utakibasha gusiba, ntabwo ari itegeko kuri we, ariko agomba kugaburira umukene 1 kuri buri munsu, ashobora kwegeranya abakene bangana n'iminsi akabaha ifunguro ry'ijoro cyangwa irya amanywa, cyangwa se ashobora kugabanya ibiribwa abakene bose bangana n'iminsi, buri mukene akamuha cyimwe cya kane cya Swaiy y'intumwa Muhamadi, bangana n'ikiro kimwe na garama 10 akamuha ingano nziza, ni byiza ko kandi yanamuha n'uburisho nk'inyama cyangwa amavuta.

### **UBURWAYI BUTEGANYA GUKIRA BUTERA**

#### **IBIBAZO MU GUSIBA:**

Hinjiramo, umugore uri mu mihango n'uri mu bisanza n'abarwayi n'abari ku rugendo, akaba asabwa kwishyura iminsi yariye igihe akize uburwayi, iyo adakize agapfa igisibo ntikimubarwaho.

### **NI IBIKI BIHAMYA KO UKWEZI KWA RAMADHANI KWINJIYE?**

Ni ukuba ukwezi kwa Ramadhani kwabonetse, cyangwa kuba hujujwe iminsi 30 y'ukwezi kwa Shabani.

### **IBYANGIZA IGISIBO?**

1. Ni ukurya cyangwa kunywa ubishaka, ariko ubikoze yibagiwe igisibo cye cyirakirwa.
2. Gukora imibonano mpuza bitsina, iyo ayikoze ku manywa mu kwezi kwa Ramadhani, kandi igisibo ari itegeko kuri we, agomba gutanga icyiru kiremereye, aricyo: Kurekura umucakara, yaba afamufite agasiba amezi abiri akurikirana, yaba atabishoboye akagaburira abakene 60.
3. Gusohara intanga, kubera imibonano cyangwa gusomana cyangwa guhoberana n'ibindi.
4. Ibifatwa nko kurya no kunywa, nko guterwa urushinge rwa Serono, naho urushinge rutari Seromo ntabwo rwangiza igisibo.
5. Gusohora amaraso mu mubiri hakoreshejwe Hijama, naho gusohora amaraso make yipimisha ibyo ntibyangiza igisibo.
6. Kwirukisha ubushaka. 7. Gusohokwamo n'amaraso y'imihango cyangwa ibisanza.

### **BIMWE MUBYO UWASIBYE YEMERWE**

Kumira amacandwe, kumva uburyohe bw'ibiryo kubera impamvu, koga, koza mu kanwa, kwisiga amarashi no kwikonjesha.

### **IBYEMEWE MU GISIBO**

1. Kurya idaku. 2. Gukerereza kurya idaku. 3. Kwihutisha kurya ifutari. 4. Gufuturu uherye kuri Rutwabu (itende zahiriye ku biti), yaba atazibonye agafata Tamurat (itende zatazwe), kandi zigomba kuba ari igiharwe, yaba atabonye izo Tamurat akanywa intama runaka z'amazi, yaba nayo atayabonye akagambirira ku mutima gusiburuka. 5. Gusaba ubusabe igihe ugiye gusiburuka ariko ukiri mu gisibo. 6. Gutanga isadaka cyane. 7. Kugerageza gusenga amasengesho y'ijoro. 8. Gusoma Qor'an. 9. Kuvuga uti (njyewe ndasibye) ku muntu ugututse. 10. Gukora Umurat. 11. Gukora Itikafu mu minsi icumi ya nyuma ya Ramadhani. 12. Gushakisha ijoro ry'ubugabe.

### **IBITARI BYIZA MU GISIBO**

1. Gukanya mu kunyuguzwa mu kanwa no gushoreza amazi mu mazuru.
2. Gumva uburyohe bw'ibiryo nta mpamvu.

### **USIBYE AZIRIRIJWE IBI BIKURIKIRA**

1. Kumira igikororwa, ariko ntibyica igisibo.
2. Gusomana ku muntu utizeya ko byakwangiza igisibo cye.
3. Kuvuga ibinyoma (aribyho gukora kuri kibujijwe cyose).
4. Ubujiji (aribyho kuba ikigoryi no kutagira ubwenge).
5. Wiswalu (aribyho gusiba iminsi ibiri ikurikirana nta kurya).

### **IBISIBO BY'UMUGEREKA (SUNA)**

1. Gusiba iminsi itandatu y'ukwezi kwa Shawali, ku muntu wujuje igisibo cy'ukwezi kwa Ramadhani, kandi ibyiza nughita uyikurikizaho ku muni wa kabiri.
2. Gusiba umunsi wa Arafah ku muntu utari mu mutambagiro.
3. Gusiba umunsi wa Ashurau hamwe n'iminsi ibiri umunsi wa cyenda n'uwa cumi na rimwe.
4. Gusiba kuwa mbere no kuwa kane, ariko kuwa mbere bikarushaho.
5. Gusiba iminsi itatu buri kwezi, ibyiza kandi ni ugusiba iminsi ya Bidwi (Tariki ya 13,14,15).
6. Gusiba umunsi umwe no kurya undi.
7. Gusiba ukwezi kw'Imana kwa Muharamu.
8. Gusiba iminsi icyenda y'ukwezi kwa Dhul Hijat.
9. Gusiba ukwezi kwa Shaaban ariko ntukurangize.

### **IBISIBO BITARI BYIZA**

Si byiza kugira umunsi wa gatanu n'uwa gatandatu ndetse n'icyumweru umwihariko mu gusiba, ariko awusibye hari impamvu nta kibazo nko kuba uhuye mu muni wa arafat.

### **IBISIBO BIZIRIRIWE**

1. Gusiba ukwezi kwa Rajabu nk'umwihariko.
2. Gusiba ku muni w'ilayidi.
3. Gusiba umunsi wo gushidikanyaho.
4. Gusiba iminsi ya Tashiriq (iminsi itatu ikurikira ilayidi y'ibitambo), usibye gusa umuntu atabashije gutamba igitambo muri Hija.
5. Gusiba ibihe byose.

### **AMATEGEKO YO KWISHYURA IGISIBO**

- Ni byiza gukurikiranya iminsi wishyura.
- Ni ngombwa kandi guhita yishyura nyuma y'ilyidi.
- Ntabwo byemewe gukereza kwishyura kugeza ku yindi Ramadhani.
- Aramutse akereje kwishyura nta mpamvu, nta kindi asabwa usibye kwishyura iyo minsi atasibye, ariko abona ni cyaha.

### **ZAKATUL FITRI**

Ni itegeko ku muntu wese izuba ry'umunsi wa nyuma wa Ramadhani ryarenze ariho, akaba ari umuyislamu, yaba ari muto cyangwa mukuru, umugobo cyangwa umugore, umucakara n'utari we, ibyiza byayo ni ukuyitanga ku munsi w'ilyidi n'ijoro riyibanziriza, icyibo cy'ibiribwa bye n'abana be bikemura ibibazo bye bya mbere. Kandi nina byiza kuyitangira umwana w'uruhinja.

#### **Impamvu Zakatul Fitri yashyizweho:**

- Ni ukuba isukura igisibo cy'uwasibye, igikuraho umwanda n'ibidahwitse.
- Harimo guhaza abatindi n'abakene no kubabuza gusabiriza k'umunsi w'ilyidi.

### **IGIHE CYO GUTANGA ZAKATUL FITRI**

#### **IGIHE CYEMEWE:**

Mbere y'ilyidi ho umunsi umwe cyangwa iminsi ibiri.

#### **IGIHE CYIZA:**

Nyuma ya Al Fajir, mbere yuko basenga isengesho ry'ilyidi.

#### **IGIHE KIZIRIRIWE:**

Nyuma yo gusenga isengesho ry'ilyidi.

### **IGIPIMO GITANGWA MURI ZAKATUL FITRI**

Icyobo cy'ibiribwa, abantu bamenyereye, ntibyemewe kuyitanga ari amafaranga, icyibo kigomba kuba kingana na 2kg na 40gr, by'ingano nziza.

## **ISENGESHO RY'ILAYIDI**

Isengesho ry'ilayidi ni itegeko kuri buri wese, rikaba rigomba gusengwa nyuma yuko izuba rirasa rikazamuka ho ahangana n'icumu, kugeza izuba rivuye hagati mu kirere, iyo isengesho ry'ilayidi ryagucitse ntabwo ryishyurwa, kandi ni Suna kurisengera mu kigarama ahitaruye amazu, ariko no mu Musigiti biremewe, umuntu akaba asabwa kurya itende zigiharwe eshatu mbere yuko ajya gusenga ilayidi, yisukuye yisize amarashi, akambara imyenda myiza, akajya gusari ilayidi anyuze mu nzira imwe yagaruka akanyura mu yindi, kandi biremewe abantu kwifurizanya ilayidi nziza bagira bati "TAQABALA LLAHU MINAA WA MIN'KUM" ni byiza kandi gutora Tak'birat muri rusange mu ijoro ry'ilayidi na nyuma y'amasengesho kugeza izuba rirenze ku munsu w'ilayidi, uko izo Tak'birat zivugwa (ALLAHU AKBAR, ALLAHU AKBAR, LA ILAHA ILA LLAHU WA ALLAHU AKBAR WA LILAHIL HAMDU), isengesho ry'ilayidi ni Raka ebyiri mbere ya Khutubat, kuri Rakaa ya mbere atora Tak'birat esheshatu nyuma ya Tak'birat Ih'ram, kuri Rakaa ya kabiri mbere yuko asoma agatora Tak'birat eshanu hatarimo Takbirat yahagurukiyeho.

### **IBIBAZO KU IGISIBO**

1. Inkingi z'igisibo ni zingahe? O Ni ebyiri. O Eshatu. O Enye.

2. Igisibo cyiba itegeko kuri inde?

- a. ....
- b. ....
- c. ....
- d. ....

3. Buri ndwara ibuza umuntu gusiba (Nibyo – Sibyo).

4. Vuga amategeko agenga ibikorwa bikurikira:

| <b>IGIKORWA</b>                                    | <b>ITEGEKO</b> |
|----------------------------------------------------|----------------|
| Umuntu ufashe umugambi wo gusiba nyuma ya Al Fajir |                |
| Gusiba nta mugambi                                 |                |
| Igisibo cy'umwana muto                             |                |
| Igisibo cy'umuntu uri ku rugendo                   |                |



|                                                |                                                                                  |
|------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------|
| Igisibo cy'umuntu uri mu bisanza               |                                                                                  |
| Igisibo cy'umuntu wananiwe                     |                                                                                  |
| Umuntu kurya yari asibye                       |                                                                                  |
| Urushinge rwa Seromo ku muntu usibye           |                                                                                  |
| Gushyira igitonyanga mu jisho                  |                                                                                  |
| Urushinge rw'ikinya                            |                                                                                  |
| Gukora Hijama (kurasaga umutwe amaraso akava)  |                                                                                  |
| Kuruka                                         |                                                                                  |
| Kumira amacandwe                               |                                                                                  |
| Kumva ko ibiryo biryoshye                      |                                                                                  |
| Gusinzira usibye                               |                                                                                  |
| Koga kandi usibye                              |                                                                                  |
| Kwikonjesha kandi usibye                       |                                                                                  |
| Koza mu kanwa usibye                           |                                                                                  |
| Gucana ububani buhumura usibye                 |                                                                                  |
| Igihe cy'idaku                                 |                                                                                  |
| Niki umuntu yarya ku idaku?                    |                                                                                  |
| Niki umuntu yarya ku ifutari?                  | ..... igihe atazibonye<br>.....igihe<br>atazibonye..... igihe<br>atazibonye..... |
| Isengesho rya Taraweh                          |                                                                                  |
| Gukora Umurat muri Ramadhani                   |                                                                                  |
| Gukabya mu kwiunyuguzwa mu kanwa               |                                                                                  |
| Umuntu usibye gusomana                         |                                                                                  |
| Kungikanya igisibo cy'iminsi ibiri ikurikirana |                                                                                  |
| Gusiba iminsi itandatu ya Shawali              |                                                                                  |
| Gusiba umunsi wa Arafat                        |                                                                                  |

|                                                   |  |
|---------------------------------------------------|--|
| Gusiba umunsi ushidikanywaho                      |  |
| Gusiba umunsi w'ilyidi                            |  |
| Gusiba iminsi itatu ikurikira ilyidi y'ibitambo   |  |
| Gusiba ukwezi kwa Muharam                         |  |
| Gusiba ukwezi kwa Rajab                           |  |
| Gusiba ibihe byose                                |  |
| Gusiba k'umunsi w'uwa gatanu                      |  |
| Umuntu gutinza kwishyura kugeza kuyindi Ramadhani |  |

### **ICYA KANE: GUKORA HIJAT**

Hijat: Ni inkingi ya gatanu mu nkingi zigize Islamu, ikaba ari itegeko k'umuntu wujuje ibi bikurikira: Kuba umuyisumu, kuba afite ubwenge, kuba agejeje igihe cy'ubukure, kuba utari umucakara ndetse kuba ufite ubushobozi, k'umugore hiyongeraho kuba aherekejwe n'umuntu umuziririjweho igihe ashaka kujya gukora Hijat, inkingi za Hijat ni enye:

#### **IHIRAMU**

Ariwo mugambi wo kwinjira mu bikorwa bya Hijat, ariko umugambi ntabwo ari ugukora Talibiyat (kwitaba) nta nubwo Ihiramu ari ukwambara umukenyero n'umwitero.

#### **GUHAGARARA KU MUSOZI WA ARAFAT**

Kuva izuba rivuye hagati mu kirere gato ku munsi wa cyenda w'ukwezi kwa Dhul Hijat, kugeza umuseke utangaje ku munsi w'ilyidi, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati **"Hijat ni Arafat"**.

#### **GUKORA TWAWAFU**

(Twawafu yo gusura), ibaho nyuma yo guhagarara ku musozi wa Arafat, ariko ntabwo ari Twawafu umuntu akora akigera Makka.

#### **GUKORA SAAYI**

Hagati ya Swafa na Maruwa, Imana yaravuze iti **"Mu by'ukuri, Swafa na Maruwa ni bimwe mu birango by'Imana"**

## UBWOKO BW'IMIGENZO YA HIJAT

### AL IFRAD

Ni ukuba umuntu yagambirira gukora Hijat yonyine, agakora ibikorwa byayo gusa.

### AL QIRANU

Ni ukuba umuntu yagambirira gukora Hijat na Umurat hamwe, mu bikorwa bimwe, kandi agomba kuba afite igitambo.

### ATAMATUU

Ni ukuba umuntu yagambirira gukora Umurat mu mezi ya Hijat akayirangiza agakuramo imyambaro ya ihiramu, hanyuma akagambirira gukora Hijat mu gihe cyayo, ariko akaba agomba gutanga igitambo.

## IBYANGOMBWA BYA HIJAT

Umuntu uretse kimwe muri ibi byangombwa, ategetse kucyishyura atanga igitambo, cy'intama ibagirwa Makka ikagabanywa abakene ba Makka, kandi ntabwo byemewe ko uwayitambye ayiraho.

Kujya kugambirira gukora Hijat ku mipaka yabugenewe bita (Miqaat).

Guhagarara ku musozi wa Arafat kugeza izuba rirenze kuwahagaze kumanywa.

Kurara Muzidalifat.

Kurara Mina iminsi itatu ikurikira ilayidi y'ibitambo.

Gutera amabuye.

Kogosha umusatsi cyangwa kuwugabanya

Twawafu yo gusezera ikorwa n'utari mu mihango cyangwa mu bisanza, igihe ashaka kuva Makka ataha, nubwo amezi ya Hijat yaba yararangiyeye.

## IMIPAKA YO KUGAMBIRIRAHU HIJAT NA UMURAT

### IY'IBIHE

Ariyo amezi ya Hijat: Shawali, Dhul Qaadat na Dhul Hijat. Iyi ikaba ari imipaka y'ibihe bya Hijat by'umwihariko, naho Umurat yo nta mipaka igira y'ibihe.

### IY'AHANTU

- **Dhul Hulayifah:** Ni umupaka w'abantu ba Madinah ndetse n'abahanyura.
- **Al Juhfah:** Ni umupaka w'abantu ba Shami na Misiri na Marocco.
- **Qar'nul Manaazil:** Ni umupaka w'abantu ba Najidi.
- **Yulamlam:** Ni umupaka w'abantu ba Yemen.
- **Dhata Ir'q:** Ni umupaka w'abantu ba Irak.

## IBINTU BYIZA MURI HIJAT

Koga no kwisiga amarashi igihe ugiye kugambirira Hijat.

Guca inzara no kugabanya umusatsi ubona ari ngombwa kuwugabanya mbere yuko ufata umugambi.

Gukora Twawafu yo kugera Makka ku muntu ushaka gukora Hijat ya Ifradu ndetse n'iya Qiranu.

Gupfukura urutugu rw'iburyo igihe uri muri Twawafu yo kugera Makka ndetse na Twawafu ya Umurat.

Kurara Mina mu ijoro rya Arafat

Guhagarara Muzidalifat kuri Mashiaril haram kuva mu museke kugeza izuba ryenda kurasa, kandi Muzidalifat yose biremewe kuhahagarara.

Abagabo kwambara umwitero n'umukenyero byera

Kwitaba (Talibiyat), kuva umaze gufata umugambi kugeza umaze gutera amabuye Jamuratu aqabatu

Kwiruka mu ntambwe ntoya ku nshuro eshatu za mbere muri Twawafu yo kugera Makka na Twawafu ya Umurat.

Kubanza gufatanya isengesho rya Magharib na Al Ishau ukigera Muzidalifat.

Gusoma ibuye ryirabura

## **IBIBUJIJWE KU MUNTU WAMAZE GUFATA UMUGAMBI WA HIJAT**

Nabyo ni ibintu 9, aribyo: Kogosha umusatsi ku mutwe no ku mubiri, guca inzara, umugabo gupfuka umutwe, kwambara imyambaro idoze ku bagabo, abagore kwambara Niqabu na gat, kwihumuza ukoresheje (isabune cyangwa amarashi), kwica umuhigo ndetse no guhiga inyamaswa, kugira isezerano ryo gushyingirwa we cyangwa kurikorera undi, gukora imibonano mpuza bitsina, gukinisha umugore ahatari ku gitsina. Ukoze kimwe muri ibyo bintu bibujijwe yibagiwe cyangwa atazi itegeko ryabyo, cyangwa akabikora ashyizweho agahato, nta cyaha kuri we, usibye gusa uwishe umuhigo uwo agomba gutanga inshungu, muri rusange, naho ukoze kimwe muri biriya bintu bibujijwe abishaka, icyo gihe ibibujijwe kuri we biba biri mu bice bine:

### **IGIKORWA KITAGIRA INSHUNGU**

Gukora isezerano ryo gushyingiranwa, yaba kuri we cyangwa kurikorera undi, ni kimwe no gukinisha umugore ahatari ku gitsina, igihe adasohoye intanga, icyo gihe nta cyiru asabwa, asabwa gusa kwicuza.

### **IGIKORWA INSHUNGU YACYO IBA IMEZE NKACYO**

Kwica umuhigo no guhiga inyamaswa, uyishe uwo asabwa gutanga inshungu, ya rusange: Igihano cye kiba gutanga itungo rihwanye n'icyo yishe, byemejwe n'abantu babiri b'inyangamugayo.

### **IGIKORWA INSHUNGU YACYO IBA IREMEREYE**

Aricyo gukora imibonano mpuza bitsina, naho uyikoze mbere yuko agira uburenganzira bwa mbere, uwo aba yangije Hijat ye, akaba agomba kuzayisubiramo kandi akaba agomba gutanga igitambo.

### **IGIKORWA INSHUNGU YACYO IBA ARI IYO KUBUZA AMAHORO**

Ni ibindi bikorwa byose bibujijwe bisigaye, inshungu yabyo ikaba ari uguhitamo hagati ya: Ashobora gusiba iminsi itatu. Cyangwa kugaburira abakene batandatu, buri mukena agahabwa cyimwe cya kabiri cy'icyibo, cyangwa akabaga intama ikagabanywa abakene ba Makka.

### AMAZINA Y'IMINSI YA HIJAT:

|                                                                                             |                                                                      |                                                                    |                                              |                                                           |                                                            |
|---------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------|-----------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------|
| <b>Umunsi wa Tar'wiyat:</b><br>ariwo munsi wa 8, kuri uwo munsi bajyaga bajyana amazi Mina. | <b>Umunsi wa Arafat:</b><br>cyangwa wo guhagarara, ariwo munsi wa 9. | <b>Umunsi w'ilayidi,</b><br>n'umunsi wo kubaga: ariwo munsi wa 10. | <b>Umunsi wa Qari:</b><br>ariwo munsi wa 11. | <b>Umunsi wa Nafari ya mbere:</b> akaba ari umunsi wa 12. | <b>Umunsi wa Nafari ya kabiri:</b> akaba ari umunsi wa 13. |
|---------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------|-----------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------|

Ijoro rikusanyije byose: Ni ijoro ry'ilayidi, ryiswe iryo zina kubera ko abantu barikusanyika mo bose nyuma y'igihagararo cya Arafat, kuko abantu ba Makka mu gihe cy'ubujiji ntabwo bajyaga bajya Arafat.

### AHANTU HATANU MURI HIJAT HASABIRWA UBUSABE:

|                                                                                                     |                                                                              |                                                                                                                   |                            |                                                                                                                           |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Ku musozi wa Arafat nyuma yuko izuba riva mu kirere hagati ku munsi wa cyenda kugeza izuba rirenze. | Muzidalifat nyuma ya Al Fajir ku munsi wa cyenda kugeza izuba rigiye kurasa. | Nyuma yo gutera amabuye inking ya Jamurat ntoya ndetse n'iyi hagati, mu minsi itatu ikurikira ilayidi y'ibitambo. | Mu gihe cyo gokora Tawaaf. | Mu gihe cyo gukora Saayi (kugenda hagati ya Swafa na Maruwa), igihe ugeze ku musozi wa Swafa n'uwa Maruwa no hagati yayo. |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

## UKO HIJAT NA UMURAT BIKORWA

**SHEIKH MUHAMAD MWENE SWALEH AL UTHAYIMIN**

**(IMANA IMUGIRIRE IMPUHWWE) YARAVUZE ATI:**

Ni muba mugeze ku mipaka yabugenewe (Miqat), mujye mwoga mwisige amarashi ku mibiri yanyu mu mutwe no mu bwanwa, nimurangiza mufate umugambi wo gukora Umurat muzakora Hijat ya Tamatuu, hanyuma mujye Makka murimo kwitaba (Talbiyat), nimugera ku inzu ntagatifu, mukore muzenguruke Al Kaabat (Twawafu) ya Umurat inshuro zirindwi, kandi mu menye ko umusigiti wose wa Makka ushobora kuhakorera Twawafu haba hafi ya Al Kaabat cyangwa kure yayo, ariko ayikoreye hafi yayo nibyo byiza, igihe nta ngorane wahura nazo z’umubyigano, niba hari umubyigano jya uwuhunga wigire kure gato, kandi ibintu biroroshye Imana ishimwe. Nurangiza gukora Twawafu usari Raka ebyiri inyuma ya Maqamu ya Ibrahimu, hafi yayo biramutse bikoroheye bitakoroheye wakwigira hirya gato, icyangombwa nuko Maqamu iba iri hagati yawe na Al Kaabat, nurangiza ujye gukora Saayi ya Umurat (kugenda hagati ya Swafa na Maruwa), kandi uhere ku musozi wa Swafa nurangiza kuzenguruka inshuro zirindwi, mugabanye imisatsi yanyu ku mutwe wose, ntugabanye ku gice kimwe cy’umutwe ngo ikindi ucyihorere, uramenye ntuzagendere kubyo abantu benshi bakora.

Noneho nibigera ku muni wa munani w’ukwezi kwa Dhul Hijat, mujye mwoga mwisige amarashi hanyuma mufate umugambi wo gukora Hijat aho mwashyikiye mu mazu yanyu, hanyuma mwerekeze Mina muhasengere isengesho rya Adhuhur, Al Aswir, Magh’rib na Al Ishau ya nyuma na Al Fajir kandi mugabanya ku isengesho rya Rakaa enye musenga ebyiri ariko mudafatanyama amasengesho, kuko intumwa yanyu Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yajyaga agabanya Rakaa z’amasengesho Mina na Makka ariko atayafatanyije, izuba nirirasa ku muni wa Arafat mwerekeze ku musozi wa Arafat mwicishije bugufi kandi murimo kwitaba (Talbiyat), muhasengere amasengesho ya Adhuhur na Al Aswir muyafatanyije ku gihe cya Adhuhur, nimurangiza mufate umwanya wo gusaba ubusabe no guca bugufi ku Mana kandi mwihatire kuba mufite isuku, mwerekeye Qiblat nubwo umusozi wa Arafat waba uri inyuma yanyu, kuko itegeko ari ugusaba werekeye Qiblat kandi mwite cyane ku mbibi za Arafat n’ibimenyetso biharanga, kuko abenshi mu bakora Hija bahagarara ahatari mu mbibi za Arafat, kandi utahagaze Arafat Hijat ye ntiyemerwa, kubera ijambo ry’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) rigira riti **“Hijati ni Arafati”** kandi Arafat yose biremewe kuhahagarara iburasirazuba bwayo n’uburengerazuba, amajyepfo yayo n’amajyaruguru, usibye gusa mu kibaya cya (Arinatu), kubera ijambo ry’intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) rigira riti **“Mpagaze aha ngaha ariko Arafati yose harahagararwa”**.



Iyo izuba rirenze, mumaze kwemeza koko ko ryarenze mujye mwerekeza Muzidalifat mwitaba (Talibiyat) kandi mwicishije bugufi mujye mwitwararika umutuzo uko bishoboka kose nkuko intumwa yanyu Muhamadi yabibategetse, kuko yavuye Arafat ingamiya ye yayiziritse imigozi, avuga yerekana n'ukuboko kwe ati **“Yemwe bantu, murangwe n'umutuzo murangwe n'umutuzo”**. Nimugera Muzidalifat muhasengere Magh'rib na Al Ishau, hanyuma muharare kugeza mu gitondo, intumwa ntawe yigeze yemerera kuva Muzidalifat butaracya usibye gusa abafite imbaraga nkeya, yabahaye uburenganzira bwo kuhava mu ijoro rya nyuma, hanyuma nimumara gusenga Al Fajir mwerekere Qiblat mukuze Imana kandi muyishimire munayisabe kugeza izuba rigiye kurasa, hanyuma mbere yuko izuba rirasa mujye Mina, hanyuma mutoragure utubuye turindwi hanyuma mwerekeze ku nkingi ya Jamurat Aqabat ariyo ya nyuma yerekera Makka muyitere amabuye nyuma yuko izuba rirasa utubuye turindwi muvuga kuri buri kabuye muti **“Allahu Akbar”** mukabikora mwicishije bugufi kandi icyo gikorwa mugisha agaciro.

Kandi mumenye ko ikigambiriwe mu gikorwa cyo gutera amabuye, ari ugukuzza Imana no kuyisingiza, kandi ni ngombwa ko utubuye tugwa mu ibesani yabugenewe ntacyo ari ngombwa ko uhamya inkingi, nimurangiza gutera amabuye inkingi, mubage ibitambo byanyu, kandi igitambo cyemerwa ni icyemewe muri Adwuhiyat, kandi nta kibazo kuba washyiraho umuntu akakubagira, nyuma yo kubaga mwogoshe imisatsi yanyu, kandi ni ngombwa kogosha imisatsi yose, ntibyemewe kogosha hamwe ugasiga ahandi, naho umugore agabanya umusatsi we ungana n'urugingo rumwe rw'urutoki, nyuma yaho muba mudohorewe bwa mbere ibintu bimwe na bimwe, nko kwambara imyambaro isanzwe, guca inzara no kwisiga amarashi ariko ntimwemerewe kubonana n'abagore banyu, hanyuma mbere y'isengesho rya Adhuhur mujye Makka, mukore Twawafu ya Hijat ndetse na Saayi, hanyuma musubire Mina, gukora Twawafu na Saayi no gutera amabuye no kogosha, muba mudohorewe bwa kabiri, mukaba mwemerewe ibintu byose ndetse no kubonana n'abagore banyu.

Yemwe bantu, mumenye ko ukora Hijat ku munsu w'ilayidi akora imigenzo ine: Gutera amabuye Jamurat, hanyuma kubaga, hanyuma kogosha umusatsi, hanyuma gukora Twawafu na Saayi, ibi bikorwa byose bikorwa bikurikiranye mu buryo bwuzuye, ariko uramutse ubikoze mu buryo budakurikiranye ukabanza icyari guheruka, mukogosha umusatsi mbere yo kubaga ibyo nta kibazo, muramutse kandi mukereje gukora Twawafu na Saayi kugeza muvuye Mina nabyo nta kibazo, kandi munakereje kubaga mukazabagira Makka ku munsu wa cumi na gatatu, nabyo ntacyo bitwaye, cyane cyane igihe hari ikibazo cyangwa ukabikora kubera inyungu runaka.

Umunsu wa Cumi na rimwe kandi mugomba kurara Mina, maze izuba ryava mu kirere gato, mukajya gutera amabuye inkingi zose uko ari eshatu muheraye ku nkingi ya mbere hanyuma iyo hagati hanyuma Jamuratu Aqabat, buri nkingi muyitera utubuye turindwi, mukuza Imana uko muteye akabuye. Igihe cya gutera amabuye ku munsu w'ilayidi ku muntu ubishoboye ni igihe izuba rirashe, naho ku muntu w'integere nke, atera amabuye mu ijoro rya nyuma kugeza izuba rirenze, igihe cyo gutera amabuye nyuma y'umunsu w'ilayidi ni uguhera izuba rivuye mu kirere gato kugeza izuba rirenze, ntabwo byemewe kujya gutera

amabuye mbere yuko izuba riva mu kirere gato, ariko biremewe kujya gutera amabuye ninjoro igihe ku manywa hari umubyigano ukabije, iyo umuntu adashoboye kwiterera amabuye ubwe kubera ko ari muto cyangwa ageze mu zabuku cyangwa akaba arwaye ni byiza ko yagena uwamuterera amabuye, kandi ugiye guterera undi, biremewe ko abanza kwiterera we ubwe hanyuma agaterera uwamutumye mu gihe kimwe. Nimurangiza gutera amabuye ku munsu wa cumi na kabiri, icyo gihe Hijat iba irangiye, muri icyo gihe muba mufite uburenganzira igihe mwihuta kuva Mina, mwaba mutihuta mukarara Mina nanone ijoro rya cumi na gatatu, hanyuma izuba ryava mu kirere gato mukajya gutera amabuye na none inkingi zose uko ari eshatu, kandi ibyo nibyo byiza, kuko ariko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'umigisha) yabikoze.

Hanyuma mwaba mushaka kuva Makka mutaha mugakora Twawafu yo gusezera, umugore uri mu mihango cyangwa mu bisanza iyo Twawafu ntibareba, nta nubwo bemerewe kujya guhagarara ku muryango w'umusigiti.

### IBIBAZO KURI HIJAT

5. Hijat ni itegeko kuri inde?

- a. ....
- b. ....
- c. ....
- d. ....
- e. Ku mugore hyongeraho. ....

6. Inkingi za Hijat ni zingahe? O ebyiri. O Eshatu. O Enye.

7. Ihiram ni imwe mu nkingi za Hijat, aribyo kwambara umwitero n'umukenyero ku mipaka yabugenewe (Miqat) (Nibyo – Sibyo).

8. Twawafu y'itegeko siyo Twawafu ya Umurat, iya mbere ni inkingi naho iya kabiri ni Suna (Nibyo – Sibyo).

9. Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'umigisha) yakoze Hijat eshatu (Nibyo – Sibyo).

10. Ni ngombwa gukora Hijat vuba ukimara kugira ubushobozi (Nibyo- Sibyo).

11. Abantu ba Madinah umupaka wabo bafatiraho umugambi ni Yalamlam.

12. Imipaka ya Umurat y'ibihe ni ukwezi kwa Ramadhani (Nibyo – Sibyo).

13. Uzuza imyanya irimo ubusa mu nteruro zikurikira: Hijat na Umurat .....mu buzima .....rimwe, n'ukoze Hijat maze nta.....kandi nta.....agaruka yahanaguweho ibyaha ameze nk'umunsi nyina yamubyayeho, kandi Hijat yemewe nta kindi gihembo igira kitari.....

14. Abantu ba Makka bagambirira gukora Hijat aho bita Taniim (Nibyo – Sibyo).

15. Umugore iyo agiye gufata umugambi wa Hijat yambara imyenda y'umweru (Nibyo – Sibyo).
16. Ni byiza ku muntu ugiye gufata umugambi wa Hijat kwisiga amarashi ku.....ariko ntabwo ayasiga ku.....
17. Ntabwo byemewe ko umugore muri Hijat yambara imyambaro idoze (Nibyo – Sibyo).
18. Ntabwo byemewe ku muntu wamaze gufata umugambi wa Hijat kwambara umukandara (Nibyo – Sibyo).
19. Ntabwo umugore wamaze gufata umugambi wa Hijat yambara..... ndetse na.....
20. Ni Suna kugaragaza urutugu muri: O Twawafu ya Umurat. O Twawafu yo kugera Makka. O Twawafu yo gusura. O Icyamba mbere n'icyamba kabiri gusa. O Byose ibyatambutse.
21. Ni byiza ko urimo kugenda hagati ya Swafa na Maruwa, agenda yihuta cyane (Nibyo – Sibyo).
22. Kugenda hagati ya Swafa na Maruwa (saayi) bitangirira kuri ..... Ikarangirira kuri .....
23. Aba Haji bava Arafat mbere yuko izuba rirenga (Nibyo – Sibyo).
24. Guhagarara ku musozi wa Arafat ni kimwe mu byangombwa bya Hijat (Nibyo – Sibyo).
25. Ibikorwa bya Hijat bitangira ku munsu wa .....bigakomeza kugeza ku mpera y'umunsu wa .....
26. Ntabwo ari itegeko kurira umusozi wa Arafat (Nibyo – Sibyo).
27. Ni ngombwa ko ukoze Hijat yo mu bwoko bwa Tamatu na Qiranu atamba igitambo, bikaba Suna ku muntu wakoze Hijat yo mu bwoko bwa Ifradu (Nibyo – Sibyo).
28. Kwitaba (Talibiyat) bihagararana no gutera amabuye Jamuratu Aqabatu ku munsu w'ilayidi (Nibyo – Sibyo).
29. Umuhaji anaze ikabuye mu ibesani yabugenewe kadahamije inkingi, gutera kwe kuva kwemewe (Nibyo – Sibyo).
30. Umuhaji ku munsu wa cumi atera amabuye inkingi zose uko ari eshatu (Nibyo – Sibyo).
31. Mu munsu itatu ikurikira ilayidi (ayamu Tashiriq), gutera amabuye bitangira nyuma yuko izuba riva mu kirere ho gato (Nibyo – Sibyo).
32. Ni itegeko nyuma yo gutera amabuye inkingi ya Jamuratu Aqabatu ko usaba ubusabe (Nibyo – Sibyo).
33. Umuntu aramutse atindije gukora Twawafu y'itegeko kugeza igihe agiye kuva Makka ataha, icyo gihe Twawafu yo gusezera iba imuhagije, kandi Twawafu y'itegeko ninka Twawafu ya Umurat usibye ko muri .....naho.....
34. Ukoze Hijat ya Qiranu n'uwakoze Hijat ya Ifradu ni itegeko kuri bo gukora Saayi .....naho uwakoze Hijat ya Tamatu akora saayi.....
35. Vuga amategeko agenga ibikorwa bikurikira:

| IGIKORWA                                     | ITEGEKO |
|----------------------------------------------|---------|
| Hijat y'umwana mutoya                        |         |
| Hijat y'umugore utari kumwe n'umuziririjweho |         |
| Hajj of the one who has debts.               |         |
| Hijat y'umuntu ufite ideni                   |         |

### ISOMO RYA CUMI NA GATANU

#### BURI MUYISLAMU KURANGWA N'IMICO MYIZA YATEGETSWE

Kurangwa n'imico myiza yategetswe kuri buri Muyislamu ni ngombwa muri yo twavuga: Kuvugisha ukuri, kurinda indagizo, kwiubaha, kugira isoni, ubutwari, kugira Ubuntu, kuzuza amasezerano, kwirinda ibyo Imana yabujije byose, kubanira neza abaturanyi, gufasha abafite ibibazo uko ashoboye n'indi mico myiza yaje muri Qor'an no muri Sunat biyitegeka.

#### IBISOBANURO BYA NGOMBWA:

- (**Kuvugisha ukuri**) umuyislamu agomba kuba umunyakuri hagati ye n'Imana, mu bikorwa bye no mu magambo ye ndetse no mu myemerere ye, akaba umunyakuri mu bantu, ikinyuranyo cyabyo ni ukubeshya.
- (**Kurinda indagizo**) bikaba ari itegeko rihambaye umuntu yahekeshejwe, bikaba ari ikinyuranyo cyo guhemuka.
- (**Kwiubaha**) ni ukureka ibyaziririjwe byose.
- (**Kugira isoni**) ni umuco utuma umuntu akora ibyiza akareka ibibi.
- (**Kubanira neza abaturanyi**) ibyo bikaba bijyana no kubika amaso ukirinda kurebuzwa inenge z'umuturanyi wawe.
- (Gufasha abafite ibibazo) intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti **“Uzakuriraho umwemera ingorane imwe mu ngorane zo ku isi, Imana nawe izamukuriraho ingorane imwe mu ngorane zo ku muni w'imperuka, n'uzorohereza umuntu ugowo, Imana nawe izamworohereza ku isi no ku muni w'imperuka, n'uzahishira umuyislamu, Imana nawe izamuhishira ku isi no ku muni w'imperuka, kandi Imana yiteguye gufasha umugaragu wayo mu gihe nawe yiteguye gufasha umuvandimwe we”** Yakiriwe na Muslim.

## ISOMO RYA CUMI NA GATANDATU

### KWIFATA IMYIFATIRE YA KISLAMU

Kwitwara imyitwarire ya Kislamu ni ngombwa, muri yo twavuga: Gutara Salamu, Kugaragaza ibyishimo, kurisha ukuboko kw'indyo no kukunyweshya, kuvuga izina ry'Imana igihe utangiye kurya no kunywa, gushimira Imana iyo urangije kurya, no gushimira Imana igihe witsamuye, no gusabira impuhwe uwitsamuye agashimira Imana, gusura abarwayi, guherekeza umurambo no kuwusengera no kuwushyingura, gukurikiza imigenzo yategetswe mu kwinjira mu Musigiti, cyangwa kuwusohokamo, n'igihe ugiye ku rugendo, n'igihe uri kumwe n'ababyeyi ndetse n'abavandimwe yewe n'abaturanyi, n'igihe uri kumwe n'abantu bakuru ndetse n'abato, kwifuriza ibyiza uwabyaye, no gusabira imigisha uwarongoye, no kwihanganisha abagize ibyago n'indi myifatire yose ya Kislamu mu kwambara no kwiyambura imyambaro ndetse no kwambara inkweto.

### IBISOBANURO BYA NGOMBWA:

- Ijambo rigira riti (**Gutara Salamu**) ni ukuyivuga kandi ukayuzuzza uti (Asalam alayikum wa rah'matullahi wa barakatuhu), gusuhuzza uwo uzi n'uwo utazi kandi ukikiriza ugusuhuje.
- Ijambo rigira riti (**Kurisha ukuboko kw'indyo no kukunyweshya**) ni itegeko, ukanarisha intoki eshatu, ndetse wakwakira cyangwa watanga ni byiza kubikoresha indyo.
- Ijambo rye rigira riti (**Kuvuga izina ry'Imana igihe utangiye kurya**) ukavuga uti "BISMI LAHI".
- Ijambo rye rigira riti (**Gushimira Imana urangije kurya**), ukoresheje imvugo zaturutse ku intumwa Muhamadi nk'imvugo igira iti "AL HAMDU LILAH LADHIY ATW'AMANIY HADHA WA RAZAQANIHI MIN GHAYIR HAWUL MINYI WALA QAWATI".
- Ni itegeko kandi umuntu kurya ibiryo biri imbere ye, kandi sibyiza gusebya ibyo kurya.
- Ijambo rye rigira riti (**Gushimira Imana umaze kwitsamura**) ukavuga uti "AL HAMDU LILAH".
- Ijambo rye rigira riti (**Gusabira impuhwe uwitsamuye, igihe ashimiye Imana**) ukavuga uti "YAR'HAMUKA LLAHU" uwitsamuye nawe agasubiza ati "YAHADIKUM LLAHU WA YUSW'LIHU BALAKUM".
- Ijambo rye rigira riti (**Gusura abarwayi**) ni ukubasura kandi ukabigira kenshi mu bihe bikwiye, ariko ntajye atinda ku murwayi kandi ntatume yiheba ku mpuhwe z'Imana.
- Ijambo rye rigira riti (**Guherekeza umurambo no kuwusengera no kuwushyingura**) ibyo bikorwa n'abagabo gusa nta bagore.

- Ijambo rye rigira riti (**Gukurikiza imigenzo yategetswe mu kwinjira mu Musigiti, no mu rugo no gusohoka mo**) agomba kubanza ukuguru k'iburyo yinjira mu Musigiti akavuga ati “BISMI LAHI WA SWALATU WA SALAMU ALA RASULI LAHI, ALLAHUMA IFTAHU LIY ABUWABA RAH'MATIKA” mu gusohoka akabanza ukuguru kwe kw'ibumoso akavuga ati “BISMI LAHI WA SWALATU WA SALAMU ALA RASULI LAHI, ALLAHUMA INIY AS'ALUKA MIN FADHILIKA”. Naho kubyerekeye kwinjira mu rugo no gusohoka mo agomba kubanza ukuguru kwe kw'iburyo muri byose maze akavuga ati “BISMI LAHI TAWAKALITU ALA LLAHI WA LAHAWULA WALA QUWATA ILA BILAHU, ALLAHUMA INIY AWUDHU BIKI AN ADWILA AWU UDWALA AWU AZILA AWU UZALA AWU ADHILIMU AWU UDHULAMU AWU AJIHALU AWU YUJIHALU ALAYA” yaba yinjira mu rugo akavuga ati “ALLAHUMA INIY ASIALUKA KHAYIRAL MAWULIJI WA KHAYIRAL MAKH'RAJI, BISMI LAHI WALAJINA WA BISMI LAHI KHARAJINA, WA ALA LLAHI RABINA TAWAKALINA” yarangiza agasuhuza ab'iwe.
- Ijambo rye rigira riti (**Gusabira imigisha uwarongoye**) ugira uti “BARAKA LLAHU LAKUMA, WA BARAKA ALAYIKUMA, WA JAMAA BAYINAKUMA FIY KHAYIRI”.
- Ijambo rye rigira riti (**Kwihanganisha abagize ibyago**) ibyo bibaho gusa mu gihe cy'iminsi itatu idashobora kurenga.

## ISOMO RYA CUMI NA KARINDWI

### KUBURIRA KWIRINDA IBANGIKANYAMANA N'UBUNDI BWOKO BW'IBYAHA

Ni ngombwa kwirinda no kuburira abantu kureka ibangikanyamana n'ubundi bwoko bw'ibyaha, muri byo twavuga: Ibyaha birindwi byoreka aribyo: Ibangikanyamana, uburozi, kwica umuntu Imana yaziririje kwica bitanyuze mu kuri, kurya Riba, kurya umutungo w'impfubyi, guhunga urugamba no kubeshyera abagore biyubashye ubusambanyi.

Harimo na none: Gusuzugura ababyeyi, gucana umubano n'abavandimwe, guhamya ibinyoma, kurahira ibinyoma, kubuza amahoro umuturanyi, guhuguza amaraso y'abantu n'imitungo ndetse n'icyubahiro cyabo, kunywa ibisindisha, gukina urusimbi, gusebanya, kubunza amagambo, n'ibindi bitari ibyo Imana Nyagasani cyangwa intumwa yayo babujije.

### IBISOBANURO BYA NGOMBWA:

- Ijambo rye rigira riti (**Kubangikanya Imana**) bikubiyemo ibangikanya rikuru ndetse n'irito.
- Ijambo rye rigira riti (**Kuroga**) ubukoze cyangwa akemera kubukorerwa aba ahakanye, kandi kirazira kujya ku barozi cyangwa kureba Canal z'uburozi no gusoma ibinyamakuru birimo ibya barozi, ntabwo byemewe kuvuza uburozi ubundi, ahubwo uburozi buvurwa na Ruqiyat zemewe n'amategeko y'idini n'ubusabe bwemewe nko kwirumikisha.
- Ijambo rye rigira riti (**Kwica umuntu Imana yaziririje kwica**) yaba ari umuyislamu cyangwa utari we.
- Ijambo rye rigira riti (**bitanyuze mu kuri**) ukuri kuvugwa hano ni gutatu “**Umuntu wishe undi, umuntu warongoye agasambana, uwataye idini rye akitandukanya n'imbaga y'abayislamu**”.
- Ijambo rye rigira riti (**Impfubyi**) ni umwana wapfushije Ise atarageza imyaka y'ubukure.
- Ijambo rye rigira riti (**Guhunga urugamba**) ikigambiriwe ni igitero cy'abayislamu kirwana mu nzira y'Imana.



- Ijambo rye rigira riti (**Kubeshyera abagore biyubashye ubusambanyi**) ni abagore batari abacakara ntabwo ikigambiriwe hano ari abagore bafite abagabo.
- Ijambo rye rigira riti (**Kurahira ibinyoma**) ibyo ni kimwe no kurahira ikindi kitari Imana nko kurahira intumwa Muhamadi, cyangwa icyubahiro, ubuzima cyangwa imva n'ibindi.
- Ijambo rye rigira riti (**Gukina urusimbi**) bikaba ari buri mikoranire hagati y'utsinda n'utsindwa hashingiwe kucyo umuntu yashyizemo.
- Ijambo rye rigira riti (**Gusebanya**), intumwa Muhamadi yabisobanuye igira iti **“Ni ukuvuga umuvandimwe wawe ibyo atishimira”**.
- Ijambo rye rigira riti (**Kubunza amagambo**) aribyo kuzengurutse amagambo mu bantu.

### ITEGEKO RYO KURUSHANWA NO GUTSINDANA

#### **BIREMEWE HASHYIZWEHO IGIHEMBO CYANGWA KITARIHO:**

Amarushanwa y'amafarasi n'ingamiya n'imyambi, kubera ijamba ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti “Nta marushanwa usibye ayi ifarasi, ingamiya no kurasa”

#### **AMARUSHANWA AZIRIRIJWE BURUNDU:**

Gukina Rudo na Piyano n'ibindi nkabyo.

#### **AMARUSHANWA YEMEWE NTA BIHEMBO AKABA ATEMEWE HARIMO IBIHEMBO:**

Ni amarushanwa yose atari ayo twavuze.

## ISOMO RYA CUMI N'UMUNANI

### GUTUNGANYA UMURAMBO, KUWUSENGERA NO KUWUSHYINGURA.

Reka tukugezeho ibisobanuro birambuye:

1. Ni ngombwa gusubirishamo: Umuntu ugiye gupfa ijambo (LA ILAHA ILA LLAHU), kubera ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imanu imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti “Musubirishemo abantu banyu benda gupfa LA ILAHA ILA LLAHU” iyo bavuga uwenda gupfa ni umuntu watangiye kugaragarwaho n'ibimenyetso by'urupfu.
2. Iyo bigaragaye ko yitabye Imana: Bamufunga amaso, ubwanwa bwe bukaramburwa kubera ko hari imvugo zaturutse ku intumwa Muhamadi zibivuga.
3. Ni ngombwa koza umurambo w'umuyislamu: Usibye igiye yaba yapfuye ari k'urugamba rutagatifu, kuko we atozwa nta nubwo asengerwa ahubwo ashyingurwa mu myambaro ye, kubera ko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ntabwo yogeje abaguye ku rugamba rwa Uhudi nta nubwo yabasengeye.
4. Uko boza umurambo: Ugomba kubanza guhisha ubwambure bwe, hanyuma akegurwa ho gato, agakandakandwa mu nda ye buhoro, hanyuma umwoza akambara ku biganza bye gat akamusitanji, hanyuma akamutawaza nk'isuku yo gusenga, yarangiza akoza umutwe we n'ubwanwa bwe n'amazi ndetse na Sidri, cyangwa ikindi (nk'isabune), yarangiza ukoza uruhande rwe rw'iburyo, hanyuma urw'ibumoso, hanyuma akamwoza na none gutyo inshuro ya kabiri ndetse n'iya gatatu, kuri buri nshuro akanyuza ikiganza cye kun da ye, iyo hagize igisohoka muri we uracyoza, akanaziba imyanya yose akoresheje ipamba cyangwa ikindi kintu, iyo ridafata hakoresheya icyondo kimatira, cyangwa hagakoresheya uburyo bwa kibanga bugezweho, nka Siparadara n'ibindi, akongera akamutawaza, iyo inshuro eshatu zitamukesheje arazirenta akageza kuri eshanu cyangwa se kuri zirindwi, hanyuma akamwumutsa akoresheje umwenda, agashyira amarashi ahantu he habumbye (Mu maha no mu bibero), no ku bice yubamaho, ariko aramutse amusize amarashi umubiri wose byaba byiza, isanda ye akayinyuza mu mwotsi w'ububani, iyo ubwanwa bwe bwo hejuru ndetse n'inzara ze ari birebire, biragabanywa, ariko niyo babyihoreye nta kibazo, ntabwo yogoshwa umusatsi n'insya, nta nubwo asiramurwa kubera ko nta gihamba nimwe ibihamba, naho umugore we imisatsi ye isukwamo ibituta bitatu igashyirwa inyuma ye.

5. Kwambika umurambo isanda: Ibyiza nuko umurambo w’umugabo washyirwa mu myenda itatu y’umweru, nta kanzu irimo nta n’ikiremba, nkuko byakorewe intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) akayinjizwamo, ariko anashyinguwe mu ikanzu n’umukenyero akazingirwa mu mwenda nabyo ntacyo bitwaye.

Ariko umugore we ashyingurwa mu myenda itanu: ishati, umwitandiro, umukenyero n’imyenda ibiri azingirwamo. Naho umwana mutoya we ashyingurwa mu mwenda umwe kugeza kuri itatu, ashyingurwa mu ikanzu n’indi myenda ibiri yo azingirwamo.

Icyangombwa kuri buri wese ni umwenda umwe uhisha umubiri wose, ariko iyo uwapfuye yari yamaze kugambirira gukora Hijat (yambaye ih’ramu), arozwa n’amazi ndetse na Sidiri (cyangwa isabune) maze agashyingurwa mu mwitero n’umukenyero bye, cyangwa mu yindi, ariko ntapfukwa umutwe ndetse n’uburanga bwe, nta nubwo asigwa amarashi, kuko azazuka ku munsu w’imperuka yitaba (Talibiyat), nkuko Hadith yimpamo yaturutse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ibivuga.

Naho iyo uwapfuye yaragambiriye Hijat yari umugore, we ashyingurwa nkabandi ariko ntabwo asigwa amarashi nta nubwo uburanga bwe bupfukwishwa Niqab, n’ibiganza bye ntibyambikwa Gat, ariko uburanga bwe n’ibiganza bye bipfukishwa isanda ye muri rusange nkuko byatambutse mu bisobanuro by’uko umugore yambikwa isanda.

6. Umuntu ufite uburenganzira kurusha abandi bwo koza, gusengera no gushyingura uwapfuye: Ni uwo uwapfuye yasize avuze, hanyuma Se, hanyuma Sekuru, hanyuma abegereye uwapfuye uko bagenda bakurikirana ibyo ni k’umugabo.

Naho k’umugore: Ufite uburenganzira bwa mbere ni uwo yasize avuze, hanyuma nyina, hanyuma nyirakiru, hanyuma abegereye uwapfuye uko bagenda bakurikirana mu bagore.

Ariko abashakanye umwe afite uburenganzira bwo koza undi, kuko Abubakar Swidiqi yogeje n’umugore we na Alliy akaba yarogeje umugore we Fatwima (Imana ibishimire bose).

7. Uko basengera umurambo: Utora Tak’birat enye, kuri Tak’birat ya mbere ugasoma Surat Al Fatihat, ayisomanye n’indi Surat ngufi cyangwa Ayat runaka byaba byiza, kubera Hadith y’impamo ibivuga, yaturutse kuri Ibun Abasi (Imana imwishimire), Hanyuma agatora Tak’birat ya kabiri, agasabira intumwa Muhamadi nkuko abikora muri Atahiyatu, hanyuma agatora Tak’birat ya gatatu, akavuga ati “ALLAHUMA AGH’FIL LIHAYINA WA MAYITINA, WA SHIHIDINA WA GHAIBINA, WA SWAGHIRINA WA KABIRINA, WA DHAKARINA WA UNTWANA, ALLAHUMA MAN AH’YAYITAHU MINA FA AH’YIHI ALAL ISLAMI, WA MAN TAWAFAYITAHU MINA FATAWAFIHI ALAL IMANI, ALLAHUMA AGH’FIR LAHU, WA ARHAMUHU,

WA AFIHI WA AAFU AN'HU, WA AKRIM NUZULAHU WA WASII MUDKHALAHU, WA AGH'SILUHU BIL MAI WA THAL'JI WAL BARADI, WA NAQIHI NIMAL KHATWAYA KAMA YUNAQA THAUBUL AB'YADWU MINA DANASI, WA ABDILUHU DARA KHAYIRA MIN DARIHI, WA AH'LAN KHAYIRA MIN AHALIHI, WA ADIKHILUHUL JANATA WA AIDHUHU MIN ADHABIL QABRI WA ADHABI NARI, WA AF'SIHU LAHU FIY QABRIHI WA NAWIR LAHU FIHI, ALLAHUMA LA TAH'RIMUNA AJIRAHU WALA TUDWILANA BAADAHU” hanyuma agatora Tak'birat ya kane, agakora Salamu imwe iburyo. Ni byiza kuzamura amaboko kuri buri Tak'birat.

Iyo uwapfuye ari umugore uravuga uti “ALLAHUMA AGH'FIR LAHA.....”

Iyo imirambo isengerwa ari ibiri uravuga uti “ALLAHUMA AGH'FIR LAHUMA.....”

N'iyi imirambo isengerwa ari myinshi uravuga uti “ALLAHUMA AGH'FIR LAHUM....”

Naho iyo uwapfuye ari umwana mu busabe bwo kumusabira kubabarirwa uravuga uti “ALLAHUMA IJIALUHU FARATWA WA DHUKHURA LI WALIDAYIHI, WA SHAFIAN MUJABA, ALLAHUMA THAQIL BIHI MAWAZINUHUMA, WA AADHIMU BIHI UJURAHUMA WA ALHIQUHU BI SWALIHI SALAFIL MUUMININA, WA JIALUHU FI KAFALATI IBRAHIMA ALAYIHI SWALATU WA SALAMU, WA RIQIHI, BI RAHMATIKA ADHABAL JAHIMI”.

Ni Suna ko Imamu mu gusengera umurambo ahagarara ahegera umutwe we, naho ku mugore agahagarara hagati, iyo imirambo ari myinshi umurambo w'umugabo niwo uherera ahegera Imamu, naho umugore agaherera ahajya Qiblat, iyo imirambo irimo n'abana bato, umwaba abanza imbere y'umugore, hagakurikiraho umugore, hamyuma umwana w'umukobwa umutwe w'umwana ukaringanira n'uw'umugabo, uko ni nako ku bagore bimera, hagati he haringanira n'umutwe w'umugabo, abasari bose bakajya inyuma ya Imamu, usibye igihe hagira ubura umwanya inyuma ya Imamu ahagarara iburyo bwe.

8. Uko bashyingura umurambo: Itegeko ni ugucukura imva ikagera umugabo hagati, kandi igashyirwamo mwana ndani mu gice giherera Qiblat, umurambo ugashyirwa muri mwana ndani uryamiye igice cy'uburyo, maze amapfundo y'isanda agapfundurwa ariko utugozi ntidukurwemo nta nubwo umurambo upfukurwa mu maso waba uw'umugabo cyangwa uw'umugore, hanyuma hagahagarikwaho amatafari hagashyirwaho n'ibyondo bituma itaka ritamugeraho, iyo amatafari bidashobotse hifashishwa imbaho cyangwa amabuye byamurinda itaka hanyuma hagashyirwaho itaka, kandi ni byiza igihe hakorwa ibyo kuvuga uti “BISMLAHI WA ALA MILATI RASULI LAHI” imva ikazamurwa ho gato hagashyirwaho ibiti biranga aho itangiriye naho irangiriye

Igihe bishobotse, imva ikanaterwaho amazi.

Kandi abagiye gushyingura ni byiza ko bahagarara iruhande rw'imva agasabira uwapfuye, kuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) iyo yarangizaga gushyingura umurambo, yahagararaga hejuru y'imva maze akavuga ati **“Nimusabire umuvandimwe wanyu kubabarirwa ibyaha, kandi mumusabire gushikama kuko ubu agiye kubazwa”**.

9. Kandi umuntu utabashije gusengera uwapfuye: Biremewe ko yamusengera bamaze kumushyingura, kuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabikoze, ariko ibyo bigomba kuba bitarengeje ukwezi umuntu apfuye, iyo igihe kirengeje ukwezi ntabwo byemewe kujya kumusengera ku mva, kuko nta mvugo yaturutse ku intumwa igaragaza ko yasengeye ku mva nyuma y'ukwezi umuntu ashyinguwe.

10. Ntabwo byemewe ko abapfushije batekera abantu ibyo kurya: Kubera imvugo ya Jariri mwene Abdillahi Al Bujaliy umusangirangendo ukomeye (Imana imwishimire) yaravuze ati **“Twajyaga dufata ko guteranira k'uwapfushije no gukorera ibiryo nyuma yo gushyingura ari ukuborogera uwapfuye”** naho kubakorera ibiryo bo ubwabo cyangwa abashyitsi babo, ibyo nta kibazo kirimo, ni byiza ko abo hafi y'uwapfushije mu muryango ndetse n'abaturanyi be babakorera ibiryo, kuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ubwo yagerwagaho n'inkuru y'urupfu rwa Jaafar mwene Abi Twalib i Shami, yategetse abantu be gukorera umuryango wa Jaafar ibiryo, aravuga ati **“Mu by'ukuri, bagezweho n'ibibahangayikishije”** kandi nta kibazo ku bantu bapfushije ko bahamagara abaturanyi cyangwa abandi bagasangira ibiryo bazaniwe, kandi ibyo ntibigira igihe bikorerwamo ntarengwa.

11. Ntabwo byemewe ku mugore: Kuririra uwapfuye igihe kirenze iminsi itatu, usibye gusa igihe uwapfuye yaba ari umugabo we, icyo gihe ni ngombwa ku mugore kumwunamira (Eda) amezi ane n'iminsi icumi. Usibye igihe umugore yaba atwite amwunamira (Eda) kuzageza abyaye, kubera imvugo z'impamo zibihamya zaturutse ku intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Naho umugabo nti byemewe kuri we kunamira (eda) umuntu wapfuye yaba ari mu muryango we cyangwa mu bandi.

12. Abagabo biremewe ko basura amarimbi: Igihe icyo aricyo cyose, kubera kugasabira no kubifuriza impuhwe z'Imana, ndetse no kugira ngo bibibutse urupfu n'ibibaho nyuma yarwo, ibyo bikomoka ku ijambo ry'intumwa y'Imana rigira riti **“Mujye musura amarimbi, kuko abibutsa imperuka”** kandi intumwa Muhamadi yajyaga yigisha abasangirangendo be mu gihe babaga basuye amarimbi ko bavuga bati:

“ASALAMU ALAYIKUM AHALA DIYARI MINAL MUUMININA WAL MUSLIMINA, WA INA INSHAA LLAHU BIKUM LAHIQUNA NASIALU LLAHA LANA WA LAKUMUL AFIYAT, YAR’HAMU LLAHU AL MUSTAQ’DIMINA MINA WAL MUSTAAKHIRINA”.

Naho abagore ntibemerewe gusura amarimbi, kuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) **“Yavumye abagore basura amarimbi”** no kubera ko mu gusura amarimbi kwabo hatinywako havukamo ibigeragezo hanyuma no kwihangana gukeya bagira.

Ni nkuko bitemewe kuri bo guherekeza umurambo kugera ku marimbi, kuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yababujije guherekeza umurambo, naho gusengera umurambo mu Musigiti cyangwa ahandi, ibyo byo biremewe kuri bese abagabo n’abagore.

**Ibi nibyo dushoboye kwegeranya Amahoro y’Imana abe ku intumwa yacu Muhamadi no ku bantu b’iwe ndetse n’abasangirangendo be.**

### **IBICE BYO GUSURA AMARIMBI**

#### **GUSURA AMARIMBI BYEMEWE:**

Ni igihe ugiye kuyasura aba agambiriye mo kwibuka imperuka, kandi ntabikorere uruzinduko, kandi akagambirira mo kwisabira ubusabe we ubwe ndetse n’abapfuye muri rusange, akoresheje ubusabe bwaturutse ku intumwa Muhamadi, kandi akirinda kunyuranya nabwo.

#### **GUSURA AMARIMBI BYA**

##### **GIHIMBANO:**

Ni igihe ugiye kuyasura aba yagambiriye mo gusabira Imana ku marimba.

#### **GUSURA AMARIMBI**

##### **KW’IBANGIKANYA:**

Ni igihe ugiye kuyasura aba yagambiriye mo gusaba uwapfuye uri mu mva.

## IBIBAZO KU IBYATAMBUKSE

1. Guhora urangwa na gahunda ndetse n'umyitwarire y'idini, ni imwe mu mico iranga Umuyisilamu (Nibyo – Sibyo).
2. Idini yanyje integeko kugira inshuti abantu babi no kugendera kure abantu beza (Nibyo – Sibyo).
3. Islamu yatwigishije gukorana neza n'abakozi ndetse n'abandi (Nibyo – Sibyo).
4. Inshuti yanyje ni umuntu ubuza abandi amahoro akoresheje ururimi rwe n'ukuboko kwe (Nibyo – Sibyo).
5. Umuntu antutse nanjye ndamusubiza kandi bikandyohera (Nibyo – Sibyo).
6. Islamu yanyigishije gufasha abatishoboye ndetse n'abanya ntege nke (Nibyo – Sibyo).
7. Kumwe mu kuri umuyisilamu agomba mugenzi we, ni ukumusura igihe arwaye kandi akamusabira gukira vuba (Nibyo – Sibyo).
8. Kurebuzwa amabanga y'umuturanyi ni bimwe mu biranga abemera (Nibyo – Sibyo).
9. Abantu Imana ikunda cyane, ni abafitiye abandi akamaro (Nibyo – Sibyo).
10. Ubusabe bwo gusohoka mu rugo ni: (BISMILAHU WALAJINA WA BISMILAHU KHARAJINA WA ALA RABINA TAWAKALINA" (Nibyo – Sibyo).
11. Mbwira umuntu untutse nti "YAHADIKUM LLAHU WA YUSWILIHU BALAKUM" (Nibyo – Sibyo).
12. Ugusingiza Imana birinda umuyisilamu kandi bikamwegereza ku Mana Nyagasani (Nibyo – Sibyo).
13. Ni ikihe kimenyetso kigaragaza urukundo rwawe ku muvandimwe wawe w'umuyisilamu?  
.....
14. Bimwe mu biranga ukwemera guke: Ni ukugirira ishyari umuvandimwe wawe w'umuyisilamu (Nibyo- Sibyo).
15. Ni izihe mpamvu zizana urukundo?.....
16. Ibisindisha byaziririjwe ni ibyitwa inzoga (Nibyo – Sibyo).
17. Si byiza guhuha mubyi kurya n'ibyo kunywa (Nibyo – Sibyo).
18. Ni byiza kurigata intoki igihe umaze kurya mbere y'uko ukaraba intoki (Nibyo – Sibyo).
19. Kudakabya niyo gahunda ikenewe mu kurya no kwambara ndetse no kurimba (Nibyo – Sibyo).
20. Ufite uburenganzira bwa mbere bwo koza, gusarira no gushyingura uwapfuye ni .....  
Hanyuma .....hanyuma .....hanyuma.....
21. Kwishyura umwenda w'uwapfuye ni: O Itegeko. O Ni suna. O Biraziruwe.
22. Itegeko ryo gushyingura umurambo ni: O Suna. O Ni itegeko. O Itegeko kuri bamwe.



23. Itegeko ryo gusubirishamo ugiye gupfa kuvuga LA ILAHA ILA LLAHU ni: O Itegeko.  
O Ni suna. O Ni ikizira.
24. Itegeko ry'umuntu utaratoranyijwe kujya aho bogereza umurambo ni: O Ni ikizira.  
O Biraziruye. O Si byiza.
25. Imishumi iba ihambiriye isanda y'uwapfuye ihamburwa iyo yinjijwe mu mva (Nibyo – Sibyo).
26. Ntabwo umwe mubashyingiranywe yemerewe koza mugenzi we igihe yapfuye, kuko isezerano  
ryo gushyingiranwa rirangirana no gupfa (Nibyo – Sibyo).
27. Abagore n'abagabo bashobora koza ufite .....
28. Umuntu ucitswe n'isengesho ry'uwapfuye, amusengera .....ariko mu gihe  
kitarenze.....
29. Kuririra uwapfuye biremewe muri rusange. (Nibyo – Sibyo).
30. Umurambo ushyirwa mu mva werekeye Qiblat (Nibyo – Sibyo).



مسارحان  
مسارحان

Email: [islamtorrent@gmail.com](mailto:islamtorrent@gmail.com)  
Tovuti: <https://alsarhaan.com/>  
Tovuti: <https://mahadsunnah.com/>